# Ubugingo Buri Muri Gereza Ubu

Jeffersonville, Indiana, USA
10 Ugushyingo 1963

1 Urakoze. Twubike umutwe akanya gato. Data wo mu Ijuru, turagushimira ku bw'aya mahirwe dufite yo kongera tugaterana, tuzi ko umunsi umwe tuzaterana bwa nyuma nk'abapfa, noneho nyuma tuzaterana na We mu mimerere y'ubwiza, kandi abacunguwe bose b'ibisekuru byose bazateranira aho.

Yoo! imitima yacu itera n'imbaraga muri ibyo byiringiro bikomeye twiteze, dutegereje ko iyo saha igera! Ku bw'ibyo, gutinya kose kutuvaho. Nta kintu dufite cyo gutinya, nta kintu cyo kongera gushidikanyaho. Tureba imbere ahagana ku isezerano Imana Ihoraho yaduhaye, kandi tuzi ko ari Ukuri. Ni yo mpamvu turiho. Turiho iyi saha, ku bw'iki gihe aho uyu mubiri upfa uzahindurwa kandi tukazasa na We; kandi ntihazongera kubaho uburwayi, umubabaro, agahinda. Yoo! byose bizaba birangiye ubwo. Kandi n'umutima unezerewe, dutegerejanye uwo munsi hamwe no kwizera n'umwete.

2 Ni yo mpamvu duteraniye aha uyu munsi, Mwami, kugira ngo twature amakosa yacu no gusaba imbabazi. Ni yo mpamvu duhagaze imbere y'iki gicaniro iki gitondo, kuko tuzi ko twambaye umubiri upfa, kandi ko hari amakosa menshi muri twe, kandi ko twuzuye amafuti. Ariko tuje kwatura amakosa yacu noneho nyuma turebe kuri Data wa twese wo mu ijuru hamwe n'imitima ifunguye, ku mpamvu y'imigisha no guhindurwa gushya kw'imbaraga zacu no kwizera kwacu azaduha kuri iyi saha, mu gihe duteraniye aha bijyanye n'isezerano, ahantu ho mu ijuru muri Krisitu Yesu. Mu by'ukuri, turahamya ko twavuye mu rupfu tujya mu Bugingo bijyanye n'isezerano Rye, kandi ko twazamuwe mu kirere cyo mu ijuru aho twicaranye na We ubu. Ashobore kutwigisha iki gitondo ibintu Yifuza ko twamenya, no kuduha Umugati w'Ubugingo, kugira ngo dushobore gushyigikirwa mu minsi izaza. Bitange, Mwami. Ni isengesho dukoze mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

Mushobora kwicara.

3 Mwaramutse mwese. Ni byiza cyane kongera guteranira aha iki gitondo muri iki kirere cy'ijuru ryo kuramya.

Nakerereweho gake. Twagize amakuru mabi cyane, cyane hashize iminota runaka; umuhungu yari yirambitse aho, yenda gupfa. Kandi nk'uko mpagaze aha nta gushidikanya, Umwami yakoze ku mubiri we kandi aramukiza.

Kandi uwo muhungu ari aha; ni umwana wa mubyara wanjye. Bari abanyagaturika b'ukuri bagitangira. Kandi icyo gitondo, bajyiye mu misa, noneho ikintu runaka cyababwiye kuza aha. Kandi ndetse… Hari impinduka; ndetse baje mu rugo kwitegura ku bw'umubatizo w'amazi. Ku bw'ibyo rwose hari gusa ibintu bihebuje Umwami wacu asohoza igihe cyose. Akora ubudacogora ibintu. Baje kugira ngo binjire, ariko ntibabishoboye. Bavuze ko hatari uburyo bwo kwinjira muri make.

4 Narababwiye nti "Noneho, murashaka kumvugisha?" Noneho ndavuga nti "Muze gusa mu rugo kandi tuzabivugira aho."

Ndetse naratekerezaga, mu kujya i New York, muri iryo teraniro ry'igihe kizaza, ko byaba mu by'ukuri byiza. . . Nzi ko nafashwa nsimbukiye yo kandi ko nzakomeza ubwo bubyutse nzaba nakongejwe na mwe mwese. Kandi twahagaze ku bw'umunsi umwe, muri icyo gitondo. Twaje ejo bundi hashize saa sita.

5 Noneho nyuma tugomba kugenda. Nendaga kugenda nyuma ya saa sita, ariko nibuka ko tuzagenda kare, kare cyane ejo mu gitondo. . . Byashoboka ko haba hari umuhanda w'urubura n'ibindi byose, kuva aha ujya i New York. Ngomba kwambuka Virginia, imisozi ndetse na Alleghenies, kandi nkajya mu kibaya cya Adirondacks.

6 Ku bw'ibyo, tuzatangira. . . Ni inyubako nshya, aho. Ndumva ko basenye inyubako ya kera St. Nicolas. Bubabatse iyo nyubako nshya.

Kandi uko mbizi, tugenda mu migoroba ya mbere yigeze. . . yakuweho. Ni yo mpamvu tubishimira, dushimira abo bapantekote b'i New York bakomeye. Kandi ndatekereza ko hari amatorero menshi akorana, kandi dutegereje kugira ibihe byiza cyane.

Kandi tuzagaruka, Umwami nabishaka, mu cyumweru gitaha. Kandi niba ari ubushake bw'Imana, noneho, twiringiye ko tuzashobora guhagarara ku cyumweru, mu cyumweru kimwe, ku bw'umurimo wo ku cyumweru mu gitondo.

Ni ukuvuga ko nongeye kubuza umushumba wacu gukomeza, nk'ibisanzwe, murabona, kandi natekerezaga ko nashoboraga no kwinjira ntabanje ndetse kubivuga. Noneho ubwo, bigaragara ko aha hari itsinda ryiza ry'abantu kandi nkaba mbona abantu bo hanze baje, natekerezaga ko uyu mugoroba, niba umushumba ntacyo afite avuga kidasanzwe, twagira amateraniro, rwose mugufi, noneho wenda tugasengera abarwayi. [Mwene Data Neville n'iteraniro barishima - Ed.] Murakoze.

7 Twiringiye gusengera abarwayi uyu mugoroba, kuvuga ku gukiza kw'Imana no gusengera abarwayi.

Turatangira kare kugira ngo dushobore gusohoka kare. Mutangira muri rusange saa 7h30', si byo? Noneho dutangiye saa 7h uyu mugoroba, saa 7h [Mwene Data Neville aravuga ati "Amina" - Ed.], bityo ngatangira saa 7h30'? Ibyo byatuma dusohoka saa 8h cyangwa 8h30' kandi ibyo bizaha abantu igihe cyo gutaha; niba byose biri mu mwanya. Umuntu wese yasetse igihe navugaga nti "8h cyangwa 8h30'". Niringiye gusohoka kuri iyo saha. Dusengera abarwayi, murabizi, ntawamenya.

Ndetse, twagize igihe gihebuje kuva igihe twagendaga mu ntangiriro y'umuhindo, kandi Umwami yaduhaye umugisha w'ubwoko bwose w'ibintu bikomeye. Uyu mugoroba, Umwami nabishaka, ndifuza kubabwira ku gusurwa guheruka kw'Imana nabonye muri Colorado hashize ibyumweru runaka; kandi ni cyo natekereje kubazanira ubu kugira ngo wenda mbyutse kwizera, mu rwego rw'umurimo mwiza wo gukiza uyu mugoroba ku bw'abarwayi n'abafite intimba.

8 Noneho iki gitondo, kugira ngo twinjire twihuse mu murimo… Ikintu runaka cyankoze k'umutima hashize hafi ukwezi, kandi byashoboka ko ubu. . . Ndatekereza ko barimo kubifata amajwi? Byiza cyane. Ni ukugira ngo menye ahantu igihe bande izajya ku bandi. Sinshobora kuvuga ko icyo ngiye kuvuga iki gitondo. . . Nzi ko ari ukuri, murabona, igice Butumwa kizaba ukuri, ariko ikintu nshaka gukora, ni ikibazo mu mwuka wanjye. Ibyo bimeze nk'ibifatika, kandi nyamara, kuva igihe ninjiraga... ibyo nabihishuriwe, nari mfite mu by'ukuri ubwoba bwo kuvuga ikintu kidakwiriye noneho nkaba nasiga urujijo mu bantu.

9 Inyandiko nari natoranyije ku cyo nari ngiye kuvuga, nakuyeho igice kugira ngo ibyo bidakomera cyane. Kubera ko, murabona, niba umuntu. . . Nkunda Umwami Mana kandi uburyo bumwe gusa kuri njye bwo kumenya ko mukunda, ni ukubera ko mbakunda. Murabona, ni bwo buryo gusa kuri njye bwo kubimenya.

Rero, sinshaka guceceka ikintu nahishuriwe ngo noye kukibabwie, kandi nagombaga kukibabwira. Noneho nyuma, mfite ubwoba ko mvuze ikintu gikomeye cyane, ibyo byashobora gukomeretsa umuntu. Kandi murabizi... Ugomba kugera ku gicaniro noneho ukumva uyobowe kuvuga icyo ugomba kuvuga. Ni byo, nta kindi. Kandi rimwe na rimwe, birashoboka ko mwavuga ikintu runaka kandi umuntu akaba yacyumva mu bundi buryo, kandi akazagendera muri iyo myumvire. Noneho umuntu akavuga ati "Yoo! ni ibyo." Murabona.

10 Ariko ndashaka ko mwamenya ko icyo ngiye kuvuga ari ugucyekeranya. Kandi ijambo gucyeka rishatse kuvuga kwiyemeza nta bubasha. Ku bw'ibyo, simvuga ko ibi ari ukuri, ariko ni igitekerezo gito gusa nshobora gusangira namwe kugira ngo mushobore kugipima no kureba icyo mubitekerezaho. Noneho nyuma ibyo bizaba bijyanye n'ibyanditswe kubera ko nta kintu nabwiriza. . .

Ariko, ese isaha yamaze kugera? Ibi byabaye kuri iyi saha, kandi ibyo bintu byashakaga kuvuga ibyo? Ndasaba n'imbaraga zanjye zose kugira ngo bitaba gutyo. Murabona? Ndasaba ko bitaba ukuri, bitaba iyi saha. Ibyo bizaba, ese icyo gihe cyamaze kugera? Murabona, ni cyo nibaza. Noneho, umuntu wese arumva mu buryo bwuzuye ko ntabizi? [Iteraniro riravuga riti "Amina." - Ed.] Ese ni uyu mwanya? Niba ariko bimeze, Imana itugirire impuhwe; ariko niba atari uyu mwanya amaherezo ibyo bizaza.

11 Dufite gahunda ndende y'urugendo imbere yacu, Umwami nabishaka. Ngomba kujya hakurya y'inyanja, neza nyuma ya Noheli, mu Burayi no muri Aziya, by'umwihariko mu Burayi. Noneho nyuma, nzagaruka aha muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku bw'amateraniro runaka, kandi nyuma nzansubira muri Afurika y'Epfo. Nzatangira kuri 2 nzeri i Durban kandi nzajya, ndatekereza, kuva kuri 2 kugeza hafi ku Nyuma nzagira iminsi 3 yo kujya aho i Johannesburg kugira ngo nongere ntangire. Ariko ndatekereza ko ari muri mata tuzajya mu bihugu byo mu majyaruguru y'Uburayi: muri Norvege na Suede, no muri Finlande, no mu Buhorande, no mu Busuwisi, no Budage, na aho mu Burayi bwose. Ku bw'ibyo, mudusengere.

12 Tuzagira aha amateraniro runaka ya Noheli mu gihe gito, neza nyuma ya Noheli. Ku bijyanye n'ibyo, turifuza kuba aha mu rugo kuri Noheli, murabona. Abana barashaka gutaha mu rugo kuri Noheli. Kandi dukunda Arizona, ariko murazi, icyo dukumbura kandi tudashobora kwibagirwa, ni uru rusengero namwe, abantu. Aho twajya hose, icyo dukora, ni… Ku bw'abana, umugore wanjye, bose nanjye, mu by'ukuri nta hantu hahari nk'aha. Ni byo. Nta hantu mu by'ukuri hahari.

Nagendeye hejuru y'Inyanja zirindwi kandi nabaye ahantu hose, ariko nta hantu hahari hambereye ahera nk'aha hantu hato, neza aha. Ni ibyo. Muzave aha inshuro imwe, niba mushaka kubyumva. Hari ikintu aha. Nabwirije mu isi yose, ariko sinigeze numva, igihe na kimwe, ahantu na hamwe, Umwuka w'Imana ukora mu bwisanzure n'ibindi byose, nk'uko mpagarara neza aha. Ni ibyo.

Ni nk'umunsi nashyiragaho iri buye rikomeza imfuruka, aho, naravuze nti "Mwami Mana, ntuzareke ibi bigwa." Abantu baravuze bati "Mu mezi abiri, bizaba igaraje."

Naravuze nti "Ntuzareke ibi bigwa, Mwami. Reka ibyo bihagarare kandi abantu barimo bazabe barimo kuguhimbaza igihe Yesu azagaruka." Niringiye ko ari ko bizagenda.

13 Byiza, dufungure Bibiliya zacu ubu kandi dutegereze Umwami aduhe imigisha Ye; kandi turashaka

gusoma imirongo runaka y'Ibyanditswe. Mfite imirongo runaka y'Ibyanditswe yanditse aha, ndetse n'inyandiko runaka, ndibwishingikirizeho. Kandi ndashaka gusoma ahantu hatatu muri Bibiliya, kandi ngiye bwa mbere kuyibaha. Ndashaka gusoma muri Yuda 5 na 6. Yuda, ni Igitabo kimwe gusa, murabizi. Kandi nyuma, ndashaka gusoma II Petero 2:4 na 5. Noneho nyuma ndashaka gusoma I Petero 3, kuva kuri 18 kugeza 20.

Kandi insanganyamatsiko yanjye iki gitondo, Umwami nabishaka, ni "Ubugingo buri muri gereza ubu." "Ubugingo buri muri gereza ubu." Bufunze, bwaciriweho iteka iminsi yose. Nta na rimwe. . . Nta buryo na bumwe bwo gukira, murabona. "Ubugingo bufunzwe ubu."

14 Noneho, dusome bwa mbere mu Gitabo cya Yuda. Ndizera ko nabyanditse aha, bwa mbere muri Yuda, nyuma muri 2 Petero, noneho nyuma muri 1 Petero. Noneho, Yuda, ndashaka kubisoma byose, ariko gusa kugira ngo ducunguze uburyo umwete, kuko ubu ni 10h30', ngiye gutangirira ku murungo wa 5. Byiza, Yuda yari mwene Data, mwene se wa Yesu Krisitu bonse ibere rimwe, nk'uko tubizi twese. Murabona? Yari umuhungu wa Yozefu.

"Ngiye kubibutsa, mwe muzi neza cyane ibyo bintu byose, ko Umwami, nyuma yo gukiza ubwoko kandi akabukura mu gihugu cya Egiputa, nyuma yarimbuye abatizera."

Bwa mbere, Yarabakijije, abasohora mu gihugu cya Egiputa, noneho nyuma Yagombye kubarimbura, kubera ko batakomezanye n'ubutumwa bwabo. Murabona?

"Yabikiye urubanza rw'umunsi ukumeye, baboshye iteka ryose n'iminyururu y'umwijima, abamarayika batarinze icyubahiro cyabo, ahubwo baretse ubuturo bwabo bwite."

Abamarayika, babaga kera mu ijuru kandi batarinze icyubahiro cyabo, ntibagumye kuba icyo bari cyo; baraguye noneho ubu baboshye iminsi yose n'iminyururu y'umwijima, baboshye by'iminsi yose n'iminyururu y'umyijima. Barindiwe muri iyo mimerere kugeza ku munsi w'urubanza rw'Umunsi ukomeye, igihe bazacirwa urubanza hamwe n'abatizera bose.

15 Noneho, muri 2 Petero, igice cya 2, dutangirire ku murongo wa 4, . . . ari byo Gitabo kimwe neza cyangwa bibiri inyuma. Murabona.

"Kuko ubwo Imana itababariye abamarayika bakoze icyaha, ahubwo ikabajugunya mu mworera, ikababohesha iminyururu y'umwijima ngo barindirwe gucirwa ho iteka;

Kandi ubwo itababariye isi ya kera, ahubwo ikarokorana Nowa umubwiriza wo gukiranuka n'abandi barindwi gusa, ubwo yatezaga

isi y'abatubaha Imana umwuzure. . ."

Ntiyazigamye abamarayika, ariko Yabashyize mu mworera w'umwijima kandi yaciriyeho iteka isi yose binyuze mu gusenyuka. . . kwa Nowa.

16 Noneho, muri 1 Petero, igice cya 1 Petero, igice cya 3, dutangiriye ku murongo wa 18, turongera dusome. Byiza, mwumve mwitonze:

"Kuko na Krisitu yababarijwe ibyaha by'abantu rimwe, umukiranutsi ababarizwa abakiranirwa kugira ngo atuyobore ku Mana amaze kwicwa mu buryo bw'umubiri, ariko ahinduwe muzima mu buryo bw'umwuka."

(Yishwe mu buryo bw'umubiri, ariko ahinduwe muzima mu buryo bw'Umwuka.)

"Ni wo Yabwirishije imyuka yo mu nzu y'imbohe; (Yabwirije abo bantu muri gereza.)

"Ya yindi itumviraga Imana kera, ubwo kwihangana kwayo kwategerezaga mu minsi ya Nowa inkuge ikibazwa. Muri yo bake bararokotse ndetse ni umunani, bakijijwe n'amazi.

"Na n'ubu amazi ni yo akibakiza namwe mu buryo bw'igishushanyo cyo kubatizwa, icyakora si uko akuraho ico ryo ku mubiri, ahubwo ni isezerano ku Mana ry'umutima uticira urubanza, ribakirisha kuzuka kwa Yesu Krisitu,

"Uri iburyo bw'Imana, kuko yagiye mu ijuru amaze guhabwa gutwara abamarayika n'abafite ubutware n'imbaraga."

Twongere dusenge.

17 Noneho, Data wo mu ijuru, ikintu runaka. . . urukurikirane rw'imirongo y'Ibyanditswe aha. . . abahamya batatu, ahantu hatatu mu Byanditswe hahamiriza. Kandi wavugiye mu Ijambo Ryawe ko igikorwa cyose cyemerwa ku buhamya bw'abagabo babiri cyangwa batatu.

Noneho, ndagusaba, o Mana! gusanga abantu kugira ngo ubasobanurire iri Jambo, ubu Butumwa, mu

mwanya ukwiye, kugira ngo buri mugabo, umugore, umuhungu cyangwa umukobwa ashobore kubyumva bijyanye n'ubushobozi bwo kumva Watanze kuri buri muntu. Kandi ubu, tuzi ko ubu buhamya butatu buvuga ukuri.

Kandi ndagusaba kutwoherereza Umwuka Wera nonaha. Kandi ni we tureba we Umwami wacu hagati muri twe iki gitondo, Umwami Yesu Krisitu, twazukiyemo ubu mu kwizera, twicaye ahantu ho mu ijuru muri We. Dutegereje Ubutumwa Bwe.

Bibwirize muri twe, Mwami, byumve muri twe, mu gihe tugusabye gukeba iminwa iri buvuge n'amatwi ari bwumve, kugira ngo ibyo bishobore kuba ku bw'icyubahiro n'ubwiza bw'Uwo Ibyanditswe ari we. Kuko tubisabye mu Izina Rye. Amina.

18 Noneho, mwibuke umurimo w'umugoroba, umurimo wo gusengera abarwayi. Sintekereza ko byaba ngombwa gutanga amakarita yo gusengerwa. Ku bw'ibyo turasengera gusa abarwayi. Mfite ikintu nshaka kuza kubabwira kandi niringiye ko kiri bugeze iteraniro ku rwego hari bubeho gukira indwara zitandukanye. Nzi ko ibyo biri bube, niba tubyizeye gutyo muri make.

Noneho, ibi: ubugingo muri gereza ubu, ubugingo buri muri gereza ubu.

19 Byiza, ubugingo bw'umuntu si umubiri we. Ni ikintu kiri - ubwoko bw'umwuka; noneho ubwo, iyo kamere y'umuntu. . . Iyo avuze ati “Twarapfuye”, Ibyanditswe bitubwira neza ko twapfuye kandi ko ubugingo bwacu buhishe mu Mana binyuze muri Krisitu, bushyizweho ikimenyetso n'Umwuka Wera. Byiza, si uko umubiri wanyu wapfa. Si uko umwuka wanyu wapfa. Ni kamere y'umwuka wanyu yapfuye, murabona. Kamere, ni yo bugingo. Kamere y'ubugingo bwanyu, ni Imana, niba mwaravutse ubwa kabiri. Niba atari ko bimeze, ni iy'isi.

Igifite cyose itangiriro kigomba kugira iherezo. Ni yo mpamvu, uburyo bumwe gusa mwashobora kugira Ubugingo Buhoraho, ni ukugira Ubugingo butigeze butangira. Kandi ubwo ubuzima bwanyu bwatangiriye mu kuvuka kwanyu. Igihe Imana yahumekeraga umwuka w'ubugingo mu myenge y'amazuru yanyu kandi mugahinduka ubugingo buzima, ni bwo noneho mwatangiye kubaho. Ariko igihe mu. . .

20 Iyo kamere yari muri mwe. . . Ku bwa kamere, mwari ab'isi, abanyamahanga ku Mana. Mwari mu by'ukuri inyamaswa. Ni byo mu buryo bwuzuye. Twese, tuzi ko turi inyamabere (ibiremwa byonsa abana babyo). Ni bangahe babizi, ko turi inyamabere? Turi inyamaswa zigira amaraso ashyushye. Kandi ni cyo turi cyo mu kuremwa kwacu ko kw'isi. Ariko, murabona, ikidutandukanya n'izindi nyamabere, ni uko Imana yashyize ubugingo muri twe. Murabona?

Byiza, izindi nyamabere ntizikeneye kwambara imyenda. Nta nyamaswa n'imwe igomba kwambara imyenda kugira ngo ihishe isoni zayo, uretse twe. Ni twe gusa bo kubikora, kubera ko dufite ubugingo. Ariko, murabona, Imana, mu ntangiriro, yari izi uko umuntu azasa. Kandi Yaremye isi kandi Ishyiraho ubwoko bwose bw'inyamaswa, kuva ku yo hasi cyane kugeza ku yo hejuru cyane; kandi inyamaswa yo hejuru cyane yabonetse yabaye umuntu.

21 Noneho ubwo, umuntu wa mbere waremwe, yari umuntu mwuka, mu ishusho y'Imana.

Mu by'ukuri, Imana ni Umwuka (Mutagatifu Yohana 4). Noneho, Ni Umwuka, kandi abayiramya bose bayiramya mu Mwuka no mu Kuri, kandi Ijambo ni Ukuri. Noneho, tuyiramya mu Mwuka no mu Kuri. Ni Umwuka.

Ubwo nta muntu wari uhari wo guhinga ubutaka, noneho Imana irema umuntu mu mukungugu w'isi.

Nyuma Ikura mu rubavu rwe urubavu rumwe, kandi uhereye kuri ibyo Itandukanya uwo muntu wari ufite kamere ebyiri, wari icyarimwe ikigore n'ikigabo. Isohoramo igice cya kigore, kubera ko byari urukundo, noneho Igishyira mu muntu witwa Eva, Adamu yise Eva, ari we wabaye umugore we. Ni aho urukundo rwe rw'umubiri, urukundo rwa filewo, yihuje n'umugore we. Ni gutyo umugabo wese yakagombye kuba uyu munsi, kandi n'umugore, ku mugabo we. Umugabo, ikigabo; umugore, ikigore.

22 Kandi nyuma, murebe, nyuma yo kurema umuntu mu ishusho Yayo, “Ni ko Yabaremye umugabo n'umugore.” Nta muntu wari uhari kugira ngo ahinge ubutaka kandi Imushyira mu mukungugu w'isi, ni yo mpamvu yahindutse. . . Yari uwo muntu.

Ubwo bwoko bw'umuntu bwari inyamabere. Murebe, yari inyamaswa, ariko Yashyize uwo Mwuka w'Imana, ubugingo, muri we kandi Imurema igendeye ku ihame ry'uko yashobora guhitamo. Noneho ubwo, igihe uwo muntu. . .

23 Noneho, turatekereza ko turi ikintu runaka. Mubyibuke, turi iki? Igice gito cy'ubutaka. Ni byo gusa. Kandi kubera ko “uri umukungugu, uzasubira mu mukungugu.”

Ku bw'ibyo, nimubona uwo mugabo ugenda mu muhanda atekereza ko ari umuntu runaka, murazi, kandi akaba afite amashuli make n'ibindi byose, mwibuke ko ari igice gito cy'ubutaka bwa Indiana. Ni byo

gusa. Kandi uwo mugore wambaye wese amakabutura unywa isigara kandi ukora ibintu bitandukanye mu muhanda, ugenda wizunguza nkaho igihugu cyose ari cye, ni igice gito cy'ubutaka cya Indiana ni muri cyo azasubiramo. Ku bw'ibyo, kugira ngo dutangire, ntimuri ikintu gikomeye, murabona. Ndetse ni byo. Ni cyo muri cyo.

24 Ariko ubwo bugingo buri imbere, murabona, ubwo bugingo, ni ikintu Imana ikoreramo, murabona. Niba gusa Ishobora kuzana iyo kamere, uwo mwuka kwihuza na Yo, ubwo iyo kamere irapfa. Iyo kamere n'urukundo rw'isi birapfa n'ibintu by'isi byarapfuye; murabona? Mu by'ukuri, "Niba mukunda isi, cyangwa ibintu by'isi, urukundo rw'Imana ntirukiri muri mwe." Murabona?

Kandi umuntu agomba kuvuka bundi bushya. Ndetse, iyo kamere igomba gupfa, nyuma kamere y'Imana ikaza kandi igatura muri mwe. Kandi Imana ni cyo Kiremwa cyonyine kiriho kandi kitigeze kigira itangiriro cyangwa kidashobora kugira na rimwe iherezo.

25 Ni yo mpamvu, nk'umufatanya bikorwa, murabona, Yafashe uwo muntu wo ku isi n'uwo Mwuka w'Iteka maze ibishyira hamwe. Mu by'ukuri, Imana yigaragarije muri ibyo muri icyo gisobanuro cy'uko Yahindutse umuntu muri Krisitu Yesu. Kandi Yari Imana, murabona. Imana yari muri Krisitu; murabona, Yatuye muri We, Yiyunga n'isi Ubwe. Kandi binyuze muri uwo Muntu wera, buri umwe muri twe, utera kandi wizera Imana kandi wabyemeye, ahinduka kuzura kwe.

26 Kandi Ntiyaretse umubiri We ngo ubone kubora, cyangwa ubugingo Bwe ngo bugume ikuzimu h'abapfuye, ahubwo Yamuzuye ku munsi wa gatatu kandi ni muzima iteka n'iteka. Kandi tuzagira umubiri usa n'Umubiri We uhebuje.

Ni yo mpamvu tubatije mu Izina Rye, kugira ngo dushobore gusa n'Izina Rye, mu rupfu Rwe, mu kuzuka Kwe, kugira ngo tuzuke, duhamiriza isi ko dufite Ubugingo bushya, ko umuntu wa kera yapfuye. Twahambye iyo kamere ya mbere. Murabona?

Iyo kamere ya kera yaragiye, noneho ubu twabaye kamere Ye, Aba muri twe kandi ntidukora ubushake bwacu bwite, dukora ubushake Bwe. Ntidutekereza ibitekerezo byacu bwite. Umwuka, ni cyo gitekereza. Igitekerezo cyari muri Yesu Krisitu kiri muri buri mwizera. Murebe, aho. Ubugingo ni icyo, kandi ni icyo tuvuga. Byiza, ni igice ndigutekerezaho ubu, ikiri muri twe, ubugingo.

27 Byiza, nitwitonda, ku bijyanye n'ibi. . . Rimwe na rimwe, ibintu byinshi biraba kandi twibaza impamvu biba; twibaza ibibazo kandi tukabibaza abandi. Ariko birangira, nyuma y'ibihe runaka, tuvumbura ko niba turi abakirisitu, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, byose bigenda mu by'ukuri neza. Noneho ni gute. . .

Mwarabyumvise. Abakirisitu bose barabyumva. Turibaza impamvu twabikoze.

Rimwe naribajije, igihe nasomaga bwa mbere Bibiliya nti "Kubera iki Imana Yaretse Aburahamu, uwo muntu ukomeye, agahagarara aho kandi akavuga ko Sara atari umugore we? Kandi ni gute Yamuretse agahagarara aho maze akabeshya kuri ibyo kandi agakora ibyo yakoze. Noneho nyuma, ni gute noneho Yaretse Aburahamu akava ku butaka bwasezeranijwe, mu gihe Yari yaramubujije kubikora?" Umuyuda uwo ari we wese uva ku butaka bwasezeranijwe ni umuntu usubira inyuma, kubera ko Imana yabubahaye kandi Yiteze ko bahaguma, murabona, ariko barabutaye.

Ndetse, yajyiye i Guerar, ariko ntibyari ku bw'ibyo. . .

28 Noneho ubwo, Abimeleki, uwo mwami aho mu gihugu cya Abafilisitiya, akunda Sara kandi yari ajyiye kumurongora; kandi yari umugabo mwiza, umugabo w'umunyakuri. Noneho nyuma nta gushidikanya. . . Ibi birasa n'ibiteye isoni, ariko ni ukubigira bizima cyane ku bwanyu. Nyuma yo koga kwa nimugoroba kandi akambara umwenda we wo kurarana noneho agasenga, akajya ku buriri, Umwami yaramubonekeye noneho aramubwira ati "Umeze neza nk'umuntu wapfuye." Nyamara, uwo nta kintu yari yakoze. Murabona? Yari yabeshywe na Aburahamu na Sara nta gushidikanya. Ni byo. Iramubwira iti "Wafashe umugore w'undi mugabo, murabona. Kandi sinzumva amasengesho yawe, uko wasenga kose. Umeze nk'uwapfuye; kandi uwo mugabo ni umuhanuzi Wanjye." Murabona?

29 Murebe, birakomeye kubyumva, murabona, ariko iyo bitaza kumera gutyo, ntitwari kumenya icyo ubuntu ari cyo.

Kubera iki yajyiye kurongora Hagari nyuma yo kugira umugore mwiza nka Sara? Kandi ntiyashakaga kubikora, murabona, ariko ni Sara wabimubwiye. Noneho nyuma, Umwami aramubwira ati "Wumviye icyo Sara yakubwiye." Kubera iki? Hagombaga kuboneka Ismael, kugira ngo umugore w'imbata n'umwana we bataraganwa n'umugore w'umudendezo n'umwana we. Murumva icyo nshaka kuvuga?

Ibyo bintu byose ni ibigereranyo. Kubera iki uwo muhanuzi yagombye kurongora indayi kandi kandi akamubyaraho abana babiri? Byari mu rwego rw'ikimenyetso. Kubera iki umwe yaryamye ku ruhande rwe rw'iburyo mu gihe cy'iminsi 340 na nyuma ku rundi ruhande iminsi nk'iyo? Byari mu rwego rw'ikimenyetso. Undi akuramo imyenda ye noneho agenda imbere ya Israel. Ibyo bintu byose byari ibigereranyo n'ibicucu.

Murabona? Ibyo bigomba kutubera ikigereranyo.

Kandi kenshi, ibintu byinshi bitubaho tukibaza impamvu bigenze gutyo. Ni Imana itwereka ikintu runaka mbere.

30 Byiza, igihe nari umuhungu muto (kandi muzi iyo nkuru y'ubuzima), nizeraga, niba nibuka... Kimwe mu bintu bya kera nibuka... Byiza, wambiraga ikintu none, ejo nkaba nakibagiwe; ariko hari ibintu byabaye kera mu busore bwacu (benshi muri twe ni ko bameze) twibuka buri munsi. Ibi birasa urebye n'ibiteye isoni kuvuga. Ariko ndibuka igihe nakambakambaga, nambaye ikanzu ndende. Ubu bamwe muri mwe, bangana nanjye muribuka ko abana bato bambaraga amakanzu maremare. Kandi ndibuka igihe nakambakambaga,kandi ko nakuraga urubura (neige) ku birenge bya marume kandi nkarurya igihe yinjiraga kandi agahagarara hafi y'umuyoboro w'umwotsi. (cheminee)

31 Noneho nyuma, ikintu gikurikiyeho nibuka ko cyabaye mu buzima bwanjye ni iyerekwa (rya mbere gusa nigeze mbona), kandi nabwiwe ko nzamara igice kinini cy'ubuzima bwanjye hafi y'umujyi witwa New Albany. Kandi nari aho, umwana muto wo mu misozi, kandi nta n'umuganga wari uhari mu kuvuka kwanjye; murazi, nabaye aha hafi imyaka mirongo itanu, aha; iyerekwa.

Kandi igihe cyose nizeraga ko hari Imana ahantu runaka kandi, mu gihe nari umuhungu muto, Yaramvugishije maze imbwira kutigera nywa itabi cyangwa inzoga, kutigera nanduza umubiri wanjye, ni ukuvuga kubaho ubuzima bw'urukozasoni n'abagore n'ibindi byose. Igihe cyose nabigiriraga ubwoba. Kandi nari nkiri muto.

32 Kandi ku bw'ibyo, rimwe, nari nasohotse ku bwo guhiga, igisa nka kamere ya kabiri kuri njye: urukundo rwo guhiga. Kandi nari najyiye guhiga ndi kumwe n'umuhungu muto, Jim Poole, umwana w'igikundiro. Ndatekereza ko umuhungu we aza aha ku rusengero, umwana muto Jim. Kandi ni umuryango mwiza. Nzi aba Poole. Jimmy nanjye twaryamye hamwe, twarabanye kuva igihe twari abahungu bato bo ku ishuli; twari dufite hafi amezi atandatu y'itandukaniro mu myaka. Noneho Jimmy asohora isasu mu mbunda ye maza rinyura mu maguru yombi. Banjyana kwa muganga, nari ndyamye aho, nenda gupfa; nta penisiline cyangwa ikindi kintu cyose muri icyo gihe. Noneho, banshyizeho igitambaro cya kawucu kandi namenye ko bagombaga kumbaga bukeye bw'aho.

Bafashe rwose. . . noneho basukura igisebe kandi ibice binini by'umubiri byari byacikaguritse; bafashe imikasi noneho barabikata; nagombye gufata ibiganza by'umuntu. Kumurekura byaragoranye kuko intoke zanjye zari zamwinjiyeemo Yari Frankie Eich, hashize igihe gito yiyahuye. Navugije induru, ndarira mugihe bo bakataga ibyo bice by'umubiri by'amaguru yanjye. Nari mfite imyaka cumi n'ine, nari nkiri umuhungu muto.

33 Kandi iryo joro, nagerageje gusinzira noneho ba. . . Nakangukiye mu maraso menshi; hafi litiro ebyiri, ndatekereza, yasohokaga mu mitsi yacitse. Kandi bari bafite. . . banshishije muri radiyo babona isasu ryari ryegereye cyane uwo mutsi ujyana amaraso, kuri buri ruhande, ku buryo rwose kuwudoda byawucamo ibice bibiri, nkarushaho kuva amaraso. “Noneho, ndatekereza nti, ni iherezo ryanjye.” Kandi narambikaga ibiganza byanjye bikaza byuzuye amaraso; nari ndyamye mu maraso yanjye bwite. Narahamagaraga, navuzaga inzogera. Umufasha wa muganga yaraje noneho ayanywesha igitambaro, kubera ko nta kindi kintu bashoboraga gukora.

34 Noneho igitondo gikurikiyeho, muri iyo mimerere y'intege nke (Ntibakoraga igikorwa cyo gutera amaraso muri icyo gihe, murabizi.) barambaze. Bampaye umwuka wo guhumeka usinziriza. . . icyuma gitanga umwaka wo gusinziriza cya kera, ndatekereza ko mubyibuka, ni ikinya cya kera. Nakangutse nyuma y'amasaha umunani. Nari nahumetse byinshi birenze igipimo (doze), kandi batekereje ko ntashoboraga gukanguka.

35 Ndibuka ko Madamu Roeder yari ahagaze hafi yanjye, aho kwa muganga. Sinzigera nibagirwa uwo mugore. Uko byagenda kose, sinshobora na rimwe kumwibagirwa. Icyo gihe yari akiri umugore muto. Umugabo we yari umurinzi aha ku ruganda rw'imodoka; ndibuka ko yari ahagaze hafi yanjye, we na Madamu Stewart. Mu by'ukuri, ni bo bishyuye ubwishyu bwanjye bwo kwa muganga. Mu rugo, ntitwari tunafite icyo kurya; ubwo noneho, ni gute twashoboraga kwishyura fagitire yo kwa muganga y'amajana y'amadolari? Ariko we, binyuze mu ishyirahamwe ry'itorero rye na Ku Klux Klan (ishyirahamwe ry'abazungu bibona ko basumba abandi), yanyishyuriye fagitire yo kwa muganga - Aba Francs - Macons. Sinshobora kubibagirwa. Murabona? Nta cyo bivuze cyane icyo baba bakora cyose, igihe cyose na. . . Hari ikintu kiyanditse muri njye, murabona, ni icyo bankoreye bishyura fagitire kwa dogiteri Reeder. Aracyariho, atuye aha i Port Fulton kandi ashobora kuzababwira iyo nkuru.

36 Igihe ibikorwa by'icyo cyuma cy'umwuka byahagararaga, hari ikintu cyambayeho, aho. Igihe cyose nizeraga ko byari iyerekwa. Mu by'ukuri, nari mfite intege nke cyane ku buryo batekereje ko napfa. Yarariraga. Igihe nafunguraga amaso kugira ngo ndebe, nashoboraga kumwumva avuga, noneho nyuma narongeye ndasinzira. Nakangutse inshuro ebyiri cyangwa eshatu. Ni ubwo nagira iyerekwa. Noneho nyuma ngira. . .

Nyuma hafi y'amezi 7, nagombye gusubirayo kugira ngo bakure mu maguru yanjye ibisigazwa by'amasasu n'imyenda yo guhiga yuzuye ibinure muganga atari yakuyemo. Ku bw'ibyo ndetse, nari mfite amaraso afite uburozi; amaguru abiri yari yabyimbye kandi yari yanyihiniyeho, bashakaga kuyacira hejuru mu mayunguyungu. Noneho ndavuga nti "Oya, muze gusa hejuru cyane noneho mubikatire aha." Sinashoboraga muri make kubyihanganira, murabona. Ndetse, byarangiye, Dr. Reeder na Dr. Pearl w'i LouisVille barambaga, bafungura imbere noneho babikuramo. None uyu munsi, mfite amaguru akomeye ku bw'ubuntu bw'Imana.

Ariko mu iyerekwa rya nyuma nagize…

37 Iyerekwa rya mbere, neza nyuma yuko nongera kugarura ubwenge, ninjira mu byishimo byinshi. Kandi natekerezaga ko nari ndi ikuzimu, bigaragara kimwe neza...[Mwene Data mu iteraniro aravuga ati "Mumbabarire, mugabo." -Ed.] Yego, yego. [Aha hari umugore wataye ubwenge, aho ndetse]. Umuntu umwe namurambikeho ibiganza kandi mumujyane ahantu hari mwuka. Noneho umuntu uwo ari we wese uri aho amurambikeho ibiganza. Dusenge.

Mukunzi mwiza Mwami Yesu, reka mushiki wacu urwaye iki gitondo kandi akaba yataye ubwenge… reka ubuntu Bwawe, imbaraga Zawe n'ubushobozi Bwawe… Bamurambitseho ubu ibiganza bamukwereka. Kandi Ibyanditswe biravuga biti "Dore ibitangaza bizaherekeza abazizera. Nibarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira." Noneho ubu, reka mushiki wacu abohoke maze akire ku bw'icyubahiro cy'Imana. Mu Izina rya Yesu Krisitu, turabisabye kandi turamuguhaye. Amina.

38 Noneho, mumujyane mu muyaga. Hararemereye - hararemereye mu buryo buteye ubwoba. Nshobora kubumva hano, hameze nabi cyane. Turumva neza nkaho tujyiye guta ubwenge aha ku ruhimbi. Nabyumvise inshuro enye cyangwa eshanu aha. Niba hari. . . Acyiyumva neza cyane, noneho, mumujyane ahantu ashobora kubona umwuka. Ni byiza. Yego, yego, murebe. Hararemereye mu buryo buteye ubwoba, murabizi. Ibiremwa muntu bikora, buri umwe muri twe, metero kare z'ubuso za mikorobe z'indwara nyinshi cyane. Niba mufite. . . umuntu afite aho amazi cyangwa ikintu runaka cyo gushyira kuri mushiki wacu. . . Yabaye. . . ameze neza cyane ubu. Neza cyane ubu, murabona? Neza cyane. Yego, mushobora wenda gufungura imiryango, wenda, tubone umwuka, mu buryo bushoboka, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, murabona.

39 Noneho, muri icyo gihe, mu gihe nabonaga iryo yerekwa, natekerezaga ko nari navuye muri ubu buzima njya mu mubabaro. . .

Kandi nyuma y'amezi arindwi, aha ku bitaro Clark County Memerial, nongera kubagwa bwa kabiri. Noneho iyo nshuro, igihe nagaruraga ubwenge, natekerezaga ko nari ndi mu Burengerazuba. Nabonye irindi yerekwa: hari umusaraba munini utatse zahabu mu ijuru n'ubwiza bw'Imana bwisukaga buva kuri uwo musaraba. Nari mpagaze, amaboko arambuye gutya, kandi ubwo bwiza bwagwaga mu gituza cyanjye noneho na. . . Iyerekwa rimvaho. Data yari yicaye aho arimo kundeba igihe nabonaga iyerekwa.

40 Nagumye kumva, mwe. . . Abamenye bose mu gihe cy'iyo myaka yose bazi ko igihe cyose nifuzaga kujya mu Burengerazuba. Mu by'ukuri, umuhanga mu kumenya ibizaba ku muntu rimwe yari yarambwiye ikintu kimwe, ko nagombaga kujya mu Burengerazuba. . . Inyenyeri, iyo zigenda urwo rugendo rwazo n'ibindi byose. . . navutse munsi y'icyo kimenyetso kandi sinagirira ihirwe mu Burasirazuba kandi ko nagombaga kujya mu Burengerazuba. Kandi umwaka ushize, najyiye mu Burengerazuba kugira ngo nsohoze icyari icyifuzo cyanjye mu gihe cy'ubuzima bwanjye bwose. Murabona, kugira ngo mbikore.

41 Kubera iki ndi hariya? Ni ikintu giteye isoni cyane. Gutura hariya mu butayu, kwishyura amadolari 110 yo gukodesha kuri njye, mu gihe hari inzu aha, ingoro y'umushumba nahawe, murabona. Ariko ni ugukurikira Umwami, murabona, ni byo nshoboye gukora gusa. Kandi muzi iyerekwa n'icyabaye aho. Noneho, ku bijyanye n'ibi, ndifuza kuvuga ku...

42 (Byiza, niba mushiki wanjye yiyumva afitemo intege nke, Mwene Data Roy. . . mushobora kumutwara hanze ahantu runaka noneho mukamushyira mu cyumba, aho ashobora kubona umwuka mwinshi cyangwa ikintu nk'icyo, kandi biri muri gahunda mu buryo bwuzuye, kubera ko ndatekereza ko ari bumere neza cyane noneho. Murabona. Biragenda. Yataye ubwenge gusa, ararwaye. Kandi ndetse, ndababwira, niba mushaka kumuzana aha, aho umwuka. . . mufungure ayo madirishya, Mwene Data Roy. Niba mushiki wacu ashaka kunyura. . . bizaba byiza. Murebe, niba ashaka kuza aha, noneho, ntimugire ubwoba rwose bw'ibyo.

Ndamurambikaho ibiganza nanyura aha. Mumbabarire rwose umunota umwe. Kandi Imana imbabarire. Ibi, ni byiza.) "Data wo mu ijuru, dore umukobwa wawe iki gitondo kandi yaje kugira ngo yumve Ubutumwa kandi yagize. . . Satani aragerageza kubimubuza, ariko ntiyabishobora. Ntiyabishobora. Satani ntiyabishobora mu Izina rya Yesu Krisitu." Byiza cyane. Noneho, uru rugi, ndatekereza ko niba bene Data... ndetse umwuka ushobora kunyura aha ubasanga.

43 Muravuga umubyigano. Mwakagombye kwinjira hakurya y'inyanja ahantu runaka, aho abantu

bitsindagira ku bandi, bafite ibibembe na kanseri kandi, yoo yoo yoo! Mushobora kongera guhumeka ku buryo bugoranye, murabizi, mu mimirere nk'iyo. Baryama aho muri izo nyubako nini, muri make bafite ubwandu bw'uburwayi. Kandi muzi icyo ibibembe bisobanura! Aho, baryamye aho nta matwi, kandi kimwe cya kabiri cyo mu maso cyarangiritse, nta maboko, uduhimba duto mu mwanya w'ibirenge, n'ibintu nk'ibyo, baryamye, birundanyije, kandi benshi muri bo bapfira aho ndetse, birambitse aho, bitewe no kwirundanya, bagerageza kwinjira ahantu runaka, murabizi, kugira ngo bumve Ubutumwa.

44 Noneho, kugira ngo ngaruke kuri ibi, ndashaka kubabwira icyabaye mu iyerekwa nabonye. Ngiye kubigarukaho, kubera ko nabivuze, amayerekwa abiri, kugira ngo mbereke ko bijyanye n'umwe muri bo, nagombaga kujya mu Burengerazuba. Nagumye kubyifuza.

Kandi ubu, intego y'Ubutumwa, iki gitondo, ni ukumenyesha itorero ibyo Izanyemerera byose kubwira itorero, uko mbizi kose, kugeza igihe... uko bigenda byigira imbere. Kandi ibi byarankubise, ni yo mpamvu nashatse kubibwira itorero. Noneho, ibi bigenewe gusa iki gicaniro aha, murabona. Byiza. Kandi muri iri yerekwa, rya mbere, dore icyabaye.

45 Nyuma yuko iyerekwa rinkubise, nari mfite intege nke cyane kandi nari nataye ayo maraso yose, kandi nari ngiye. . . Natekerezaga ko ninjiraga mu iteka ritagira iherezo. Benshi muri mwe banyumvise mbivuga mbere; kandi ninjiraga mu iteka ritagira iherezo. Bwa mbere, nambukaga nk'ibicu, noneho nyuma umwijima, kandi namanukaga igihe cyose njya hasi cyane, hasi cyane, hasi cyane. Kandi ikintu cya mbere, murabizi, ninjiraga mu gace k'abazimiye. Kandi aho, natereye hejuru noneho ndareba; kandi aho, byose - nta rufatiro rwari ruhari kuri ibyo. Sinashoboraga na rimwe guhagarara kugwa - mu iteka - byasaga nk'aho nari ngiye kugwa. Nta hantu na hamwe hari hahari ho guhagarara hashoboka.

46 Noneho mbega itandukaniro rwose hamwe n'iyerekwa nabonye aha, nta gihe kirekire gishize, iryo kuba mu bwiza hamwe n'abantu. Mbega ikinyuranyo! Ariko ku bijyanye n'iri, mu gihe nagwaga, nahamagaye papa ngo antabare. Byumvikane neza, nk'umwana, ni byo nashoboraga gukora gusa. Nahamagaye papa ngo antabare; kandi papa ntiyari ahari. Nahamagaye mama ngo antabare nti "umuntu namfate!" Kandi aho nta mama wari uhari. Naramanukaga gusa. Noneho ubwo nahamagaye Imana ngo intabare, kandi nta Mana yari ihari aho. Nta kintu cyari kiri aho.

47 Kandi nyuma cyane, numvise ijwi ribabaje cyane nigeze numva; kandi byari umubabaro w'umubiri uteye ubwoba cyane. Nta buryo buhari. . . Ndetse n'umuriro usanzwe ugurumana waba ibyishimo iruhande rw'ibyari bihari. Nyamara, ayo mayerekwa ntiyigize aba ikinyoma. Kandi byabaye umubabaro uteye ubwoba nigeze ngira, kandi wakoze. . .

Numvise urusaku, rumeze nk'urw'ubwami bwatewe n'imyuka mibi. Kandi ndetse icyo gihe, nararebye mbona bari abagore bazaga. Kandi bari bafite ikintu runaka cy'ubururu... Twashoboraga kubona neza mu maso habo, kandi bari bafite ikintu cy'ubururu ku maso yabo; amaso yabo yari ameze nk'ayagiye inyuma nk'uko abagore b'uyu munsi bisiga ku maso, yashyizwe inyuma gutyo, kandi neza amaso yabo no mu maso habo. Kandi baravugagaga bati "Uh, uh, uh, uh". Yoo yoo yoo!

Narasakuje cyane gusa nti "Yoo Mana, ngirira impuhwe; ngirira impuhwe, Yoo Mana. Uri he? Undetse gusa nkasubirayo kandi nkabaho, nkusezeranije kuba umuhungu mwiza." Byiza, ni cyo kintu cyonyine nashoboraga kuvuga. Noneho Imana irabizi, kandi ku munsi w'urubanza Izancira Urubanza ku bw'ibi mvuze. Ni cyo navuze nti "Mwami Mana, ndeka nsubireyo kandi nkusezeranije kuba umuhungu mwiza."

48 Kandi igihe naraswaga iryo sasu. . . Nari nabeshye, nari nakoze urebye ibyashoboraga gukorwa byose. Ikintu kimwe gusa nshobora kuvuga. . . Nshobora no kukivuga mu gihe ndaha ubu. Kandi igihe narebaga noneho nkabona ko nari nakaswemo hafi ibice bibiri, naravuze nti "Yoo Mana, ngirira impuhwe. Uzi ko ntigeze nsambana." Ni cyo kintu cyonyine nashoboraga kubwira Imana. Sinari narigeze nemera imbabazi Zayo n'ibyo bintu byose. Muri make naravuze nti - nashoboraga kuvuga nti "Sinigeze nkora ubusambanyi."

Noneho ubwo banjyanye aho, kandi aho natereye hejuru nti "Yoo Mana, ngirira impuhwe. Nzaba umuhungu mwiza, Nundeka gusa nkahindukira." Mu by'ukuri, nari nzi ko hari Imana ahantu runaka. "Kandi ndetse, umfashe." Kandi ibyo biremwa biteye ubwoba impande zose. . . Nari umuntu uje vuba (mushya). Wari umubabaro uteye ubwoba cyane, mubi cyane, wanduye, muri icyo. . . Ibyo byasaga n'amaso manini, ingohe ndende zisohoka gutyo kandi ndende nk'iz'injangwe, nka. . . inyuma gutya, kandi gisa n'ibara ry'ubururu, nkaho ibyo byari igisebe cy'umufunzo cyangwa ikintu nk'icyo. Kandi baravugagaga ngo "Uh, uh, uh." Yoo! Mbega umubabaro! Noneho, igihe na. . .

49 Noneho nyuma y'umwanya, nari nagarutse mu buzima busanzwe. Icyo kintu cyari cyanteye ibibazo. Naratekerezaga nti "Yoo! iyaba nashoboraga kutigera nongera kujya ahantu nka hariya, iyaba ikiremwa muntu cyose kitakwigera kijya ahantu nka hariya."

Nyuma y'amezi arindwi, nabonye iyerekwa ko nari ndi Iburengerazuba, kandi mbona uwo musaraba wa zahabu umanukiraho. Namenye ko hari agace k'abahanishijwe kujya ikuzimu ahantu runaka.

50 Nyamara, sinari nabihaye agaciro cyane mbere kugeza hashize ibyumweru 4 hafi. Sinari narigeze mbitekerezaho muri ubwo buryo. Hashize hafi ibyumweru bine, umugore wanjye nanjye twajyiye kugura ibintu runaka i Tucson, maze mu gihe twari twicaye. Twari twinjiye mu nzu yo hasi mu itaje, kandi aho hari agatsiko k'abo bahungu ba cyabakobwa bafite imisatsi imeze nk'imirizo y'imbeba n'imisatsi iciyemo ibice bigwa mu gahanga, isokoje igana imbere; kandi bari bambaye amapantaro arenze ingano yabo mu by'ukuri, mu buryo, ndatekereza, bw'abantu bambara bitajyanye n'umuco cyangwa uko mubita. Kandi bari aho imbere aho umuntu wese yarabarebaga, umutwe wabo wari ubyibushye nk'abagore bafite ubwo bwoko bw'inyogosho nk'iy'abantu bafite umutwe udasanzwe, murabizi, kandi bari aho. Noneho umugore ukiri muto anyuraho noneho aravuga ati “Ni iki mubitekerezaho?”

Ndasubiza nti “Mwakagombye rwose kwigirira isoni ubwanyu, niba mushobora gutekereza gutyo, ni ko navuze; afite uburenganzira bwo kubikora nka mwe. Nta n'umwe muri mwe ufite ukuri.”

51 Ku bw'ibyo, nazamutse mu itaje yo hejuru noneho ndicara. Nyuma y'ibyo, aho hari esikariye igenda (Byari mu mangazine JC Penny.) kandi iyo esikariye igenda yazamuraga abantu. Noneho, ndabihirwa mu by'ukuri igihe nabonaga abo bagore bazamuka aho; abato, abakecuru, abatitaho, abafite iminkanyari, abakiri bato, n'ibice byose, bambaye amakabutura mato cyane, umubiri wabo warangiritse, kandi abo bagore bari bambaye ku buryo bukurura abagabo, hamwe n'iyo mitwe mu by'ukuri ibyibushye nk'uko, kandi ngabo ubwo baraza. Noneho umwe ava kuri esikariye igenda yazaga neza gutyo ahantu nari nicaye ku ntebe; nari nicaye aho, umutwe wunamye.

52 Noneho ndahindukira ngo ndebe. Umwe muri bo wazamukaga esikariye, yabwiraga (Yavugaga igisipanyolo.) undi mugore; yari umuzungukazi wabwiraga uwo mwesipanyolo. Kandi igihe narebaga, uwo mwanya ndahinduka. Aho, nari nabibonye mbere. Amaso ye… Muzi ukuntu abagore uyu munsi bakora. Mu minsi yacu, bisiga amaso nk'injangwe, murabizi, babishyira hejuru gutya kandi bambara indorerwamo nk'injangwe z'ingore n'ibindi byose, murabizi, hamwe n'amaso maremare gutya. Kandi hari igisa n'ibara ry'ubururu munsi y'amaso. Byari icyo kintu nabonye igihe nari umwana. [Mwene Data Branham akubita inshuro nyinshi ku ntebe - Ed.] Yari umugore neza umwe. Noneho natayе ubwenge wese; ntangira kureba impande zanjye kandi hari abo bantu bavugaga, murabizi, bavuga ubutaruhuka ibiciro n'ibindi byose muri iyo nyubako. Gusa na. . .

53 Byasaga nk'aho nari nahindutse umwanya muto. Noneho nararebye kandi ndatekereza nti “Ni cyo nari nabonye ikuzimu.” Ngabo, icyo gisebe cy'umufunzo. Natekerezaga ko, kubera ko bari ikuzimu, ni cyo cyatumye bamera gutyo: ubururu buvanze n'icyatsi kibisi munsi y'amaso yabo. Noneho dore abo bagore, bisize n'ibara ry'ubururu buvanze n'icyatsi kibisi, nk'uko iyerekwa ryabyerekanaga hashize hafi imyaka 40. Murabona, ni cyo cyari gihari hashize hafi imyaka 40. Mfite imyaka 54; nari mfite 14. Ku bw'ibyo, hashize hafi imyaka 40, Mu buryo bwose, ni ibyo umubare w'urubanza. Murabona. Byiza, hari. . .

54 Narabibonye kandi sinashoboraga ndetse kuvugana n'umugore igihe yagarukaga. Yari aho agerageza gushakira ikintu Sara n'abana, ikintu runaka - ikanzu cyangwa ikintu runaka ku bw'ishuli... Sinashoboraga ndetse kumuvugisha. Aravuga ati “Bill, bimeze bite?”

Ndasubiza nti “Mukunzi, meze nka. . . ndi umuntu urebye wapfuye.”

Arambaza ati “Bimeze bite? Urarwaye?”

Ndasubiza nti “Oya, ikintu runaka kimaze kuba.”

Uyu mwanya, nta kintu na kimwe azi. Ategereje kugaruka kw'ako gatsiko. Sinigeze mbibwira umuntu n'umwe. Kandi natekerezaga ko nategereza, nk'uko nasezeranije, kubishyira bwa mbere itorero, murabona. Kubishyira itorero. Byari isezerano ryanjye. Kandi muri bwumve nyuma y'uyu mugoroba impamvu nagerageje kurinda isezerano ryanjye. Murabona?

55 Ubwo naratekerezaga nti, igihe nabonaga amaso y'abo bagore yasaga nk'ibisebe by'imifunzo. . . Aho hari Umwesipanyolokazi, Umufaransakazi, Umuhindekazi n'Umwera n'abandi bose hamwe, kandi iyo mitwe ibyibushye cyane, murabizi, biteye ubwoba, bifashishije ibyo bisokozo, uburyo babisokozagamo bajyana inyuma mu buryo babigira binini, noneho nyuma bagasohoka. Murabizi, muzi ukuntu babikora, barayitunganya nk'uko babikora. Noneho nyuma ayo maso yasaga nk'ibisebe by'imifunzo, n'ayo maso yasizwe byajyaga inyuma nk'iby'injangwe; kandi barimo kuvuga. Kandi mu gihe twari aho mu mangazine J.C Penny, nongeye kwibona ikuzimu.

Nagize ubwoba cyane. Naratekereje nti “Mwami, mu by'ukuri, sinapfuye, kandi, uko biri kose, ni Wowe wanyemereye kuza aha hantu.”

Kandi ubwo, bari aho, bakora. . . nk'uko byaribimeze mu iyerekwa. Mwashoboraga kubumva mu matwi yanyu, murabizi. Rwose kwijujuta n'urujya n'uruza rw'abantu, abo bagore bazamukaga iyo esikariye igenda kandi bakanyura aho impande zose, bavuga “Uh, uh.” N'ayo maso y'ubururu afite ishusho idasanzwe kandi iteye ubwoba.

56 Umugore wanjye aranyegera maze ndamubwira nti "Ntiwandeka njyenyine nk'umunota umwe gusa, mukunzi, niba bitakubangamiye; ndashaka gutaha mu rugo."

Noneho arambaza ati "Urarwaye?"

Ndamusubiza nti "Oya, komeza gusa, mukunzi, niba ufite ibyo ugomba kugura."

Aravuga ati "Oya, narangije."

Noneho ndamubwira nti "Reka ngufate ukuboko." Murabona? Noneho ndasohoka.

Arabaza ati "Habaye iki?"

Ndamubwira nti "Meda, Hari ikintu runaka cyabaye hano."

Kandi mu gihe nari nkiri munsi y'imbaraga y'ibyo, natekereje ibi nti "Ni uwuhe munsi turimo? Ibi byashobora kuba "Gukururwa kwa gatatu?" Noneho, mfite ibyo nanditse aha.

57 Turabona ko Yesu, mu bukozi Bwe, nyuma yuko Yabwirije abantu. . . Noneho, tujyiye mu by'ukuri kugendera ku byanditswe kuri ibi. Nyuma yuko Yesu yarangizaga ubukozi Bwe. . . kandi ubukozi Bwe bwajugunywe n'abantu. Noneho, musome hagati y'imirongo, mwifatire imyanzuro yanyu bwite. Mwibuke ibyo nababwiye mu itangiriro. Nyuma yuko Yari amaze kubwiriza. . .

Yaje nk'Uwari yarasezeranijwe ku bw'uwo munsi, twese turabizi. Ibyanditswe byagaragaje Yesu nka Mesiya. Ni byo. Yahamirijwe mu buryo bwuzuye no mu budahemuka n'Imana n'Ijambo Ryayo ko Yari Mesiya. Nta gushidikanya kuri ibyo. Niba hari umuntu ubishidikanyaho avuga ko Atari Mesiya, niba ari ko bimeze, ubwo mwakaje ku gicaniro. Yagaragajwe mu buryo bugaragara nka Mesiya. Ariko nyuma yuko Yagaragajwe neza. . . Imana Iramugaragaza.

58 Ni nk'uko Petero yabivuze umunsi wa Pantekote, igihe Yabwiraga Urukiko ku minsi ine. . . hafi iminsi ine nyuma, aravuga ati "Yesu w'i Nazareti, uyu muntu Imana yahamirije imbere yanyu n'ibimenyetso n'ibitangaza Yakoze imukoresheje hagati. . . twese duhamiriza. Murabona? Mwamwicishije n'ikiganza cy'abanduye kandi mwabambye Umwami w'Ubugingo Imana yazuye kandi Ikamwerekanisha ibyo bintu mwabonye." Murabona? Kristu yabayeho neza cyane, kandi Ariho na none uyu munsi.

59 Ku bw'ibyo, nyuma yuko Yesu yazaga nta gushidikanya, Yarigaragaje. Imana yaramugaragaje noneho Arahanura. Kandi nyuma y'iminsi y'ubuhanuzi bwe, nubwo Yagaragajwe bijyanye n'Ibyanditswe, abantu baramujugunye. Ni byo. Kandi Yabwirije ubwo nyuma yuko bari bamaze kumujugunya aha. Abashoboraga gukizwa. . . Mwibuke, mu gihe Yabwirizaga, umuntu wese yari afite uburyo bwo gukizwa. Ntitubazi, batoranijwe mbere. Ariko Yabwirije ubudacogora.

60 Ariko nyuma y'iminsi y'ikibwirizwa Cye, ubukozi Bwe bwarakomeje kubera ko itsinda rya nyuma Yabwirije, bwari ubugingo bwari buri ikuzimu kandi butashoboraga kongera kubabarirwa. Nabisomye neza aha muri Bibiliya muri 2 Petero. Murabona? Aragenda kandi abwiriza ubugingo bwari muri gereza, ariyo kuzimu, bufunze kugeza ku munsi w'urubanza.

Mu by'ukuri, murabona, urubanza ntiruba ubu kandi nta kuzimu haka hahari ubu. Umuntu nababwira ko uwo muntu ubu ari ikuzimu haka, ni ikinyoma. Murabona? Umucamanza kuri iyi si arakiranuka cyane kugira ngo atigera aciraho iteka umuntu mbere yuko amujyana mu rubanza. Kandi Imana ntizigera ijugunya umuntu mu itanura yaka mbere yuko acirwaho iteka bwa mbere n'Amategeko bwite y'Imana. Yanze impuhwe, ndetse, murabona, agomba bwa mbere gucirwaho iteka, kandi urwo rubanza rubera ku Ntebe ikomeye y'umweru; ariko ubu, ari ahantu hitwa gereza.

61 Nk'uko nagize iyerekwa ry'ahantu habiri, kandi ku bw'ubuntu bw'Imana. . . (Simvuga ibi ngo mbe umuntu utuka ibintu by'Imana kandi niba ari ikinyoma, Imana imbabarire.), nizeye ko nari ndi ahantu habiri, murabona, ahantu habiri. Kandi nabonye abacunguwe n'abahawe umugisha, kandi nabonye abazimiye n'ahantu bari. Kandi ni yo mpamvu mpagaze aha uyu munsi, nka mwene So wanyu, kugira ngo mbagire inama yo guhunga iyo nzira imanuka. Ntimuzigere mujya muri uwo muhanda. Kandi mufite byose kugira ngo mubeho ku bw'iyo nzira yahawe umugisha igenda izamuka aho abacunguwe bari mu byishimo n'amahoro, kandi ntibashobora gukora icyaha. Ntibashobora - ntibashobora kugira agahinda. Ntibishoboka. Aho, nta kintu na kimwe nk'icyo, barera. Nabonye ahantu habiri. Nzi ko ari itangazo rikomeye umuntu ashobora gutanga, ariko Imana nk'Umucamanza wanjye, nezera ku mugaragaro ko nabonye ahantu habiri. Ndabyizera.

62 Kandi, yoo! kijye kure y'umuntu igitekerezo cyo kwinjira muri ako gace k'abazimiye! Iyo muza kuba mwari aho hamwe n'imigozi y'ibyuma yaka, ibajomba, ibababaza mu buryo bwose, ntibyaba nk'ubwo bubabare bw'amadayimoni nk'uburi aho hantu. Nta na kimwe yashobora kuhabona. . . Igitekerezo cy'umuntu ntigishobora - igitekerezo cy'umuntu ntigishobora kumva uko ako gace k'abazimiye kameze. Nta buryo bwo kubisobanura. Kandi nta buryo na none bwo gusobanura uko agace k'abahawe umugisha kameze. Birahebuje cyane. Aho hantu hateye ubwoba cyane, ariko aha hara - harahebuje cyane. Ibyo

biva mu bibabaje bijya mu bishimishije cyane. Ku bw'ibyo, niba umuntu anyumva. . .

63 Kandi ndashaje. Sinzi igihe nsigaranye na none. Mu gihe gito nzagira imyaka 55 kandi sinzi. . . Bijyanye na kamere, nshobora kutongera kugira igihe kirekire. Sinzi aho iyi bande izajya, ariko abumva bose aha kandi bazumva iyi bande aho izashobora kujya hose, ntimuzigere mujya na rimwe muri ako gace k'abazimiye. Ntimushobora kwisobanurira ikuzimu ukuntu ari habi cyane. Kandi icyo mwakora cyose, ntimuzigere mugira ntimuzigere mwibagirwa ibi ko agace k'abahawe umugisha. . . Nabivuga hamwe na mutagatifu Pawulo ati "Icyo ijisho ritabonye, icyo ugutwi kutumvise, cyangwa ikitarazamutse mu mutima w'umuntu, ibintu Imana yabikiye abayikunda!" Ku bw'ibyo, muhagarare niba mwumva bande, muhagarike bande noneho mwihane niba mutarakijijwe, noneho mwishyire muri gahunda n'Imana.

64 Ndavuga ibi mu bunararibonye bwanjye bwite nk'uko mbyizera mu mutima wanjye; kandi ndatangaza ko niba aya mayerekwa yarambeshye, Imana imbabarire gutangaza ikintu nk'icyo. Ariko, hamwe n'ubushize bwose bw'amanga mu mutima wanjye, nzi ko nta na rimwe muri aya mayerekwa ryigeze ritsindwa, nizeye ko nari ndi aho hantu habiri. Bijye kure y'umuntu wese igitekerezo cyo gufata uwo muhanda umanuka!

65 Noneho, Yesu, nyuma yo kurangiza ubukozi Bwe, yabwirije ubugingo butashoboraga gukizwa, butashoboraga kwigera bukizwa. Byiza, Bibiliya irabitubwira. Yarajyiye kandi abwiriza ubugingo bwari muri gereza kandi butari bwarihannye. Igihe bahabwaga ubuntu, barabujugunye; none ubu, ategereje urubanza. Yo! mbega igihe byagombye kuba! Yoo! nakwifuza kugira uburyo bwo gushobora kunyeganyeza isi hamwe n'ibyo kandi nkatuma babona ikintu cy'ukuri.

66 Kandi Yesu Ubwe yaravuze ati "Nk'uko Data yantumye, Nanjye ndabatumye." Kandi nk'uko Data yamutumye kubwiriza abazima, abari bafite ibyiringiro, na none nyuma akerekana Ubutumwa bumwe ku batari bafite ibyiringiro, biragaragara ko ari iby'amahirwe, muri uyu mwanya, ibyo bintu bigomba gukorwa, kubera ko Umwuka wa Krisitu utuye muri twe udahindura kamere Yawo cyangwa uburyo bw'Imana; Agomba kuba umwe muri buri gisekuru. Agomba kuba umwe. Yaravuze ati "Nk'uko Data yantumye, Nanjye Ndabatumye."

67 Abakozi bagomba kumera kimwe, ku buryo Yavuze ati. . . Ndabona bamwe muri mwe bandika Ibyanditswe. Mutagatifu Yohana 14:12. . . "Unyizera azakora nawe imirimo Nkora." Murebe, imirimo, kubwiriza abazimiye, gukiza abarwayi na nyuma abantu bidashoboka gukizwa. Murabona? Umurimo wakomeje mu buryo bumwe. Ndetse, ibi byarabaye (ibi byarabaye?)… nshobora kubivuga gutya, ubukozi bwa Yesu Krisitu bwongeyeye kugira ubuzima mu Itorero Rye muri iyi minsi ya nyuma. Ni ibyo benshi muri twe bizera. Mbyizerana namwe. Ndabyizera. Iyo bitaza kumera gutyo, nari bukore ikindi kintu kuri ibyo, kubera ko nyuma ya byose ni njye urebwa muri ibi. Kandi niba Umwuka w'Imana uri muri mwe, mwita ku bantu.

Hari umurongo w'Ibyanditswe wagumye kunteza ikibazo, ukuntu Mose yashoboye guha Imana igitekerezo kiza cyane nk'Icyayo, kugeza ubwo nashoboye kuvumbura ko byari Umwuka wa Krisitu muri Mose. Murabona?

Imana iravuga iti "Mose, itandukanye nabo. Ngiye kubarimbura bose kandi nongere ntangirane nawe."

68 Yaravuze ati "Mwami. . . "Yikubita hasi mu mwobo kandi aravuga ati "Ntwara, kandi uhanagure izina ryanjye." Umutima Wayo ugirira impuhwe abo bantu ndetse bari bigometse. Murabona?

Kandi iyo umubwirizabutumwa ufite uburemere bw'abantu ku mutima we. . . Ni gute nashobora kumva ntsindishirijwe ku byanjye. . . imbere y'Imana no kuri njyewe ubwanjye iyo nza kwibuza kubwira ikintu abantu nkunda cyane nk'uko nanjye nikunda? Ni gute umuntu yashobora kwinjiza umuntu mu rusengero akoresheje igipfunsi cyangwa kujojoberazaho amazi cyangwa umubatizo w'ikinyoma cyangwa ikintu bisa noneho ukamurekera munsi ya - imbaraga z'ikinyoma, azi ko Bibiliya iri aho, akavuga ko akunda uwo muntu?

Nubwo nasaba kugira ngo mbeho, uko byamera kose, mundeke mbe inyangamugayo ku Mana n'abantu kandi mbabwire ukuri. Ntimuzigere mutuma mba umubeshyi. Ni gute nshobora kubeshya uwo nkunda? Nubwo ngomba kubakomeretsa, nyamara ndabakunda. Impamvu mukubita urushyi umwana wanyu, ni uko mumukunda. Atari ukubera ko mutamukanda, ahubwo kubera ko mumukunda. Niba yarakoze nabi, azapfa nimutamukosora.

69 Byiza, ni cyo cyabaye ubukozi. Nk'uko byagenze, ndetse ni ko bimeze uyu munsi. Byabwirijwe kandi mu buryo bwuzuye bihamirizwa n'Ijambo ry'Imana ko ibyo bitashoboraga kuba umuntu; ibyo byagombaga kuba Imana. Ibyo byagombaga kuba ibyo. Murebe. Ibimenyetso bimwe by'umwuka Yesu Yasohoje byarongeyeye biba ku isi muri iyo minsi ya nyuma. Ikimenyetso kimwe cy'umwuka Yigaragarishije nka Mesiya cyaramugaragaje uyu munsi; igihe cyose ni Mesiya! Ibimenyetso bimwe bifatika byagaragaye ku isi ni ibyamuherekeje, ni cyo Yari cyo. Inkingi imwe y'Umuriro Mutagatifu Pawulo yabonye, ni imwe. Kandi ibyo byose byarongeyeye biraba, bifite ishusho imwe muri byo kandi bisohoza ikintu kimwe.

70 Yesu yatangaje ko nta kintu Yakoraga mbere yuko Data abimwereka, kandi Data ni Umwuka Wera; turabizi, ni umurimo w'Imana gusa. Niba atari ko bimeze, ni uwuhe muri babiri Se wa Yesu Krisitu? Yesu yavuze ko Imana yari Se, kandi Bibiliya ivuga ko Umwuka Wera wari Se. Noneho, ntimushobora kumugira umwana w'ikibyarwa; ndetse, Umwuka Wera, ni muri make. . . ni imirimo itatu y'Imana imwe gusa. Ni ibiyihagarariye bitatu, Imana imwe.

Muri igice cy'Imana kandi ndi igice cy'Imana, ariko sindi Imana yose namwe ni uko; murabona? Murabona, ni ibihagarariye Imana muri twe; nk'abahungu bagizwe abana na Yesu Krisitu, Ari we Mana Ubwayo yambaye umubiri kugira ngo idupfire.

71 Byiza, Umwuka Wera Wamwerekaga igihe cyose ibintu by'igihe kizaza, kandi Ntiyigeze na rimwe yibeshya. Igihe cyose biba byuzuye. Ese ni byo? Ntiyabyiyitiriraga. Yabihaga Imana. Aravuga ati "Umwana nta kintu ashobora gukora Ubwe, Akora gusa icyo Abonye Data akora." Kandi Data. . . Umwuka Wera yari Se. Ese ni byo? "Yozefu, mwene Dawidi, ntutinye gutwara Mariya umugore wawe, kuko umwana atwite avuye ku Mwuka Wera." Ari we wari Se. Kandi Umwuka Wera yeretse Yesu ibintu by'igihe kizaza kandi Amubwira ibintu byabaye.

Kandi Yari Imana muhanuzi, kubera ko Ijambo ry'Umwami riza gusa ku muhanuzi. Ibyo byerekana ko Ijambo ryaje mu ishusho ntoya. Abahanuzi banditse icyo Umwami yababwiraga, ariko We nta kintu yanditse, kubera ko Yari Jambo. Yari Jambo.

72 Murebe, ni Umwuka Wera umwe wari utuye muri We uti "Hasigaye igihe gito, isi ntizongera kumbona, ariko mwe, muzambona, kubera ko Nzabana namwe ndetse no muri mwe kugeza ku iherezo ry'isi. Nzabasanga." Ni ko Yavuze. Njye, yari Data wari muri We uzabasanga. Kandi Yongeraho ati "Umwuka Wera naba muri mwe, Azabahishurira ibyo bintu Nabigishije kandi Azabatangariza ibintu bizaza." Ni ho muri ubu.

73 Noneho, turabona ko, nk'uko Umwuka Wera yakoreye mu Itorero ry'icyo gihe, Akora kimwe neza ibintu bimwe uyu munsi: Ivugisha Inkingi y'Umuriro, ikintu kimwe neza nko mu ntangiriro. Mu gihe yawubonaga umanuka kuri Yesu, Yohana yabivugiye mu ruzi rwa Yorodani. Byose byarahamirijwe ndetse n'ubumenyi bwabifashe amafoto. Ibyo ntibishobora kugirwaho impaka. Ibyo byarahamirijwe mu buryo bw'ubumenyi. Birafatika. Ntibyari igitekerezo cyubakiye ku migani, ntibyari ibijyanye n'imitekerereze ya muntu. Nk'uko George J. Lacy yabivuze ati "Ijisho ry'icyuma gifotora ntiryafata imitekerereze ya muntu. Urumuri rwakubise neza icyo kintu."

74 Bimeze gute kuri mwe, torero, muri aha kandi mwanyumvise mvuga hashize amezi 6 cyangwa 8 nti "NI KO UWITEKA AVUZE, nigiriye i Tucson, muri Arizona. Hazabaho guturika kandi Abamarayika 7 bazaboneka."? Murabyibuka? Ndetse nta. . . Imana yabigaragaje neza cyane ku buryo ikinyamakuru Look cyabifotoye. Ikintu cy'umwuka cyabonywe mbere cyagaragajwe mu buryo bufatika neza mu buryo bumwe, Abamarayika 7 bazanye gusohora kw'Ibyanditswe byose. Mu by'ukuri, ubwiru bwose bwa Bibiliya yose buri mu Bimenyetso 7. Turabizi. Ibyo ni. . . Igitabo gifungishije ikimenyetso. Ni ubwiru bw'Igitabo cyose cyahishwe muri ibyo Bimenyetso Birindwi Umwami yatwemereye kuzana.

75 Hari abantu bicaye aha uyu munsi bari bari kumwe nanjye rwose igihe ibyo byabaga. Ikinyamakuru Look cyarabihamije nacyo, kivuga ko ibyo - byabaye neza. Mu by'ukuri, ni Imana yari yabitangaje; ni Imana ihagarara iruhande rw'Ijambo Ryayo kugira ngo irisohoze igihe Yavugaga ko Izabikora. Ni yo mpamvu, atari umuntu, umuntu w'umubiri nka njye, uri hagati yanyu, ni Imana Ihoraho.

Ikoresha umuntu, ni byo. Nta kintu Ikora hanze y'icyo Ikoresha umuntu. Turabizi. We, ni umukozi. Wayo. Ni we Yatoranije. Kubera iki? Simbizi. Yashoboraga gukora ku buryo izuba ryabwiriza Ubutumwa bwiza cyangwa umuyaga ukabikora. Yashoboraga gukoresha umuyaga kugira ngo isoheze ibintu, ariko Yahisemo umuntu.

Yari gahunda Yayo ko ikiremwa muntu kibwira mugenzi wacyo. Atari Yo ubwayo. Ariko Ijambo ry'Umwami riza ku bahanuzi, ku bahanuzi, ku babwirizabutumwa. Kandi umuhanuzi uhakana Ijambo ry'umwimerere, ni gute ashobora kuba umuhanuzi w'ukuri? Murabona? Ntiyabishobora, kubera ko ahakana ukuri kw'Ijambo. Ubwo rero, niba ibyo bidakora. . . ubwo iryo Jambo, Ubwaryo, iyo Ribwirijwe mu kuri Kwaryo kose no mu kuri k'Umwuka Wera, Rizagaragaza buri sezerano Ryatanze. Ni gutyo ndetse tumenya niba ari byo cyangwa atari byo. Ni byo Yesu yavuze ati "Niba ntasohoza icyanditse kuri Njye, ubwo ntimuzanyizere." Murabona? Noneho, turumva ibyo bintu.

76 Mwibuke, Ibimenyetso 7 byarasohoye, kandi uko kuri kurindwi (7) kwahishuwe. . .

Kumwe muri ko, ntitwemerewe kukumenya. Ni bangahe bari aha mu gihe cy'Ibimenyetso Birindwi kandi bumvise? Mwe mwese, ndatekereza. Murebe, iikimenyetso cya 7, Ntiyemeye ko tukimenya.

Yahagaze neza aho mu nzu kandi ahishura buri kimwe muri byo. Kandi niba narigeze mbwiriza mu buzima bwanjye ikintu runaka cyari gifite gusigwa, byari ibyo neza. Kandi ibyo bigomba kuba ukuri kuri mwe. Nahagaze aha kandi mbabwira ko ibyo bizaba kandi najyiye rwose aho. N'ubumenya nabwo n'ibindi

byose bisigaye, ubushakashatsi bujyanye n'ubumenyi n'ibindi byose - ni ubukozi ku bantu - bwagaragaje ko byabereye aho ndetse. Kandi naragarutse, kandi mwabyumvise bihishurwa kandi bigira buri Jambo mu buryo bwuzuye ukuri. Ni uwuhe munsi turimo? Ni he turi?

77 Kandi mwibuke ko mu kimenyetso cya 6, aho. . . Impanda zose 7 zavuze munsi y'iki kimenyetso cya 6. Igihe tuzabigeraho, muzabyumva. Buri imwe mu mpanda 7 yavugiye muri icyo Kimenyetso cya 6.

Umubare 7 ni ubwuru igihe cyose. Mwitegereze iyo 7: ni ukurangiza. Byari Kuza k'Umwami. Ijuru ryasaga neza, ricecetse; nta muntu wanyeganyeze kubera ko Yesu Ubwe yavuze ati "Ndetse na marayika wo mu ijuru ntazi igihe Nzagarukira. Nanjye ubwanjye, sinzi ndetse isaha. Data, We, yabishyize mu gitekerezo Cye." Imana ni yo ibizi yonyine, Umwuka. Ariko sinari mbizi. Murebe, ibyo ntibyahishuwe. Igihe iyo mpanda ya 7 yavugaga. . . cyangwa ahubwo Marayika wa 7, cyangwa Ikimenyetso kirafungurwa, ubwo Habaho guceceka mu ijuru. Murebe, ibizaba ntibyahishuwe.

78 Ariko ni munsi y'ikimenyetso cya 6 izo mpanda zose zavuze. Mwibuke ko aho tubona ko Umwana w'intama yigiye imbere kandi akaboneka ku kibuga. Yari yavuye ku ntebe y'imbabazi; umurimo We w'ubucunguzi wari warangiye. Noneho Yigira imbere kandi afata Igitabo mu kiganza Cye cy'iburyo cy'Iyari yicaye ku Ntebe, kandi ntihongera kuba igihe ukundi. Kandi muri ako kanya Marayika aboneka mu gice cya 7 - ku gice cya 10, umurongo wa 7, avuga ati. . . Uwo Marayika aramanuka kandi arahira ko hatazongera kubaho igihe ukundi.

Ariko, murabona, muri icyo Gitabo harimo abacunguwe; cyari Igitabo cyo Gucungurwa. Kandi ibyo Yari yaracunguye byose byari byanditse muri icyo Gitabo kandi Ntiyashoboraga kuva ku kicaro Cye cy'Umuhuza kugeza Arangije ubucunguzi bwose. Ntiyashoboraga kubacungurira ku musaraba, kuko bari baramaze kugenerwa mbere mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama kandi Yagombaga kuguma aho akora ubuvugizi kugeza umuntu wa nyuma ashyizweho ikimenyetso. Icyubahiro kibe icy'Imana!

79 Ariko umunsi umwe, Ahaguruka aho, yigira imbere. Ni he Igitabo cyari? Igihe cyose cyari kwa Nyiracyo w'umwimerere, Imana Ishobora Byose. Noneho Yohana areba iruhande rwe noneho ararira, kubera ko nta muntu wari uhari wari ukwiriye mu buryo buhagije kureba Igitabo kandi by'umwihariko gufungura Ibimenyetso, kugira ngo ahishure icyari ubwiru bwahishwe.

Ubwiru bwari mu Bimenyetso 7. Igihe ibyo Bimenyetso 7 byafungurwaga, Bibiliya yose irafunguka. Ibimenyetso 7 byari bifungishije ikimenyetso cy'ubwiru 7. Kandi muri ibyo Bimenyetso 7 harimo ubwiru bwuzuye bw'Ibyo. Kandi byari Igitabo cyo Gucungurwa: Isezerano Rishya. Si irya Kera.

Ibyo byatangarijwe gusa Isezerano Rishya. "Bahinduwe. . . Ntibashobora kugera mu kuzura tudahari." Abaheburayo 11. Murabona? Murabona? Byiza, Gucungurwa kwaje gusa ku rupfu rw'Umucunguzi. Kandi bari mu buryo bw'imbaraga munsi y'amaraso y'abana b'intama oya munsi y'ay'Umucunguzi. . . Ntibari bagacunguwe mbere yo kuza k'Umucunguzi.

80 Murebe noneho, igihe uwo Mucunguzi. . . Yohana areba iruhande rwe, kandi Imana yari yicaye ku Ntebe, ifite mu kiganza Cyayo Igitabo cyari yarafungishijwe Ibimenyetso 7 kandi cyari gifite gahunda yose y'Ubucunguzi, kandi ko inyoko muntu, Adamu, yari yarazimiye.

Noneho Imana. . . Cyasubiye he? Satani ntiyashoboraga kugifata; yatumye gusa azimira. Ariko noneho, ni he noneho Igitabo cyagiye? Nticyari kikiri icy'inyoko muntu [Mwene Data Branham akubita ku ntebe inshuro nyinshi - Ed.]. Imigisha ntiyari iy'aha, aha inyoko muntu yari yagitakaje. Ndetse, Cyagarutse uwo mwanya kuri Nyiracyo w'umwimerere, Ariwe wari Imana. Yari yicaye aho, Igifashe, noneho Isaba umuntu, umuntu, kwigira imbere no kugisaba.

81 Yohana areba iruhande rwe kandi nta muntu wari uhari mu ijuru, nta muntu ku isi, nta muntu, nta marayika n'umwe. Nta muntu washoboye gufata Igitabo cyangwa gufungura Ibimenyetso cyangwa ngo akirebe. Nta muntu n'umwe wari ubikwiriye. Yohana avuga ko yarize mu buryo bubabaje.

Noneho Marayika aza amusanga kandi aramubwira ati "Wirira, Yohana, kuko Intare y'Umuryango wa Yuda yanesheje kandi Arakwiriye."

Noneho Yohana arareba kugira ngo abone Umwana w'Intama, cyangwa ahubwo kugira ngo abone Intare; noneho ni iki yabonye? Umwana w'Intama. Kandi wari Umwana w'Intama wuzuye amaraso, Umwana w'Intama wari watambwe. Kuva ryari? Kuva isi yashyirwaho urufatiro. Umwana w'Intama araboneka kandi yigira imbere asanga Iyari ifite Igitabo mu kiganza Cyayo cy'iburyo, noneho Afata Igitabo, Azamuka ku Ntebe noneho aricara. Ni ibyo. Byari birangiye. Ryari? Igihe Ibimenyetso byahishurwaga. Igihe icya nyuma. . . byari ibyo Yacunguye byose. . . nta kintu na kimwe cyari gihari. . . Yaje kugira ngo ancungure. Muravuga muti "Kubera iki Atabacunguye mu myaka 40? Mu myaka 2000?"

82 Murabona, amazina yabo yari mu Gitabo cy'Ubugingo, muri icyo Gitabo. Kandi Yagombaga kuba aha, kubera ko byari gahunda y'Imana yo kubacungura. Amazina yabo yanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro. Umwana w'Intama ashyirwa aho hamwe n'ibyo

kugira ngo atambwe. Dore Umwana w'Intama araje nyuma yo gutambwa, Yaragarutse kugira ngo akore ubuvugizi.

Mumwitegereze! Hazabaho kwigana kwinshi, n'ibindi bintu byinshi, ariko umuntu yari ajyiye mu by'ukuri gucungurwa, kuko Itorero ryari ryaragenewe kubaho nta kizinga, cyangwa umunkanyari. Rizaba aho, kandi Umwana w'Intama yapfuye muri iyo ntego. Ubwo, igihe izina rya nyuma ryanditswe muri icyo Gitabo ryacungurwaga, Umwana w'intama yigira imbere, afata Igitabo, [kandi aravuga ati] "Ndi Uwabikoze!"

83 Abamarayika. Abakerubi, abakuru makumyabiri na bane, Ibinyabuzima, byose, biyambura ikamba ryabo, bikubita imbere y'Intebe kandi baravuga bati "Urakwiriye."

Yohana aravuga ati "Byose mu ijuru no ku isi byanyumvise mvuga n'ijwi rirenga nti: Amina, muvuge amajwi ya haleluya n'amashimwe ku Mana." Ijwi rizamuka mu ijuru. Kubera iki? Amazina yabo yari muri icyo Gitabo kugira ngo ahishurwe kandi Umwana w'Intama yarayahishuye.

84 Umwana w'Intama yarabacunguye, ariko Ntiyashoboraga kugenda mbere yuko izina ryanjye rihishurwa; kandi ibyo byabaye munsi y'Ikimenyetso cya 6, mbere yuko icya 7 kimenywa. Ubwo… Ubwo Umwana w'Intama yaje ku bw'abo Yacunguye. Yaje gushaka abo Yacunguye. Abafite aha ndetse mu Gitabo Yafashe mu kiganza Cye. Noneho, Aje gutwara abo Yacunguye; ni uwo umurimo Yasohoje, Yaje kugira ngo abatware. Yoo! mbega igihe! Kandi ibyo byaragaragajwe. Ikimenyetso cya 7 cyarabigaragaje. Yaragarutse kandi Afata Igitabo cy'ubucunguzi.

85 Murebe. Byari Ubutumwa bwa marayika wa 7 bwagombaga guhishura Icya karindwi - Ibimenyetso 7. Ibyahishuwe 10:7, noneho, muzakibona aho. Murabona?

Kandi abona uwo Marayika amanuka, gukandagiza ikirenge Cye ku isi no ku Nyanja; byari Krisitu. Yari afite umukororombya hejuru y'umutwe We. Mumwitegereze; murongera kumubona indi nshuro mu Byahishuwe 1 hamwe n'umukororombya hejuru y'umutwe We; Yasaga n'ibuye rya yasipe na sarudi ndetse n'ibindi. Ubwo Araza, Arambika ikiganza - ikirenge ku isi, ikindi ku mazi azamura ikiganza. Yari agifite umukororombya hejuru y'umutwe We; ni isezerano. Yari Marayika w'isezerano, ari we wari Krisitu, Yari yashyizwe hasi cyane y'Abamarayika kugira ngo ababare. Ubwo Araza, azamura ibiganza agana mu ijuru noneho arahira mu Uwubaho iteka n'iteka (Ari we Uwiteka, Data, Imana), "ko hatazongera kubaho ukundi igihe", igihe ibi bizaba. Byararangiye. Byarakozwe. Byararangiye.

86 Noneho nyuma, Ibyanditswe biravuga biti: no ku - ku Butumwa bwa marayika wa 7 wo ku isi, intumwa ku isi, uwa 7 kandi wa nyuma w'itorero. . . mu ntangiriro y'ubukozi bwe, igihe ibyo bitangira ku isi, uwo mwanya, ubwiru bw'Imana bw'ibyo Bimenyetso 7 bwagombaga guhishurwa muri icyo gihe. Noneho, turabona aho turi. Byashoboka, nshuti zanjye? Byashaboka? Murebe. Byose birashoboka.

87 Aza ku bw'Ubucunguzi bw'abantu bose bacunguwe [banditse] mu Gitabo, bari barabigenewe mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro kandi Yaje kugira ngo abacungure. Abo Yari yaracunguye bose bari banditsemo.

88 Ndashaka ubu kubabaza ikibazo kimwe. Kandi namwe mwumva bande, mwumve mwitonze. Ayo maso ateye ubwoba, uwo mutwe uteye ubwoba. . . ese ni yo mpamvu ubu Butumwa mu by'ukuri bwarwanyije abo bagore b'igisekuru kigezweho? Ese ni ibi Ubutumwa bw'uwo marayika wa nyuma? Ni iki Yavuze aho ku mugezi mu myaka hafi 33 ishize? "Nk'uko Yohana yoherejwe", murabona, "kugira ngo atangaze Kuza kwa mbere kwa Krisitu, Ubutumwa Bwawe buzamenyesha Kuza kwa kabiri Kwe." Ahantu hose mu isi, kandi ni cyo yakoze. Ubwo rero, kuza kugomba kuba kwegereje. Mwitegereze ibiba ubu.

Kubera iki? Nishimye umutwe, nahindukiye ku musego wanjye; nagenze mu rwuri nibwira nti "Ni iki kiri kuba hamwe nawe?"

89 Hashize iminsi runaka, nabajije ikibazo abantu babiri nari ndi kumwe nabo mu ivatiri. . . Inshuro imwe, nabajije ikibazo Jack Moore. (Mwese muzi Jack Moore. Njya iwe i Shreveport.) Naramubwiye nti "Mwene Data Jack, mwabaye umwe mu nshuti zanjye zikomeye ku isi. . ." Ariko mbere yo kumubaza ikibazo, nari nakibajije umugore wanjye. Niba hari umuntu uzi ikintu runaka kuri njye, intege nke zanjye n'ibindi byose, ni umugore wanjye neza, murabona, umuntu uhenze. Kandi umunsi umwe, namuvugishije, mvuga nti "Mukunzi, nk'umugabo wawe, ndi umukozi w'Ubutumwa bwiza, sinshaka gukoza isoni Uwo nkunda. Oya. Sinshaka kugukomeretsa. Sinshaka kuzana ikimwaro kuri wowe. Imana indinde igihe cyose gukora ikintu cyakugirira nabi; ni kangahe mu buryo bwumvikana cyane utekereza ibyo byagirira nabi Imana? Mbega ukuntu nkikunda! Uri umugore wanjye, Ni Umukiza wanjye n'Imana yanjye. Ndashaka kukubaza ikibazo. Ntugire icyo umpisha, mbwira ukuri."

Naramubwiye nti "Narize cyane. . . "

90 Kandi nashakaga cyane kubimenya. . . mfite imyitwarire isekeje, idasanzwe, ndabizi. Umuntu wese aravuga ati "Ni umuntu bwoko ki!"

Noneho, murabona, ntimushobora kuba icyo muri cyo ubwanyu. Muri icyo muri cyo ku bw'ubuntu bw'Imana.

Kandi nda ndavuga nti "Ese natayе ubwenge mo gake, (murabizi) kandi - kandi nkaba naba nabaye umusazi? Kubera iki nciraho iteka ubutitsa abo bagore, mu gihe mbakunda?"

Banyita, bavuga ko ndi umuntu wanga abagore, si uko ntakunda. . . ko nanga abagore. Murabona? Birapfuye. Nkunda abagore, ndashaka kuvuga nka bashiki banjye.

Singiye kubakubita mu mugongo, murebe, iyo mbonye ko muri mu ikosa. Nshobora kubabwira ko mbakunda cyane kugira ngo mbigenze gutyo. Umuntu wabikora yaba afite ubundi bwoko bw'urukundo. Murabona? Ndabakunda kubera ko icyo muri cyo. Muri umufasha ku muhungu w'Imana kandi muri igice cye. Murabona? Kandi nda - kandi ndabakunda, kubera ko mwaremwe mu ishusho y'umugabo kandi umugabo yaremwe mu ishusho y'Imana. Ni yo mpamvu, hamwe, muri muri Krisitu. Ni yo mpamvu mbakunda. Ibisigaye nta cyo bimaze, Imana irabizi. Ubuzima bwanjye bwose. . . Murabona? Ni byo. Kubera iki nahagarara ubutitsa. . .

Abantu baravuga bati "Mubwire abagore bose, bavuga ko bafite intego yo kuza kumva Mwene Data Branham abwiriza, kwiyogoshesha ukundi, kwambara ingofero cyangwa ikindi kintu, kubera ko azatangira gusakuza n'umujinya arwanya imisatsi migufi, no kutisiga ibirungo n'ibindi byose gutyo." Ni byo bakoze, batekereza bati "Yoo! yavuze ku muntu..."

91 Baravuga bati "Kubera iki muda. . ." Baravuze bati "Abantu bizera ko muri umuhanuzi. Kubera iki mutigisha abagore ukuntu bakwakira impano zikomeye z'umwuka n'ibintu nk'ibyo aho kugerageza kubigisha izo nkuru?"

Narasubije nti "Niba badashaka kwiga ABC zabo, ni gute bazamenya alijebure? (imibare ihanitse)" Murabona? Murabona? Mubanze mujye muri gahunda.

Kandi uko ndushaho kubwiriza, biba bibi cyane. Noneho muravuga muti "Kubera iki mudahagarara?" Oya, Mugabo. Hagomba kuba ijwi, umuhamya ubirwanya.

Umwe mu bantu bakomeye cyane mu bukozi uyu munsi yandambitseho ibiganza bye, nta gihe kirekire gishize, noneho arambwira ati "Ngiye kubasengera, Mwene Data Branham, niba mubyemeye, kugira ngo Imana ibikure mu mutima wanyu, kureka aba bagore mu mahoro hamwe n'ibyo bintu."

Narasubije nti "Noneho, ni ko navuze, murabyizera, Mugabo, mwe umubwirizabutumwa wa Saintete? (Kwera)"

Arasubiza ati "Nta gushidikanya, ndabyizera; ariko, ni ko yavuze, ni - ni umurimo. . ."

Ndavuga nti "Oya."

Aravuga ati "Ni umurimo w'abashumba."

Ndasubiza nti "Ntibabikora."

92 Umuntu runaka agomba kubikora. Umugezi ugomba kwambukwa. Igishishwa kigomba gukurwaho. Sinshaka kubikora. Imana izi neza ko ntafite icyifuzo cyo kubikora. Benshi muri aba bagore bafasha abana banjye kandi urebye batanga ubuzima bwabo ku bwanjye. Mutekereza ko hamwe n'ubuntu bw'Imana bwakwirakwije mu bwinshi n'Umwuka Wera, mutekereza ko nashobora gutuza mbona ubwo bugingo bubabaje bugwa aho mu iteka ridafite ibyiringiro, ntavugije induru mbirwanya?

Si ukugira ngo mbe bamenya, ariko umwuka w'iki gihugu, umwuka w'itorero, oya Umwuka wa Krisitu ubu, umwuka w'itorero, w'idini, wajugunye abo bagore muri urwo rujijo aho kandi ndi ijwi gusa ritaka riti "Musohoke muri ibyo. Muhungire kure uwo mwanda. Ntimutume umwanzi abakorera ikintu nk'icyo. Birapfuye!"

Kandi namwe, Assamblees de Dieu (Amatorero y'Imana), mureka abo bagore - mureka abo bagore bakogosha imisatsi yabo mu gihe mubabuza kwisiga ibirungo. Mu by'ukuri, nta Cyanditswe kirwanya kwisiga ibirungo, ariko kirwanya neza igikorwa cyo kogosha imisatsi yanyu. Ntanakwiriye gusengera imbere y'Imana, ni ko Bibiliya ivuga. Umugabo we afite uburenganzira bwo gutandukana nawe no kumusiga. Ni byo. Yigaragaza mu maso y'isi nk'umugore wanduye. Bibiliya irabivuga. Akoza isoni umugabo we bwite iyo abikoze. Ni cyo Bibiliya ivuga neza. Murabona?

93 Noneho, umugore wisiga ibirungo. . . Tubona muri Bibiliya ko umugore umwe gusa yabikoze, yari Yezabele. Yari we. Umuntu umwe gusa muri Bibiliya wigeze yisiga ibirungo yabaye Yezabeli, kandi Imana uwo mwanya yamuhaye imbwa z'agasozi ziramurya. Yahindutse umuvumo, ndetse n'ibisuzuguritse byose byitwa Yezabele.

Ntimugomba gukora ibyo. Ntimugomba kubikora. Ni iki gituma mubikora noneho? Umwuka w'umubi.

Ntimubisobanukirwa, nzi ko atari byo. Muri abantu beza cyane. Muri beza. Mumfata mu kiganza, muramvugisha.

94 Kandi ndabakunda. Ni byo. Ariko mbiretse, sinaba ndi indyarya? Pawulo yaravuze ati "Nababwiye inama yose y'Imana, nta kintu na kimwe mpishe." Ntihazagire amaraso y'umugore n'umwe ambaho kuri uwo munsi, cyangwa ay'umugabo n'umwe. Nababwiye Ukuri. Nanze kubikora - si ukwanga, kubera ko ntashaka gukora icyo Imana imbwira gukora, ariko ndabakunda, sinakwifuza kubakomeretsa. Ku bw'ibyo, ni iki ngiye gukora? Ariko Urukundo rutavangiye rw'Imana ruzabayobora kubikora.

Yesu ndetse yasenze ku bwo gukwepa umusaraba. "Ese birashoboka ko iki gikombe cyajya kure ya Njye, ni ko Yavuze? Nyamara, si ubushake Bwanjye, ahubwo Ubwawe."

95 Nakagombye kuba umuntu uvuga ibintu nk'ibyo? Nakagombye gufata aba bagore bahenze b'umutima mwiza cyane, n'ibindi byose, noneho rwose nkabagabanyamo ibice? Nakagombye kubikora? Nakagombye gufata bene Data banjye mu bukozi noneho nkahagarara aho noneho nkababwira ko bakunda amafaranga n'i - idini kurusha Imana? Njye, kuri bene Data bahenze bashyira amaboko yabo. . . Yoo! ngomba kubikora? O Mana! Ntutume mbikora! Nyamara, "nabamenyesheje inama zose nta kintu na kimwe mpishe".

Ni urukundo rw'umwimerere rwahanyoboye.

96 Ese ni yo mpamvu ubu Butumwa bwabaye icyo buri bwo? Nta hantu na hamwe handi ku isi tubibona. [Iteraniro riravuga riti "Amina." - Ed] Ni he ibyo biboneka? Byiza cyane. Bafite ubwoba, murebe, ariko ibyo byabaye nta gutinya. Neza. Imana buri gihe ni gutyo, murabona? Byiza cyane. Ese ni yo mpamvu abagore bacyashywe cyane n'ubu Butumwa? Ibyo ntibyari byagahishuwe. Ibyo narabyeretswe, ariko sinabyibutse mbere y'undi munsi. Murebe hariya. Byiza cyane. Nta gushidikanya, ibyo bijyanye n'ubukozi.

97 Noneho, mwitonde umunota umwe. Higeze habaho igihe aho isi yahindutse iy'umugore? Yego. Bijyanye n'amateka, mu gihe cya Eliya, habayeho umugore witwa Yezabeli. Yagize ubutware ku itorero ry'Imana, ari cyo, bijyanye na Bibiliya, kigomba kwisubiramo mu minsi ya nyuma: umwuka we binyuze mu itorero, n'idini. Kandi azaba indayi n'andi matorero hamwe nawe azaba indayi neza nka we. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti "Amina." - Ed.]

Ibyahishuwe 17 haravuga hati "Ni maraya na nyina w'ibizira." Ibyo ntibishobora kuba abagabo, ni abagore; murabona? Kandi bari [baza -N.D.T.] jugunywa bose ari bazima mu kiyaga cy'umuriro kandi bakongoke. Ese ni byo? Murahari.

98 Murebe. Igihe uyu Yezabeli yagaragaye mu kibuga, habayeho umugabo wahagurutse abivuga. Imana ihagurutsa umugabo. Ntitunazi aho yaturukaga. Ntiyari afite umubanziriza mu bukozi; ntiyigeze yigera aba umutambyi cyangwa ikindi. Yagaragaye nk'umuntu ushaje ukomeye, witwa Eliya; kandi ashyira inshoko ku muzi w'igiti, kandi abantu baramwanze. Si aba gusa, ahubwo n'iteraniro rye ryose riramwanga. Noneho igihe kimwe, yatekerezaga ko yari yasigaye wenyine.

Imana iramubwira iti "Oya, Ndacyafite 7000 bemeranya nawe." Murabona? Byari ako gatsiko katoranijwe, murebe. Igihe cyose ni ako gatsiko, murebe. Iravuga iti "Ntutinye, Eliya. Nzi ko utekereza ko wanzwe, kubera ko amadini yatumye uhungira ku gasengero k'umusozi, ariko ni ko Yavuze, Mfite 7000 byizera ibyo ubwiriza. Ndabafite."

99 Noneho, nyuma y'igihe cye, Roma ifata ubutegetsi kandi hongera kuba igihe ubwo habaye isi y'umugore. Ibigezweho byose byari byubakiye ku - ku mugore, ukuntu basohokaga bambaye ingofero zabo n'ibindi byose, murabona. Kandi Imana ihagurutsa undi ufite Umwuka umwe kuri we, umwuka wa Elisa [Elisa - N.D.T]. Ese ni byo? Noneho aravuga ati "Inshoka ishyizwe ku muzi w'igiti."

Kandi aho hari umugore muto w'umukene w'umunyamahane wari warashatse umugabo . . . we wataye umugabo we noneho agashaka umuvandimwe w'umugabo we, Herode. . . Herodiyasi. Kandi yari u -umubyinnyi w'icyo gihe, wisigaga wese. Yarabyinaga. Yigishije umukobwa we kubyina, umukobwa yabyaranye na se wamureze, se wamureze, ku muvandimwe wa se. Herodiyasi! Yari umukobwa wa w'umugore. Noneho ubwo, amwigisha kubyina noneho ahinduka umubyinnyi ubyina yambaye ubusa wa nyawe nka nyina. Kandi yatekerezaga ko yashoboraga gushaka inshuro 4 cyangwa 5 kandi agakora ibyo ashaka byose.

100 Noneho ubwo Herode arasohoka. Noneho, mwibuke ko bose bari Abayuda. Bari abantu b'itorero. Ubwo Herode arasohoka n'itorero rye kugira ngo bumve uwo muhanuzi, uwo mugabo abantu bizeraga ko ari umuhanuzi.

Yohana yigira imbere neza imbere yabo noneho aravuga ati "Ntiwemerewe gufata uyu mugore." Yoo! mbega ukuntu byamuteye gusakuza! Murabona?

Byiza, umuntu usanzwe aba yaravuze ati "Mumeze gute, Herodiya?

Mu by'ukuri twishimiye kubagira mu itorero ryacu uyu munsi." Ariko si Yohana.

Yesu arababwira ati “Ni nde mwajyiye kureba igihe mwarebaga Yohana? Mwajyiye kureba umuntu wambaye nk'umutambyi? Oya, ni ko Yavuze, ibyo bishobora - ubwo bwoko buramutsa abana kandi bugahamba abapfu.” Murabona?

Aravuga ati “Ni iki mwajyiye kureba? Urubingo runyeganyezwa n'umuyaga wose?”

Bashobora kuba baravuze bati “Ngwino hano, Yohana. Tuzakwishyura menshi nutubwiriza; natwe, turi idini rinini kuruta ayandi.” Si Yohana. Oya, ntiyigeze ajya kureba ibyo.

Aravuga ati “Noneho, ni iki mwajyiye kureba, igihe mwajyaga kumva no kureba Yohana, umuhanuzi?” Yongeraho ati “Kandi ndababwiye nti: uruta umuhanuzi! Niba mushobora kubyakira, ni we umuhanuzi yatangaje ko azaza. 'Nzohereza intumwa Yanjye imbere Yanjye kandi azategura inzira y'Umwami'.” Yari intumwa y'isezerano. Aravuga ati “Nta muntu wabayeho wabyawe n'umugore ukomeye nka we.” Murabona?

101 Ni ubwoko bw'uwo muntu Imana yahagurukije kuri uwo munsi: Eliya, umunyacyaro; Yohana, kimwe. Murabona, Umwuka wa Eliya wari kuri Yohana. Kandi Avuga ko, igihe umunsi w'umugore uzagaruka, uwo Mwuka wa Eliya uzongera ugahaguruka mbere yo Kuza k'Umwami, igihe isi izatwikwa kandi abakiranutsi bakagenda ku ivu ry'abagome. . . nk'ivu munsi y'ibirenge byabo. Yongeye kubisezeranya muri iyo minsi. Murebe: Umwuka Wera yarabisezeranije. Bihuye n'igihe turimo.

102 Hagomba guhaguruka umuntu runaka. Ibyo bigomba kuba, kuko ni NI KO UWITEKA AVUZE; Malaki, igice cya 4. Ni ikimenyetso neza Yavuze ati “Neza mbere yo kuza k'umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka, Nzabohererereza Eliya.” Noneho ni iki azakora? Azagarura imitima y'abana ku nyigisho ya ba se, kuri Bibiliya. Azabakura muri ubwo budasa bwa kidini kugira ngo abagarure kuri Bibiliya, ku Mana. Ni cyo azakora. Murebe igihe gihebuje turimo.

103 Abo bahanuzi bacyashye abo bagore bagezweho bo mu gihe cyabo kandi bombi uko ari babiri babyishyuye ubuzima bwabo. Amateka ahamya ko buri kimwe muri ibyo bihe cyari isi y'umugore, igihe abagore bari bafite ubutegetsi bwuzuye.

104 Murebe igihari uyu munsi. Tuzagira Umuperezida umwe muri iyo minsi; birasa nkaho ibyo byashobora kuba ubu ndetse. Mu by'ukuri, ni umuperezida w'umugore, murebe, we ni nk'ishusho. Nta gihe kirekire gishize, mu kindi gihugu, yakiriye cyane amashimwe n'ibindi byose by'umuntu wese ku buryo perezida ubwe yavuze ati “Ndi umugabo we.” Perezida wa Leta Zunze Ubumwe! Murabona. Atanga urugero rw'ibigezweho noneho abagore bose bakarukurikira, murebe, neza nk'uko Yezabeli yabikoze. Ni gutyo Yezabeli yabigenje. Mwumvise inyigisho yanjye ku “Idini ya Yezebeli!”, murabona, mubiziho ikintu. Murabona aho turi ubu?

Murabona icyabaye, hashize icyumweru kimwe cyangwa bibiri, aha mu mujyi? Umushumba w'umuluteriyene yatumiye umupadiri gatulika w'Umutima Mutagatifu kuza kubwiriza mu mwanya we kandi yarabikoze; nyuma umushumba w'umuluteriyene yajyiye ku mupadiri w'umugatulika kandi abwiriza mu mwanya we.

105 Inama y'amatorero iteranira ubu hariya i Roma. . . Iyi baruwa izenguruka inshuti yanjye ikomeye David duPlessis. . . Igihe nari i Fourteen Mile Creek, nari namubwiye n'ijwi rirenga kuri ibyo nta gihe kirekire gishize; ntiyarazi ko yari yajyanye itorero neza muri Babuloni, mu gihe umuntu wese avuga ati “Yoo! amatorero ajyiye kuba rimwe, ubu.” Yego, ndabizi. Ni byo neza byanditswe mu gitabo cyanjye cy'ubuhanuzi mu 1933, ko ibyo bizaba. Noneho, ntimubona ko ari Satani urimo kubashyira hamwe? Bibiliya irabivuga. Nyuma y'igihe runaka, bakimara kuba umwe, ubwo bizaba iherezo ry'ibyitwa impuzamadini. Murebe. Aho bizaba ari ikimenyetso cyanyu cy'inyamaswa. Ni byo. Murabona? Gusa ibyo. . .

106 Simfite mu by'ukuri igihe cyo gukomeza aho hejuru, ariko. . . Ni saa sita urebye zibura cumi n'itanu. Murebe, ndifuza kubirangiza kugira ngo mfate iyo ngingo. Ndavuga gusa iyo mirongo y'Ibyanditswe aha aho mushobora kubona aho turi. Nyuma turarangiza mu minota mike.

107 Noneho, murebe icyabaye. Aba - abahanuzi bacyashye abo bagore bo mu gihe cyabo noneho bafatwa nk'abantu banga abagore. Ni byo. Amateka arabihamya.

Noneho, mwitondo umunota umwe. Mwe mwandika imirongo y'Ibyanditswe, murashaka neza kwandika 1 Timoteyo 5:6. Bibiliya iravuga iti “Umugore uba mu munezero w'isi. . .” (ibyo ntibishobora kuba umunezero w'Imana; ndetse, ibyo byakagombye kugira. . . murebe.) “Umugore uba mu munezero w'isi yarapfuye nubwo ariho.” Ni cyo umuhanuzi yavuze; Mutagatifu Pawulo. Umugore uba muri iyo mimerere y'isi yarapfuye, nubwo ariho. Kandi niba yanze ubuntu, ashobora kuzarenga umurongo utandukanya, ahatakiri umwanya we. Noneho, ni he ari hamwe n'amaso ye asize n'imisatsi ye yogoshe? Ari ku rundi ruhande rw'umurongo, nta buryo na bumwe bwo kugaruka. Kandi ubukozi bugomba kubyutswa kugira ngo bumubwirize. Ariko mwibuke, icyo gihe, byose byararangiye. Byararangiye. Ni umunaniro gusa.

108 Hazaba umukozi uzagaragaza ibitangaza bikomeye, Yoweli yarabivuze, ariko ntihazongera kuba igihe cy'ubucunguzi. Byose bizaba birangiye. Umwana w'intama yamaze gufata Igitabo Cye n'umurimo We w'ubucunguzi wararangiye. Kimwe n'uko Yesu yabwirije bwa mbere kandi, nyuma yo kubwiriza, arajugunywa, kandi nyuma Ajya gusura abari bafungiranye aho, Yabwirije abari bari muri gereza kandi batashoboraga kwihana, batari bagifite uburyo bw'agakiza. Ubwo bukozi bumwe bugomba kuzisubiramo. Noneho niba byari Igice cya gatatu ku bazimiye by'iminsi yose? Noneho niba ari ko bimeze? Nizeye ko ari oya. Noneho niba ari ko bimeze? Noneho, mubitekerezeho umunota umwe. Noneho niba ari ko bimeze? Imana ituzigame! Mfite abana. Murabona? Ariko, mu by'ukuri, ibyo birasa n'ibyegereje cyane ubu.

Kubera iki iri yerekwa ryaje igihe nari nkiri umuhungu? Kubera iki ntari narigeze mbitekerezaho mbere? Kubera iki iryo yerekwa ryaje aho mu nzu undi munsi? Naribwiye nti “Birahari.” Rwose ni hagati ya “Uh! Uh! Uh!” ubugingo bwazimiye. Noneho Yesu arababwiriza, kandi arahamya; ariko ntibigeze bihana. Kandi uko ndushaho kubwiriza, bahinduka babi cyane: nta kwihana guhari. Ntibigishoboka.

109 Umwana w'intama afata Igitabo Cye igihe Ikimenyetso cya Karindwi cyari cyegereje gufungurwa - Ikimenyetso cya Gatandatu. Mwibuke ko Yaduhishe Ikimenyetso cya Karindwi, Ntiyashatse kubikora. Igihe Marayika yahagararaga aho, umunsi ku munsi, abihishura. . . ariko noneho Ntiyashatse kubimukorera. Aravuga ati “Hari uguceceka mu ijuru.” Nta muntu wari ufite icyo abiziho. Kwari Ukuza k'Umwami. “Yoo! muvuge, ntashobora kuboneka!” Niringiye ko atari byo.

Tujye rwose kure mo. Mfite ikintu nanditse. Murebe. Byiza cyane.

110 Mwibuke “Uba mu munezero w'isi, ubaho ibintu by'isi kandi akagenza nka yo.” Ashobora kujya ku rusengero kandi akagenza nk'uwera, nta sano bifitanye n'ibyo, murebe, nyamara yarapfuye, nubwo ariho.

Murebe icyo amadini yamugize. Bamugize igikoresho cy'Ijambo ryera, igitandukanye na Bibiliya. Bamugize umubwirizabutumwa. Bijyanye n'Ibyanditswe, birabujijwe. Uyu munsi, banamugira umuyobozi, umuyobozi w'akarere, umuyobozi w'intara, n'ibindi. mu gihugu, n'umukozi mu nzu y'Imana, mu gihe acirwaho iteka n'icyaha cyose kigeze gikorwa. Ni we ntandaro. Ni byo.

Noneho. simvuga uburenganzira. Aciriweho iteka. Ni we ntandaro ya buri mwana uvuka ari impumyi. Ni we ntandaro ya buri gituro cyacukuwe. Ni we ntandaro y'icyaha, y'uburwayi, y'agahinda. Imbangukira gutabara ntishobora kuvuza ihoni atari umugore ubiteje. Cyangwa amarira, cyangwa icyaha, cyangwa urupfu, cyangwa agahinda, cyangwa umubabaro ntibishobora kuba, umugore atabiteje. Kandi Imana imubuza kuzamuka ku ruhimbi kubwiriza; kandi nyamara barabikora. Murabona aho byageze?

111 Ni ikigirwamana kazi. Mbega ukuntu umubi ari ku murimo! Noneho, abagatulika bagira abo bagore ibigirwamana kazi kandi bakabisenga. Ni byo: ikigirwamana Mariya n'ibindi byose. Ndumva ko ari aho mu Nama y'ihuriro ry'amadini bavuze ko bizabaho ko bazasenga gake cyane Yesu niba bishobora gufasha abaporotesitanti kuhinjira. Murabona? Murabona? Yoo! ubwo buryarya! Ntibishobora guhindurwa, ni ko bavuze. Murabona? Igihe cyose ni ya dayimoni ya kera. Bibiliya ivuga ko yakoze ku buryo abafite bose amazina atari yanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama bakira ikimenyetso ku gahanga. Ni Itorero ryatoranijwe mbere mvuga, si abo hanze. Oya, mugabo. Kuri buri gatsiko, Yakuyemo abatoranijwe be. Ni ku bw'ibyo Aza muri buri gisekuru.

112 Kandi ahagaze aho. Nguwo. Ni we, yigisha Ijambo, avuga Ijambo, ahindutse ikigirwamana kazi kandi ni intandaro y'icyaha cyose. Bibiliya iravuga iti “Sinemerera umugore kwigisha, cyangwa gufata ubuyobozi runaka, ahubwo kuganduka bijyanye n'uko kandi itegeko ribivuga.” Murabona? Kandi ntashobora kubikora; ariko, bamugira umuyobozi w'igihugu, umuyobozi w'akarere, umuyobozi w'intara; mu kanya gato azaba perezida w'umugore. Ni byo neza. Murahari. Ni ku bw'ibyo -ni ku bw'ibyo ibyo biba, murebe. Kandi abantu bakora ibyo kubera ko batita kuri iri Jambo. Oya, mugabo. Ntibazigera bamubona.

Murebe abo Bayuda bahagaze aho, intiti, abantu batandukanye. Ariko Yesu yarababwiye ati “Muri aba so, satani.”

113 Noneho nkizanye mu rubanza ubu nonaha imbere yanyu? Tubigerageze rwose umunota umwe kandi Imana imabarire kuyirwanya, ariko rwose umunota umwe kugira ngo mbereke ikintu runaka. Noneho muvuze muti “Noneho, na. . . icyubahiro kibe icy'Imana, navuze mu ndimi! Aleluya! Ndabizi. Na, yego, narayakiriye. Imana ishimwe!” Yego! Ah, ah! mwarabikoze?

Mwibuke ubwoko bwa Israel: Bibiliya ivuga ko nyuma yuko Ihamagarira ubwo bwoko gusohoka kandi Ikabukiriza hanze ya Egiputa, Yarabarimbuye kubera ko batakurikije Ubutumwa. Murabona? Bari barariye manu ivuye mu ijuru. Bari barariye manu Imana yagushije ku isi nk'ibiryo. Kandi bahagaze imbere y'intumwa, kandi babonye Inkingi y'Umuriro, kandi bumvise Ijwi ry'Imana kandi babibonera gihamya. Noneho nyuma, kubere ko bahisemo kwizera Kora wababwiraga ati “Hashobora kuboneka abandi bera. Hashobora kuboneka ibi, biriya cyangwa ibindi. Natwe tugomba kuba abera. Tugomba twese gukora ibi. Ubwoko bwose burera.”, Imana iravuga iti “Itandukanye nabo. Jya kure y'aho.”

114 Mose aravuga ati “Abari bose ku ruhande rw'Uwiteka tujyane.” Ni byo. Murabona? Noneho Ifungura

gusa ubutaka kandi burabamira. Murabona?

Bari na bo abantu beza. Nta gushidikanya, bari bo. Bari abantu beza. Yego, mugabo. Ariko ibyo ntibyari bihagije. "Si abavuga bose bati: Mwami, Mwami, ahubwo uwo gusa ukora ubushake bwa Data." Si utangira, ahubwo ugera ku iherezo. Ni ibyo; nta nzira y'ubusamo ihari. Muzatsindwa ku iherezo ry'isiganwa. Nta nzira y'ubusamo; mugomba kuza neza mu buryo Ibyanditswe bibivuga.

Niba Bivuga biti "Mwihane kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Krisitu kandi muzakira impano y'Umwuka Wera. . .", nta nzira y'ubusamo ihari nko gufata mu kiganza, kujya mu itorero cyangwa idini. Muza muri ubwo buryo! Keretse gupfa muri mwe no kubyarwa n'Umwuka w'Imana, naho mwa - mwa - mwarazimiye. Ni byo gusa. Nta nzira y'ubusamo. Muravuga muti "Yoo! ndi umunyamuryango w'itorero!" Ndabizi, ni byiza. "Noneho, mama. . .," Simbishidikanyaho, ariko ni mwe mbwira. Murabona? mugomba kuza muri ubwo buryo, kubera ko hatari inzira y'ubusamo ishoboka; atari ibyo muzagibwaho umugayo ku munsi w'urubanza. Muza n'iyo nzira yonyine.

Hari inzira imwe gusa, kandi Krisitu ni iyo Nzira. Kandi Krisitu ni Ijambo riba muri mwe, rijyanye n'ibyo Yasezeranije byose mu gihe cyabyo. Murabona? Mwabyumvise? Byiza cyane. Murebe noneho. . .

115 Bamwe baravuga bati "Abo bantu ni beza." Nta gushidikanya. Simvuga ko atari abantu beza. Simvuga ko Mutagatifu Cecile n'abandi batari abagore beza; mama nawe yari mwiza, ariko nta gushidikanya simusenga. Nta gushidikanya oya. Nabonye abantu benshi beza nta gushidikanya mu by'ukuri, ariko si ibigirwamana; ni abagore, abagabo. "Hari Umuhuza umwe gusa hagati y'Imana n'umuntu."

Noneho ni ukubera iki - kubera iki umuntu, umupantekote, umuntu w'isi, yabishaka. . .? Iyi baruwa mbwirwa bose mwene Data duPlessis, mwene Data uhenze azengurutsa. . . Benshi muri mwe. . . Birashoboka ko bamwe muri mwe bayifite. Yari yicaye. . . (Yego, murayifite.), mu gihe cy'Inama y'ihuriro ry'amadini, iruhande rwa papa, yavuze ko byari iby'umwuka cyane. Ni ibyo kurondora k'umwuka, si byo? "Yoo! Umwuka w'Umwami wari aho, byari iby'umwuka cyane." Yego. Murahari.

116 Kubera iki? Kubera ko ari umwanya wo gushyira hamwe abaporotesitanti n'ibyo. Ibyo twarwanyije mu myaka mirongo ine, kandi Bibiliya yarabishyigikiye kandi twabivuze mbere. Kandi umwe mu bayobozi bacu bakomeye yamaze kwinjira kandi yaratangaje ati "Ni byo. Ni cyo dukora." Kandi itorero rya giporotesitanti ryose ryinjiyemo.

Nimureba aho, ni NI KO UWITEKA AVUZE mu buryo bwuzuye. Bwa mbere, Ijambo ryarabivuze, nyuma Umwuka w'Umwami yavuze mu 1933. . . ari wo wavuze ibyo bintu bindi byose ku bijyanye n'amahanga yari ajyiye kwinjira mu ntambara, k'ubwoko bw'imashini zizabaho n'ibintu bisa. Avuga ko ari byo neza bizaba ku iherezo. Kandi ngibi. Ibi ntibyigeze bitsindwa. Kandi turabibona aha biri kwigaragaza.

117 Muribuka, nta gihe kirekire gishize, ku kibwiriza cyanjye ku "idini ya Yezebeli"? Muribuka Elisa wamanukaga umuhanda icyo gitondo kugira ngo ababwire ko. . . Nabwirije aho hejuru, murebe. Noneho ni kangahe ubwo nahanuye ko igihe cyizaza aho iryo Shyirahamwe ry'amadini bizarangira ribaye ikimenyetso cy'inyamaswa, kubera ko rizihuza n'inyamaswa. Ni cyo ririmo gukora. Mu myaka yanjye, nabayeho kugira ngo mbibone. Kandi aha abaporetesitanti, mu bihumbi, binjiramo. Kubera iki? Ni cyo bashaka.

Ni impumyi! Yesu yabwiye abo Bafarisiya, avuga ati "Mwe, impumyi, abayobozi b'impumyi. Impumyi iyoboye impumyi, ni ko Avuga, bombi bose ntibazagwa mu mwobo?" Kandi ni aho bagwa. Ni gute nshobora kwizera ko umuntu wabanye nanjye kandi wavuganye nanjye yashobora kwicara noneho agakora ikintu nk'icyo kidasanzwe? Murabona, "Bihishe amaso y'abanyabwenge n'abahanga kandi bihishuriwe abana bashaka kwiga."

118 Nzi ko umunsi umwe ibyo bizantwara ubuzima. Ni byo. Bizaba, ariko aha, Ukuri kurimo guhishurwa. Yego, yego.

Uwa mbera mu gupfa

Ku bw'iyo gahunda y'Umwuka Wera

Yabaye Yohana Mubatiza, (ariko ntiyakwepfye).

Yapfuye nk'umuntu.

Nyuma haza Umwami Yesu:

Baramubamba;

Abwiriza ko Umwuka

Uzakiza umuntu icyaha. (Ese ni byo?)

Nyuma, batera amabuye Sitefano,

Wabwirije arwanya icyaha.

Yabateye umujinya cyane

Ku buryo bamunsyonyeye umutwe.

Ariko apfira mu Mwuka.

Arapfa,

Kandi asanga abandi,

N'uwo Mugabuzi w'Ubugingo w'ubumuntu.

Hari Petero na Pawulo

Na Yohana w'Imana.

Batanze ubuzima bwabo

Kugira ngo Ubutumwa bwiza bushobore kwaka (Ni iki bakoze?)

Bavanze amaraso yabo

Ku y'abahanuzi ba kera,

Kugira ngo Ijambo ry'ukuri ry'Imana

Rishobore kuvugwa mu bunyangamugayo.

Ubugingo munsi y'igicaniro

Bwarariraga buti "Kugeza ryari. . .?"

Kugira ngo Umwami ahane

Abakoze nabi bose.

Ariko hazabaho na none abazatanga amaraso yabo (Yego, ni byo),

Ku bw'ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera

N'Inyanja ye itukura.

Ikomeza gutemba amaraso!

(Yego, umunsi umwe, ibyo bizaba gutyo, ariko ntegereje iyo saha ubwo ibyo bizarangira).

119 Mushiki wacu yari amaze kubona inzozi. Yarazinyoherereje, yaravuze ati "Narababonye. . . Iryo torero ryashakaga uburyo bwo kunyica mu ibanga. Umunsi umwe cyangwa undi, igihe nzasohoka mu ivatiri yanjye kandi nkinjira, bazandasira. . ." Ariko aravuga ati "Nyuma Umwuka waravuze uti 'Si nonaha, ariko ibyo bizaba nyuma cyane.'" Yego, yego.

Imana indinde gukora amasezerano ku kintu icyo ari cyo cyose. Nta kintu nzi keretse Yesu Krisitu kandi We gusa wabambwe. Turi mu gihe giteye ubwoba. Ni ingaruka z'icyaha. Yego, bateye amabuye Sitefano. Bakase umutwe wa Yohana; yarabikoze. Sinzi ukuntu tuzatanga ibyacu, ariko ibyo bizaba umunsi umwe. Byiza cyane.

120 Murebe, muri Mutagatifu Yohana (niba mushaka kumenya umurongo ujyanye nabyo), Mutagatifu Yohana 6:49, ni aho havuga ko bariye manu, kandi Yesu aravuga ati "Kandi bose barapfuye."

Muravuga muti "Noneho, mu - mushiki wanjye, na - nabonye uwo mugore abyina mu Mwuka." Yoo! Yego, yego. Ah! Ah! "Nababonye babikora. Namubonye avuga mu ndimi. Naramubonye. . ." Yego.

Yesu yaravuze ati "Benshi bazansanga kuri uwo munsi kandi bazavuga bati: Nakoze ibyo bintu byose." Murabona? "Bariye manu mu butayu, ni ko Yesu yavuze, kandi bose baratandukanye by'igihe cyose." Barapfuye, ni ukuvuga batandukanye by'iteka. Barimbukiye aho ndetse mu butayu.

121 Muribuka Abaheburayo igice cya 6: Ku bantu, rimwe, bumvise Ukuri noneho bakanga kukugenderamo, ntihakiri kwihana gushoboka. Murabona, umwi. . . ufite imbibi. Igihe Ukuri guhawe umuntu ku bw'inshuro ya nyuma kandi bakanga kubwakira (bijyanye n'Igitabo cy'Abaheburayo), murebe… nta kintu mu by'ukuri na kimwe kigisigaye ku isi cyakwigera kibakiza.

Bararangiye. Nta kwihana, nta gucungurwa, nta kintu na kimwe basigaranye. Baratandukanye by'iteka. Bibiliya irabivuga iti "Nta kigisigaye uretse gutegereza umuriro uteye ubwoba kandi w'inkekwe

uzarya abigomeke." Kandi Ukuri k'Ubutumwa bwiza kwaragaragajwe, guhamirizwa mu buryo bwuzuye, noneho nyuma barahindukira kandi bajya kure yabwo, ubwo byararangiye kuri bo. Ni byo gusa. Biteye ubwoba, ariko ngomba kubivuga.

Mwibuke abamarayika batarinze icyubahiro cyabo, ahubwo bagumye aho muri yo gereza, mu mwijima ari wo isi igenderamo uyu munsi, muri yo gereza imwe; ntihakiriho kwihana.

122 Mwibuke, hashize imyaka runaka mvuze, igihe nagarukaga i Chicago "Wenda Amerika izamwakira uyu mwaka, cyangwa ntizigera yongera kumwakira." Murabona aho yajyiye? Murabona?

Noneho, ndibaza niba ibyo byashobora kuba Gukururwa kwa gatatu. O Mana! reka ibyo bijye kure yanjye. Gukururwa kwa gatatu kugenewe ibyo? Byashoboka? Noneho, mubitekerezeho, nshuti zanjye. Mubitekerezeho. Sinkunda kubitekerezaho.

Yesu yaravuze ati "Ubwo bwoko bw'indyarya…" Niba mushaka kubyandika, Matayo 23:7 Mfi aha "Mubisome." Kandi muzabona ko havuga hati "Mwe, bafarisayo b'impumye!"

123 Mufite iminota runaka y'inyongera? [Iteraniro riravuga riti: Amina. - Ed.] Turebe. Tubifate gusa, kubera ko navuze nti "Mubisome". Aho hari ikintu nashakaga gusoma, neza mbere. . . Noneho, nshobora gukuraho ikindi kintu… ariko rwose dufate ibi umunota umwe. Matayo 23, rwose umunota umwe. Byiza cyane, kandi turahera ku murongo wa 27. Twumve gusa. Noneho, mubisome byose nimutaha mu rugo, niba mubishaka. Rwose na none iminota runaka.

Noneho, mukurikire. Matayo 23 kandi dutangirire ku murongo wa 27:

"Ishyano kuri mwe, banditsi. . . (Noneho, mwibuke ko Ari kubwira abantu bera.)

"Mwebwe banditsi n'Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano kuko mumeze nk'ibituro byasizwe ingwa, (ni abapfu, murebe), bigaragara inyuma ari byiza, nyamara imbere byuzuye amagufwa y'abapfuye n'ibihumanya byose.

Imbere muri bo, ni uburyarya, ishyari, amakimbirane; hanze, ni "Ndi Dogiteri Runaka." Murabona? "Namwe, ndetse, hanze, mugaragara nk'abera ku bantu. . . (murebe Ishyirahamwe ry'amadini n'abapantekote igihe bicaye hariya) . . . ariko mo imbere, mwuzuye uburyarya no gukiranirwa."

Gukiranirwa ni iki? Ikintu runaka muzi ko ari ukuri neza kandi mudashaka gukora. Yesu. . . Noneho, mwitegereze icyo igisekuru Ashyiraho ibyo ubu.

"Mwebwe banditsi n'Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano kuko mwubaka ibituro by'abahanuzi, mukarimbisha inzibutso z'abakiranutsi." Murabona? Yoo! abahanuzi!

Kandi mukavuga muti 'Iyaba twariho mu gihe cya ba sokuruza, ntituba twarafatanije na bo kuvusha amaraso y'abahanuzi."

"Iyaba twariho muri icyo gihe tuba twarizeye Ijambo ry'Umwami." Mwitegereze.

"Uko ni ko mwihamya, yuko muri abana b'abishe abahanuzi.

Ngaho, nimwuzuze urugero rwa ba sekuruza banyu."

Ni byo neza birimo kuba. Noneho, mwumve icyo Avuga aha.

"Mwa nzoka mwe, mwa bana b'incira mwe, muzahunga mute iteka ry'i Gehinomu?

124 Ni gute mushobora kubikora? Noneho, Arabwira ababwirizabutumwa, murebe, ni byo, abantu bera ati: Ni gute mushobora kuguma uko mumeze, muzi ko Bibiliya yavuze kandi ibwira abantu kutagenza gutyo, ni gute mushobora kuguma aho mukora amasezerano ku bw'amadolari yaboze kandi anuka, ku bwo kwamamara, no kugira ngo umuntu abakubite mu mugongo abita "Dogiteri"? Ni gute mushobora kuvuga ko mukunda abo bantu? Ndi no kubwiriza ku mabande. Murabona?

Ni gute mushobora kuvuga ko mukunda abo bantu mureka ikintu nk'icyo kikaba? Murabona? Mwe, Bafarisayo; mwe, mpumyi; mwa nzoka mwe; mwa bana b'incira mwe; ni gute muzarokoka igihano cya Gehinomu igihe mu. . .? Ni gute umuntu, uyu munsi uzi ko ibyo bintu bipfuye, ashobora kujya aho kandi agashyigikira iteraniro rye nta kubibwira abagore n'abagabo, kugira ngo idini rye ryiyongere mu mubare? Ni gute muzarokoka umujinya wa gehinomu mu gihe yateguriwe mwe? Ni gute muzabikora? Murabona?

Mwumve, mukurikire. Ibyo bizagenda gute?

"Ni yo mpamvu. . . (umurongo wa 34) nuko, ngiye kubatumaho abahanuzi. . ." "Ngiye" mu nzagihe. Dore na none abafarisayo banyu baragarutse. Murabona?

"Abanyabwenge n'abanditsi. Bamwe muri bo muzabica kandi muzababamba; abandi muzabakubitira

mu masinagogi yanyu, kandi muzabirukana mu midugudu yose bajyamo."

125 Yahanuye ko Azabohererereza abahanuzi hamwe n'Ijambo ry'Umwami, noneho ni iki bazakora? Ikintu kimwe nk'icya ba sekuruza babo, kubera ko ni cyo muri cyo. Murabona, imyuka ntipfa. Abantu bayifite barapfa, ariko imyuka ntipfa. Arababwira ati "Muri abana, muri bariya." Murebe gusa ukuntu ibyo bintu bimeze.

126 Ni gute Mutagatifu Pawulo yahagaze aho (Mwizera ko yari umuhanuzu?) kandi agaciraho iteka abagore biyogosheshaga imisatsi? Yaciriyeho iteka amadini yabo; atangaza ko umuntu wese utarabatijwe mu Izina rya Yesu Krisitu yagombaga kuza kandi akabatizwa na none. Ni byo.

Kandi uyu munsi, bagirana ubwumvikane babyoroshya inyuma. Mu kuri, nta kindi kintu bazi. Biteye agahinda. Niba igihe cyarashize, nshobora kuvuga ibi (murebe): bari impumyi, bagenewe kuba impumyi. Imana itugirire imbabazi. Ntibashoboraga kubibona.

Yesu yaravuze ati "Muri impumyi, mwe, abanditsi n'abafarisayo b'ibimpumyi, mwa ndyarya mwe! Mu gihe musoma Ijambo rimwe kimwe n'abandi bose, dore muje kunciraho iteka. Kandi Ndi icyo neza Ijambo ryavuze ku bw'uwo munsi. Nagombaga kuba Intumwa y'uwo munsi. Ndi Mesiya". Yabivuze mu magambo make. "Ndi Mesiya; sinabigaragaje? Niba ntarakoze ibyari byanditse kuri Njye, noneho muncireho iteka. Noneho mwa, bafarisayo mwe b'impumyi, mujyana ako kanya abantu banyu mu kintu nk'icyo kandi mukajyanayo itsinda ryose." Yongeraho ati "Noneho, impumyi iyobora impumyi, ni ko Yavuze, muri. . ."

127 Muravuga muti "Yoo! iyaba twariho mu gihe cya Mutagatifu Pawulo, yego, nari kujya ku ruhande rwa Mutagatifu Pawulo."

Mwa ndyarya mbwe! Kubera iki mutajya ku ruhande rw'Imyizerere ye? Muba mwarabigenje kimwe nk'ubu, kuko muri abana ba ba sokuruza banyu bakoze amadini: abafarisayo, abasadukayo n'abihagije ubwabo." Nibyo. Yego, yego! Nababwira. . . Igihe turimo, ndibaza niba ibi byashobora kuba Gukururwa kwa gatatu. Rwose umunota umwe, noneho. Yesu yaravuze ati "Iki gice cyakira igihano gikomeye cyane." Murabona? Ntibiteye ubwoba?

128 Ni nk'icyo cyamamare cy'umunyamerika. . . Rimwe, mu gihe umwanzi yendaga gufata iki gihugu, habayeho umuntu, saa sita z'ijoro, wasimbutse ku ifarshi noneho atwara ifarashi avuza induru ati "Umwanzi araje!" Yari Pawulo Revere.

Ndi umunyamerika kandi ndikugendera ku ifarashi kuri iyi saha ya saa sita z'ijoro, ntavuga ko umwanzi aje, ahubwo ko ahari! Ntaje. Arahari. Yamaze gutsinda. Ndatinya ko byarangira. Arimo arabohoza muri iyi saha ya saa sita z'ijoro!

129 Muribuka abamarayika 7 i Tucson, n'icyo Ubutumwa bwari bwo? Iherezo ry'ubwiru bw'Imana. Ako kanya nyuma y'ibyo, hamanutse urukurikirane. . .

Mwese mwumvise bavuga imisozi. Murebe. Mwene Data Fred afite amafoto yabyo, ndetse na Mwene Data Tom. Kandi nanjye, mfite amafoto, amafilime n'ibindi byose. Umunsi umwe, tuzabibereka aha, kandi n'ahantu neza byabereye. Mwese muzi iyo nkuru.

Mwitegereze amafoto atatu. Aravuga ati "Dore Iya mbere yawe, Iya kabiri n'Iya gatatu. . ."

130 Kandi Mwene Data Fred yabifashe ifoto idasanzwe igihe we na mushiki wacu Marita bari mu rugendo. Igicu cyari cyazamutse ku butaka kandi gihisha ibindi byose kugira ngo kirecye gusa hagaragare Gukururwa kwa gutatu. Kumwe aha, kumwe aha na kumwe hariya. Murebe, barindwi!

131 Mwitegereze batatu ba mbere. Gatatu, ni ukuzura, ni icyo gihe ubukozi bwatangiye. Gukururwa kwa kabiri kwari ukurondora kw'imyuka, ubuhanuzi. Ukwa mbere, kwari gukira kw'abarwayi; ukwa kabiri, byari ubuhanuzi bwasohokaga kandi bukarondora ibitekerezo bihishe mu mutima, igihe Ijambo Ubwaryo rigaragazwa, ari bwo buntu. Ariko mwibuke ko ukwa karindwi ari ukurangiza. Ibi byaba Gukururwa kwa nyuma? Byose byararangiye. Byashoboka? Mubitekerezeho ubu. Mubitekerezeho gusa. Ni he muri? Murabona? Karindwi igihe cyose ni ukurangiza, Gukururwa gutatu!

132 Ubukozi bwa Yesu bwarimo Gukururwa gutatu. Mwari mubizi? Murebe. Mube abanyakuri mu mitima yanyu mu buryo butigeze bubaho mu buzima bwanyu, mu gihe cy'umunota umwe, ku bw'iminota runaka.

Gukururwa kwa mbere kwabaye gukiza abarwayi. Yahindutse Umuntu w'icyamamare cyane. Umuntu wese yaramwizeraga, ni ko bimeze. Ese ni byo? Igihe Yajyaga gukiza abarwayi, umuntu wese yamushakaga mu itorero rye.

Ariko umunsi umwe, Arahindukira noneho atangira guhanura, kuko Yari Ijambo, kandi Yari Umuhanuzi Mose yari yaravuze. Kandi igihe Yajyaga kubabwira. . . Abahishurira ukuntu babagaho n'ibintu bakoraga, Yahindutse umuntu udakunzwe cyane. Biba Gukururwa Kwe kwa kabiri.

Ndibaza niba ibyo bitarabaye kimwe na none? Mubitekerezeho umunota umwe gusa. Byashoboka? Ukwa mbere, gukiza; umuntu wese! Ukwa kabiri. . . "Oh! ibyo byashoboraga gusa kuba 'Yesu wenyine', ibyo byashobora kuba Belezebule, ibyo byashobora kuba…" Ni cyo bakoze aho, murabona? Ni imyuka imwe iba mu bantu b'ubwoko bumwe, iciraho abantu iteka batashoboraga kwigera bakira, kubera ko bari baraciriweho iteka bwa mbere, nk'uko Yuda Isikariyote, yavutse ari umwana wo kurimbuka. Muravuga muti "Yuda?" Neza cyane.

133 Mwibuke ko yari umunyedini cyane, ariko ntiyashobora gusozanya n'Ubutumwa. Yashoboraga gufataho igice, ariko ntiyashoboraga kuza ibisigaye. Bashobora kwakira gukira n'ibintu bisa, ariko iyo tugeze ku Mana irema inkima, ibi, noneho birakomeye cyane kuri bo "Ntibishoboka." Byari Yuda. Umwuka we ushobora kubaho kugeza kuri urwo rwego, ntashobora kujya kure cyane. Murabona?

Bashoboraga kwemera Mose neza cyane igihe yafunguraga Inyanja y'Umutuku kandi agakora ibintu nk'ibyo, ariko igihe cyageraga cyo kubabwira ko batagombaga abandi bose batagombaga gukora ibi, cyangwa biriya cyangwa ikindi, baravuze bati "Arigira Imana, hejuru yacu." Murabona? Ntibashoboraga kwemeranya n'ibyo, Kore n'abandi. Ku bw'ibyo, bagombaga kugira idini, ubwo Imana irabamira muri make.

134 Ubukozi bwa Yesu. . . igihe Yakizaga abarwayi, Yari ahebuje, uwo muhanuzi w'umusore w'i Galilaya! "Noneho, Ahumura impumyi, Yanazuye abapfuye. Dufite ingero eshatu." Yazuye mu buryo bwuzuye abapfuye.

Ariko umunsi umwe, Arahindukira kandi aravuga ati "Mwa, bana b'incira mwe. Musukura hanze y'isahane. . . Murasa n'abera, ariko imbere muri mwe, nta kindi muri cyo uretse ikirundo cy'inzoka." Yo! igihe ubu buhanuzi bwasohokaga buciraho iteka iryo dini, ubwo ibyo birahinduka. Bahindukira bamurwanya. Ni byo. Noneho byarangiye, bamujugunye, baramubamba.

135 Ariko ntimushobora kwica ubukozi, bukomeza kubaho. Mushobora gusinziriza intumwa, ariko ntimushobora kubikora ku Butumwa. Yego, yego. Ni byo. Bukomeza kubaho.

Noneho murebe, igihe Gukururwa kwa gatatu k'ubukozi Bwe kwageraga. . . Ukwa mbere kwari gukiza abarwayi. Ukwa kabiri kwari uguciraho iteka amadini no guhanura ku byo bakoze, icyo bari cyo no ku cyari kijyiye kuba; ku gihari, ikizaza; n'icyari gihari, igihari n'ikizaza. Ni cyo Yakoze. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti "Amina" -Ed.]

Ariko Gukururwa Kwe kwa gatatu igihe Yabwirizaga abazimiye batashoboraga kongera gukizwa. Bari aho ahari hari ayo maso manini asize. . . "Hum - hum!" Abwiriza ubugingo buri ikuzimu butari bwaremeye imbabazi, ariko bwari bwaratandukanijwe by'iteka n'ubwiza bw'Imana. Kandi nyamara, bagombye kuba barabimenye, icyo Yari cyo, kubera ko Imana yamwohereje aho. Ndibaza niba ubukozi Bwe bukora mu buryo bumwe mu minsi ya nyuma nk'uko byagenze ikindi gihe! "Nk'uko Data yantumye, Nanjye Ndabatumye. Imirimo Nkora, namwe muzayikora."

136 Bamaze kuzimira, ntibashoboraga na rimwe gukira; bari baranze ubuntu. Kuba Gukururwa Kwe kwa gatatu. Noneho, hari ikibazo? Mu Gukururwa Kwe kwa mbere, Yakijije abarwayi. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti "Amina". -Ed.] Mu bukozi Bwe bwa kabiri, Yarahanuye. Mu bukozi Bwe bwa gatatu, Yabwirije abazimiye by'igihe cyose. Imisozi itatu, n'ibindi. - abazimiye, by'igihe cyose.

137 Ubukozi bwa Nowa, abakozi bose, bakoze mu buryo bumwe. Nowa yarabwirije. Ni byo neza. Yinjiye mu nkuge, kandi igihe yinjiraga mu nkuge, habaho iminsi 7 hatagize ikintu kiba. Ku bw'ubuhamya bwe, abwiriza ndetse abaciriweho iteka.

Sodomu na Gomora! Yesu yabyifashishije byombi nk'ibigomba kuba mbere yo kuza k'Umwana w'umuntu. Bizasa n'iminsi ya Nowa, bizasa nk'iminsi ya Sodomu. Yakoze ibisa na Nowa.

Nowa yagize Gukururwa gutatu kandi ukwa gatatu kwe kwabaye ukw'abazimiye, nyuma yuko urugi rufungwa. Mu by'ukuri, Imana yaramuretse ahagarara rwose aho aho umuntu atashoboraga kwinjira cyangwa gusohoka. Barimo imbere, kuko, nko ku musozi wa karindwi, umusozi muremure cyane, ni aho Yashyize inkuge, ku musozi. Murabona? Ese ni byo?

138 Mu gihe cya Sodomu, Gukururwa kwa mbere kwari ukwa Loti umukiranutsi. Kandi Bibiliya iravuga iti "Ibyaha bya Sodomu byababazaga buri munsi umutima we ukiranuka", uburyo abagore bagenzaga, ibyo bakoraga. . . Mwibuke "Nk'uko byabaye mu gihe cya Nowa. . ." Ni iki bakoraga? Bararyaga, baranywaga, bararongoraga, barashyingiranaga. . . Abagore. Murabona, abagore. Ni iki cyari gihari mu gihe cya Sodomu? Abagore.

Kandi Ubutumwa bwa mbere bwari ubwa Loti. Baramusetse hamwe n'agasuzuguro.

Nyuma izindi ntumwa ziroherezwa, ebyiri muri zo, noneho zijya aho. Ibyo byabaye Gukururwa Kwe kwa kabiri kuri Loti. . . kuri Sodomu. Ariko murebe Uwajyiye bwa nyuma. Inshuro nyinshi ubuntu. Byose ubwo byari birangiye, byose birangira uwo mwanya. Iyo Ntumwa ya gatatu yajyiye aho, Gukururwa kwa

gatatu. . . Kwari iki? Ni ubuhe bwoko bw'ubukozi Yari afite? Yagumanye n'abatoranijwe kandi ababwira icyabaga inyuma Ye. Ese ni byo? Ariko igihe Yajyaga i Babuloni, cyangwa ahubwo i Sodomu, Yashakaga kubona. . . Ndetse Aburahamu yatereye hejuru ati "Mpabonye abakiranutsi 50. . ." Amanuka kugeza ku bakiranutsi 10.

Imana iravuga iti "Yego, bona abakiranutsi icumi."

139 Mundeke mbabwire ikintu, mushiki wacu, rwose umunota umwe. Wenda ntimujyanye n'igihe, ariko mufite ikintu abami kazi b'igitsina badafite. Mufite ikintu badashobora na rimwe kubona. Ni byo. Kwambara kwanyu wenda ntikujyanye n'igihe, mushobora kwambara nk'umudamu. Bazavuga wenda bati "Murebe uyu mukecuru watwawe n'imyuka"; ntimuzagire ikibazo. Afite ikintu uwo mwamikazi w'igitsina w'umukene muto, ufite amaso yose y'isi ahindukira amureba, adafite. Ntashobora na rimwe kukibona. Yarazimiye by'iminsi yose. Yaciriweho iteka. Murabona, ntiyigeze na rimwe. . .

Mufite umuco; mufite kwera. We, nta kintu na kimwe afite. Afite rukuruzi ifata ubugingo bwazimiye mu mutego ibujyana ikuzimu. Impumyi ijyamo mbere. Kandi mufite ikintu runaka.

140 Murabizi, izina ryanyu rishobora no kutaba mu gitabo cy'itorero, ariko wenda ni ubugingo bwanyu butuma umujinya w'Imana udakubita iyi si y'uyu munsi. Isi ntizabyizera. Mwe, bagore bitwa abatwawe n'umwuka, mwe, abagabo mufite ubumenyi buke muri byose kandi muririra Imana amanywa n'ijoro ku bw'ibyaha by'igihugu, wenda ni mwe mufata umujinya. . . "Nshoboye kuhabona 10, Nzayirokora. Nshoboye kuhabona 10!"

"Nk'uko byari bimeze mu minsi y'i Sodomu, bizamera kimwe." Murumva icyo nshaka kuvuga?

Si "Nshoboye kubona abametodisiti 10; Nshoboye kubona abatisita 10; nshoboya kubona abapantekote 10; Nshoboye kubona abasiganwa biruka 10; Nshoboye kubona abasinateri 10, Nshoboye kubona abaminisitiri 10." Ahubwo, "Nshoboye kubona abakiranutsi 10." Hari umukiranutsi Umwe gusa, ni Krisitu, Krisitu uba muri umwe gusa muri abo - abo 10, murebe. "Nzamurokora."

141 Ariko iyo ntumwa ya nyuma ibwiriza abaciriweho iteka. Muravuga muti. . . Yajyiyeyo, aho. Ibyanditswe ntibivuga ibyabaye, ariko umuriro waraguye igitondo cyakurikiyeho, ni byo, nyuma yo gusohoza ibyo bimenyetso, uwo mwanya nyuma yuko Amaze gusohoza ubukozi bwa gihanuzi. "Kubera iki Sara yasetse?"

Arasubiza ati "Sinasetse."

Aravuga ati "Yego. Wabikoze." Murabona?

Noneho, uwo mwanya nyuma y'ibyo, Yinjira i Babuloni, cyangwa ahubwo ijya i Sodomu. Ntiyababona; noneho umuriro uragwa. Ibona Loti n'abakobwa be babiri kandi irabibabwira iti "Musohoke aha uyu mwanya." Irasohoka. Ijya hakurya. Mwibuke ko Yari mu nzira igana aho. Yari yohereje intumwa imbere Yayo, ariko Ijyayo Ubwayo kugira ngo gusa imenye niba byose byari bimeze gutyo noneho Ihasanga huzuye iki? - abagore bisize mu maso. Ubutumwa ku baciriweho iteka. Bakoze iki? Barabaneguye.

142 Bakora iki uyu munsi? Ikintu kimwe.

"Ndi umunyamuryango wa assemblees. Ndi umunyamuryango wa Unitaires. Na nabyinnye mu Mwuka. Icyubahiro kibe icy'Imana, ndavuga mu. . ." Byiza cyane, mukomeze. "Nzogosha imisatsi yanjye nimbishaka. Nzakora ibi. Nza - nzavuga gusa ibi. Sinkeneye kubatizwa mu izina rya Yesu. Noneho, nta cyo bimbwiye cyane icyo bavuga cyose, Pawulo mu buryo bwose ni umuntu wanga abagore wa kera." Ni Byiza cyane, mukomeze.

Umwe muri iyo minsi, niba mutari mwagira. . . muzarenga uyu murongo. Ntimuzongera kugira na rimwe icyifuzo cyo gukora ikintu cy'ukuri. Mwumvise icyo navuze? Ni ikibazo cya. . . Mwene Data, mushiki wacu, mushyira mubikorwa icyavuzwe? Muzarenga uyu murongo kandi ntimuzigera mugira icyifuzo cyo kubikora. Muzumva buri munsi Ubutumwa bwiza, nta gushidikanya, ariko ntimuzigera mubwemera. Ntimushobora kubwemera. Ariko Ubutumwa bwiza buzabwirizwa abaciriweho iteka, abazimiye by'iminsi yose, badashobora kongera gukira. Mwamaze kugera kuri urwo rwego kandi ntimubizi. Mutekereza ko muba mu kwinezeza; nyamara, mwarapfuye nubwo muri bazima.

143 Yoo! Mwumve. Abanze bose Ubutumwa bw'igihe, mbere y'Urubanza. . . Ubutumwa bwiza bwabwirijwe bwa mbere abaciriweho iteka, mbere yuko bagenda, nta mbabazi. Nowa araceceka, bwari ubutumwa. Imana ikinga urugi nyuma yo Gukururwa kwe kwa gatatu. Nyuma yo Gukururwa kwa gatatu i Sodomu, inzugi zirafungwa. Ntihongera kubaho ubuntu. 10 ntibashobora kuboneka. Noneho Ubutumwa bwiza bubwirizwa abazimiye batashoboraga gukira kubera ko byari rwose. . . Ibyo biba gutyo muri buri gisekuru, buri gisekuru kijugunya Ubutumwa, mbere y'urubanza.

Barongeye barabikora? Ese ibyo byabonetse mu Nkingi y'umuriro, aho, ku mugezi? Ese ibyo byabonetse mu Butumwa bushwanyaguza abagore kandi bukagarura icyo kintu mu mwanya, kandi

bugacyaha abo babwirizabutumwa bifatanya n'idini aho kugumana n'Ijambo, mu gihe Imana yemeje mu buryo bwuzuye ko ari Yo kandi atari ubwoko bw'umuntu w'injiji kandi utazi gusoma no kwandika? Ni Imana! Noneho ubu twageze aho Gukururwa kwa gatatu kwagaruka ku bazimiye by'igihe cyose?

144 Ese ni iri iyerekwa nakiriye, aho, mu gihe nari nkiri gusa umuhungu muto? Noneho najyiye mu Burengerazuba kandi habonetse Umusaraba utatse izahabu w'Ubutumwa bwiza wamurikaga; kandi Yagaragaje ikimenyetso mu buryo bumwe mu ijuru. Mwibuke ko Umusaraba wari mu ifoto nk'i. . . Wari ufite ndetse ishusho isa n'iya piramide, murabona? Byashoboka ko ibyo ari igice cy'umutwe, aho cyarangiriye, kandi cyatangiriye aha noneho kizamuka kugeza ku mutwe?

145 Ni nka piramide, izamuka inyuze muri Luther, Wesley, Pantekote noneho nyuma gushyirwaho kw'Ibuye risoza. Byaba ari ibyo? Niba ari ko bimeze, ni he tugeze? [Mwene Data Branham akubita ku ruhimbi inshuro zirindwi - Ed.]

Ibi byashobora kuba byo. Nizeye ko atari byo, ariko ibyo bigomba kuba [Mwene Data Branham akubita ku ruhimbi inshuro eshatu -Ed.]. Ibyo bigomba kuba. Mwibuke gusa ko ubwo bukozi burahura buri gihe mu buryo bwuzuye. Ibyo bigomba kuba; Imana ntihinduka. Mubitekerezeho.

Murume umutima nama wanyu n'amenyo yanyu y'umwuka kandi murebe aho turi. Kandi niba ariko byari bimeze kandi mukamera buri gihe nk'uko mumeze? Noneho mushobora na none kugenda neza. . . Mwararangiye, mwe muri hanze. Nyuma yuko Igitabo cyafashwe n'Umwana w'intama, Ikimenyetso cya gatandatu cyarahishuwe ndetse n'Ibimenyetso byose, byararangiye. Birashoboka. Niringiye ko atari ko biri, ariko birashoboka. Byiza cyane. Noneho, ese ni yo mpamvu uko Gukururwa kwa gatatu kwatinze cyane?

146 Nimurebe, Gukururwa kwa mbere no Gukururwa kwa kabiri byajyiye kuri kimwe bijya ku kindi. Nabivuze mbere, murabyibuka, igihe nari mu ntangiriro z'Ukwa mbere. Kandi naravuze nti "Igihe kizaza ubwo nzamenya ndetse n'amabanga y'umutima." Murabyibuka. Bangahe. . .? Noneho, mwe mwese, murabyibuka mu materaniro yanjye ahantu hose. Kandi umugoroba umwe, najyiye aho gusa, i Regina, kandi nazamutse ku ruhimbi; Mwene Data Baxter yari aho, ndetse n'ibihumbi by'abantu, noneho umuntu azamuka ku ruhimbi kandi icyo kintu cyari aho. Kandi kuva icyo gihe, icyo kintu kimwe kisubiramo.

147 Ariko ibyo bimaze imyaka [Mwene Data Branham akubita inshuro nyinshi ku ruhimbi. - Ed.] kuva igihe naviriye mu kibuga cy'ivuga butumwa, imyaka ine. . . itanu hafi kuva aho nagendeye. Ni iki? Ni iki cyabiteye? Ese ni yo mpamvu byabaye nko mu ntangiriro, mu Itangiriro… "kwihangana kw'Imana"?

Mwibuke, igihe Yaremaga isi, umunsi wa karindwi nta kintu Yaremye. Yararuhutse. Murabona? Imana yarihanganye mu gihe cy'uwo mwaka wa gatandatu, idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ko bose bihana. Imana yarihanganye.

Ndetse, mu Itangiriro 15: 16, (niba mushaka kubyandika, 16:15). Yabwiye Aburahamu, aho muri icyo gihugu cy'Abamore, ugukiranirwa kwabo… Bari abanyamahanga muri icyo gihe. "Sinshobora kuhakujyana uyu mwanya, kubera ko gukiranirwa kw'Abamore, Abanyamahanga, ntikwari kwagera ku gasongero kwako; ariko Nzabacira urubanza. [Mwene Data Branham akubita inshuro nyinshi ku ruhimbi. - Ed.] Nzagaruka muri iki gisekuru cya kane noneho ubwo Nzacira urubanza iri shyanga rifite inkoni y'icyuma." Ese ni byo?

148 Ibyo byamaze igihe kirekire cyane kurusha kwihangana kw'Imana. . . Ubukozi, bwakubuye, nta kuruhuka isi yose binyuze mu mabande n'ibindi byose bisigaye, kugira ngo turebe niba hakiri umwe; ariko birashoboka ko uwo wa nyuma amaze kwinjira nta gihe kirekire gishize. Ese ni ugukiranirwa kwa - kwamaze igihe kirekire cyane? Niba Yesu adahinduka (Ni ko Ari, Abaheburayo 13:8), Ubutumwa bwe bugomba kumera kimwe. (Turenda kurangiza.) Uburyo Bwe bwo gukora bugomba kuba kimwe.

149 Niba Gukururwa kwa mbere no Gukururwa kwa kabiri nta gushidikanywaho bifite. . . Haracyari gushidikanya mu mwuka wanyu ku Gukururwa kwa mbere no Gukururwa kwa kabiri? Ese byabaye kimwe neza nk'uko Yabivuze? Noneho kubera iki mushidikanya ku kwa gatatu? Murabona? Kubera iki mwabishidikanyaho? Kubiri kwa mbere kwagaragajwe n'Ibyanditswe. Naberetse iki gitondo ko ukwa gatatu na ko kugaragazwa n'Ibyanditswe. Murebe isi kandi aho iri. Murebe ukuntu bajugunye Ukuri n'ukuntu ibyo byagaragajwe mu buryo buri bwo, igice cy'ubuhanuzi. Noneho, ni he turi? O Mana! gira impuhwe! Ibyo binsatura umutima imbere. Bimeze gute kuri byo? Ni he turi?

150 Mwibuke ayo mafoto arindwi aho, dushobora kubibabwira… Nta yindi foto ihari nyuma y'ibyo. Ni ku murongo wo gusangira amazi yo ku migabane. Aho, bigenda bigana neza mu butayu. Iteka riratangiye. Amafoto arindwi, neza ku murongo wo gusangira amazi yo ku migabane. Ni neza hagati y'ukuri n'ikinyoma. Kandi ku mpera y'ibyo, Gukururwa kwa gatatu kwari Gukururwa kwa nyuma k'uruhererakane. Ese ni byo? Byiza cyane.

151 Nowa arinjira, nyuma mu gihe cy'iminsi irindwi nta kintu cyabaye. Murabona? Mu minsi irindwi, urubanza ruraza. Mwumve ubu, kugira ngo turangize. Mu gihe cya Nowa iyo baza gusa kumenya icyo

kimenyetso, iyo baza gusa kumenya. . . (Ubu, ngiye kurangiza). Iyo baza gusa kumenya icyo kimenyetso, isi muri icyo gihe! Ibyo, Imana yabigaragaje aha binyuze mu gusoma Ibyanditswe, hashize akanya gato, ko Yarimbuye abo bantu, hamwe n'impuhwe.

Bohererejwe imbabazi binyuze mu muhanuzi. Ntibashatse kubyizera. Imana ni inyempuhwe. Kandi Yohereje imbabazi, ariko ntibashatse kuzakira. Itangirana igihe cyose no kohereza imbabazi. Byari bugende gute iyo baza kumenya ko icyo kimenyetso cyari icy'igihe cya nyuma? Kandi igihe ako kanya babyumvaga, nta gakiza kari kagihari. Nta muntu. . . Murabona? Neza Ikintu cya mbere, murabizi, urugi rwari rufunze. Iyo ba. . . Umuntu umwe gusa yamenye icyo kimenyetso, yabaye Nowa n'itsinda rye. Ni we gusa wabimenye. Igihe icyo gice cyifungaga, Nowa yarabimenye. Nowa yamenye ko byari iherezo. Yarabimenye. Ni byo. Iyo baza gusa kumenya ikimenyetso!

152 Yoo! iyo baza gusa kumenya icyo kimenyetso, igihe babonaga Uyu yinjira hariya, Uwari kumwe aho na Aburahamu! Iyo baza gusa kumenya ko Billy Graham w'igihe kigezweho w'icyo gihe yajyaga aho, we na Oral Roberts, kubwiriza ubwo butumwa abo bantu b'impumyi! Iyo baza gusa kumenya ko abo bametodisiti ba kera n'abatisita rwose ba kera bari ikimenyetso ku bo muri icyo gihe! Loti, wari ufite ubugingo ndetse bwababazwaga kubera icyaha. . .

Noneho, abametodisiti, n'abatisita bahindutse iki? Nka Loti, ikintu kimwe. Ariko abakiranutsi bazasohoka aho. Nta gushidikanya.

Kandi niba byari igihe Billy Graham yajyaga aho! Abantu bafataga ibyemezo bahekenya shikarete, bakubitana ibipfunsi kandi baseka; abagore bari bafite imisatsi yogoshe migufi, mu maso hisize kandi nta kintu bakoraga babirwanya ndetse. Bagarukaga umunsi ukurikiyeho. Kandi Billy yaravuze ati “Nari mfite ibihumbi mirongo itatu, ariko igihe nagarukaga nyuma y'umwaka umwe, sinari nafite mirongo itatu.”

Baravuga bati “Yoo! nafashe icyemezo! Sinzajya ikuzimu, nzajya mu ijuru.” Murabona? Bakomeza kugenda mu cyaha.

153 Kandi noneho Ubutumwa bwiza bubwirizwa mu mbaraga, hamwe n'ibimenyetso n'ibitangaza, hamwe n'Inkingi y'umuriro hejuru ye, kandi byose biba kimwe neza nk'uko byahanuwe kandi bigategenywa. Baravuga bati “Ni agatsiko k'abatwawe n'umwuka. Ni ubushobozi bwo kumva ibintu biri kure (umwumviro udasanzwe). Ni ubwoko bw'umwuka w'umurozi, idayimoni. Si ikindi kintu. Ntimuzabyizere. Ibi ntibiba mu idini yacu. Nta sano dufitanye n'ibyo.”

Iyo baza gusa kumenya ikimenyetso! Iyo baza gusa kumenya! Yesu yaravuze ati “Iyo uza gusa kumenya umunsi wawe, Yerusalemu. Iyo uza gusa gushobora kuwumenya! Ariko, ni ko Yavuze, noneho, wariretse ubwawe.” “Iyo gusa uza kumenya! O Yerusalemu, Yerusalemu, ni kangahe nashatse kukubundikira nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo, ku bw'urubanza ruje mu gihe gito! Ariko ntiwamenye umunsi wawe. Wowe wateye abahanuzi amabuye kandi ukica abakiranutsi, iyo uza gusa kumenya umunsi wawe! Iyo muza gusa kumenya kandi mukamenya neza Ibyanditswe, kumenya ko kuza Kwanjye kwari ikimenyetso cy'iherezo ryanyu! Noneho, muri impumyi. Noneho, mwaragaragajwe na none. Igihe cyanyu cyararangiye.” Kandi ni ko byagenze. Iyo muza gusa kumenya igihe!

154 Mwumve. Igihe Yesu yatangazaga ibi, isi yakomeje nka mbere. Murabona! Isi yakomeje nkaho nta kintu cyari gihari. Kubera iki? Kubera ko batamenye umunsi wabo, isaha yabo. Isi yakomeje nka mbere, igihe Nowa yinjiraga mu nkuge; isi yakomeje nka mbere. Abakobanyi. . . Muri icyo gihe, abantu bakomeje kugira iminsi mikuru y'igitsina. Bakomeje kurya, kunywa, kurongora no gukora ibintu abantu bakora uyu munsi, kimwe neza, nkaho nta kintu gihari. “Ah! Ah! Uwo musaza watwawe n'umwuka yafunze urugi, murabizi; mwumvise ikintu kimwe? Ah! Ah! Muzi icyo avuga? Twese tujyiye kwibira. Nta gisobanuro bifite. Amazi ageze ku ruhe rugero?”

Abakobanyi mu gihe cya Nowa! “Bizamera kimwe mu kuza k'Umwana w'umuntu.” Byiza cyane. Nowa yamenye ikimenyetso. Ikintu kimwe mu gihe cya Loti. Ikintu kimwe mu gihe cya Yesu; ni gutyo uyu munsi. Baranegura ku bw'inshuro ya nyuma… ikintu kimwe i Sodomu. Ntibabimenye. Mu gihe iyo Ntumwa yari ihagaze aho hamwe n'Ubutumwa bw'Imana, barabasuzuguye gusa kandi bagerageza kubayobya, kugira ngo batume bakora kimwe na bo. Ese ni byo? “Mwinjire kandi mwihuze natwe; mube umwe muri twe.” Ese ni byo? “Mwinjire kandi mwihuze natwe; mube umwe muri twe; muzaba umwe mu bantu bacu. Muze, mwihuze natwe.” Murabona? Ntibigeze bamenya ikimenyetso cyabo.

155 Ntibamenye ko, igihe ubu Butumwa bwavugwaga… Ntibashoboye kubibona, ko umuriro n'umujinya w'urubanza… mu gihe Imana. . . umuriro w'inkekwe wacanywe mu ijuru. Ntibashoboye kubibona; Intumwa, zo, zarabishoboraga. Yego, yego, Loti yarabimenye nawe. Yamenye ko byari aho. Nta gushidikanya.

Ni kimwe uyu munsi. Mu by'ukuri ni ikintu kimwe. Umujinya uraka; ibisasu kirimbuzi biramanitse. Byose bigeze ku iherezo. Ni ikintu kimwe ubu.

Murebe, mwa bwoko mwe; mwumve! Mwari muzi ko. . . Muravuga muti “Mwene Data Branham, yoo!

bimeze gute kuri ibyo byose?” Murazi, abantu bashobora rwose gukomeza kubwiriza Ubutumwa bwiza nk'uko babikoze igihe cyose, icyo bita Ubutumwa bwiza. Ibyo bishobora kurangira. Babikoze mu gihe cya Nowa. Babikoze mu gihe cya Loti. Babikoze mu gihe cya Yesu. Ese ni byo?

Ndetse n'Abayuda, nyuma yuko Yesu ababwiye ko umujinya. . . “Byararangiye kuri mwe, mwararangiye. Nta kigisigaye. Mwararangiye.”

“Yoo! uyu watwawe n'umwuka, ni ko bavuze, Yasohotse muri he shuli? Ni he yaturutse?

Mwibuke, Yari yeteguye Gukururwa Kwe kwa gatatu. Yego, yego. Ni byo. Aravuga ati “Ni kangahe Nashatse kubabundikira!”

156 Loti yakoze guhamagara kwe kwa nyuma, cyangwa ahubwo ndashaka kuvuga, marayika yaragukoze, intumwa, uwo yabaye wese. Imana ihagarariwe ku bw'uwo munsi. . . Imana ihagarariwe mu mubiri w'umuntu isohoza ikimenyetso cya nyuma, yuzuza umurimo Wayo wa nyuma. Byose ubwo birarangira.

Nowa yabwirije ikibwiriza cye cya nyuma, nyuma urugi rwifunga inyuma ye. Byari ibyo gusa. Barabisuzugura kandi barabiseka.

Mutekereze. Abantu bashobora rwose gukomeza kubwiriza! Ishyirahamwe ry'amadini rishobora kwihuza n'itorero Gatulika, neza nk'uko basezeranije kubikora. Amadini yose ashobora gukomeza, ariko ikimenyetso cy'inyamaswa cyamaze kuba aho. Barabyakira, aho imbere. Murabona? Kandi baravuga bati “Yoo! Aleluya! Imana ihimbazwe. Hari banshi bakijijwe ejo hashize nimugoroba.” Mu by'ukuri? “Babyinnye mu Mwuka, bavuze mu ndimi.” Ibyo nta kintu bishatse kuvuga, murabona? “Yoo! baroroheje, bafite umutima mwiza kandi baciye bugufi. Yego, mugabo. Bafite imbuto z'Umwuka.” Si ikimenyetso. Si byo rwose.

Mundeke mbereke imbuto z'Umwuka kandi muri bubone uwo ari we, hagati ya Yesu n'abafarisayo, wari ufite imbuto z'Umwuka. Kandi mpagurutse kandi nkafata noneho icyemezo kirwanya Krisitu mu gihe cy'umunota umwe, nk'uko natangiye kubivuga, hashize akanya gato? Imana imbabarire no kuba ndetse nabivuze, murebe, ariko byari kugira ngo gusa mbereke ikintu runaka.

157 Kandi noneho nje mbasanga mvuga nti “Mumbwire, teraniro, ni nde nshuti yanyu? Ni nde ugaragaza imbuto z'Umwuka? Umupadiri wanyu usaje. Ni byo. Ni nde ubaguriza amafaranga buri gihe iyo nta mafaranga mufite, udafite ikintu na kimwe? Mwe, abanyamuryango b'iteraniro rye, si ugusanga padiri wanyu mwiza w'umusaza kugira ngo abagurize amafaranga?” Murabona? “Ni nde uwo w'igikundiro igihe cyose kandi w'umutima mwiza, werekana imbuto z'Umwuka? Padiri wanyu mwiza w'umusaza.”

“Ni nde wize mu gihe cy'imyaka n'imyaka, aha mu masinagogi? Ni he sekuruza we yavaga icyo gihe cyose? Ni nde wize kandi akakira impamyabumenyi za dogitora mu mitekerereze no mu mategeko kugira ngo amenye iryo Jambo kandi uhagaze aho kugira ngo aribazanire buri cyumweru mu gitondo mu iteraniro rye? Umupadiri wanyu mwiza ushaje.”

158 “Ni nde uwo muyobe witwa Yesu? Ni irihe shuli Yasohotsemo? Ni irihe shuli Aturukamo? Ikarita y'umunyamuryango Ye irihe? Ni umunyamuryango w'irihe dini?

“Akora iki iyo mufite kutumvikana mu muryango? Ni nde uza abasanga? Umupadiri wanyu mwiza w'umusaza kugira ngo agerageze ku. . . Kandi iyo mufite ubwumvikane buke n'uwo muturanyi, aho, ni umupadiri wanyu mwiza w'umusaza uza kugira ngo abunge, avuga ati: Mwese muri abana b'Imana. ntimwakagombye gukora ibyo.” Ni cyo...

“Ni iki akora uwo Yesu w'i Nazareti? Byose arabishwanyaguza. Ni iki Akora? Acyaha idini ryanyu. Ni iki Akora? Yise umupadiri wanyu impumyi iyobora impumyi. Yamwise inzoka mu byatsi. Yafashe igitambo Imana yari yarategetse kandi Yahiritse ameza kandi ajugunya amafaranga hanze ayarebana umujinya. Mwigeze mubona umupadiri wanyu areba gutyo? Noneho, ziri he imbuto z'Umwuka?”

159 Si mu kuvuga mu ndimi, si mu kubyina mu Mwuka, si mu kwihuza n'itorero, si mu mbuto z'Umwuka; ubumenyi bwa gikirisitu bushobora mu buryo bworoshye kurenga uwo ari we wese muri mwe aho hejuru, murebe, banahakana ndetse ubumana bwa Yesu Krisitu. Oya, si ibyo. Ahubwo n'Ijambo rizima! Ni ibyo. Iyo baza gusa kwitonda. . . Yari Mesiya. Yari Ijambo rizima, ryagaragajwe. Kandi umugabo, cyangwa umugore, ufite Umwuka w'Imana muri we, abaho iryo Jambo; Iri rituye mu by'ukuri muri bo. Ni ugutera k'umutima; ni ababigenewe, kuko Ijambo ry'Umwami riza kuri bo kandi ni Ijambo ku bwoko: inzandiko zanditse, zisomwa n'abantu bose. Ese ni byo? Igice cya gatatu cyaba cyegereje?

160 Mwe mukurikiye amabande, mwe mwumva iyi bande, nakwifuza ko mwashobora kubona iri teraniro muri uyu mwanya. Yego, yego. Niringiye ko mwumva ikintu kimwe.

Noneho iyo biza kuba bimeze gutyo? Murebe Ibyanditswe birunze aha. Byashoboka? Gukururwa kwa gatatu, ese ni ku bwo kubwiriza abazimiye by'iminsi yose kandi bajugunye Ubutumwa bw'agakiza?

"Noneho, muravuga muti, itorero rijyiye. . ." Yego, bazabikora. Bazakomeza neza nka mbere, neza mu buryo bumwe. Ariko mwibuke ko muri icyo gihe cyose Nowa yari mu nkuge. Umugeni yashyizweho ikimenyetso imbere hamwe na Krisitu. Umunyamuryango wa nyuma yaracunguwe. Ikimenyetso cya gatandatu cyarigaragaje. Ikimenyetso cya karindwi kimugaruye ku isi. Umwana w'intama yaraje kandi afata Igitabo mu kiganza Cye cy'iburyo, kandi Yaricaye noneho asaba Abe, abo Yacunguye. Ese ni byo? Ibyo igihe cyose byabaye icyo Gukururwa kwa gatatu.

161 Gatatu ni ukuzura. Ubukoze bwageze mu kuzura kwabwo igihe bwahishuruga na none Krisitu mu mubiri mu bantu, nk'uko byari byarahanuwe "Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Loti. . ."

Yoo! mutekereze! Abantu bashobora gukomeza kubwiriza, batekereza ko bakijijwe, bizera ko bakora neza, bizera ko amadini yabo akura. Neza cyane! ariko ndetse nta n'umurasire w'ibyiringiro! Noneho niba ibyo byari iryo yerekwa kandi ibyo byakomereye cyane abagore, ni uko twageze kuri iyo saha. Urugi rurakinze. Byararangiye. Ubu Igitabo kiri mu kiganza Cye. Mubitekerezeho.

162 Mundeke mbabwire ibi ubu, neza mbere yo kurangiza. Ndarangije. Bavuga ko, ahantu runaka muri Irlande, hegereye inyanja, hari urutare runini rwanyuraga ku nkengero z'inyanja, kandi kuri uwo musozi munini hari umuntu wajyaga -wagendaga umunsi umwe, neza - neza igihe cy'umuhengeri wazamukaga. Kandi ku musozi habaga umuntu w'umunyamwete wari uzi neza iyo mihengeri. Yari azi isaha umuhengeri wagombaga kuzira. Yari azi igihe umuhengeri watangiraga kuza. Uwo muhungu, we, ntiyagiraga ikibazo cy'isaha. . . Yari umwe muri abo bagabo bazi ibintu byose. Yari afite igitekerezo cye bwite. Yari umunyembaraga, ushoboye, umuhungu w'umuhanga, ariko ntiyarazi gusa isaha y'umuhengeri. Ntiyari azi muri make agace. Ntiyari azi ngo ni ryari ikimenyetso cyari cyiza, igihe ukwezi kwateye umugongo isi.

163 Kandi iyo Imana ikuye Umwuka Wayo ku isi, mwene Da, byarayikorewe. Byose byararangiye mu buryo bwuzuye. Uku kwezi kuza mu mwanya wako, amazi azatwikira isi nk'uko byagenze igihe Imana yayiremaga, mu Itangiriro 1. Ariko ukwezi kwagumye aho; kandi iyo guhindukije gusa umutwe, umuhengeri utangira kuzamuka. Uwo musaza w'umunyabwenge, wabaye muri ibyo bintu, yari azi isaha iyo ari yo. Uwo mugabo, we, ntiyarabizi. Ntiyari yarigeze abyiga, nta kintu byari bimubwiye. Kandi uwo musaza w'umunyabwenge asohoka yiruka kandi avuga ati "Mugabo wanjye mwiza, mufite ubutwari bwo kujya kure cyane. Mugaruke mwihuta. Hari urukuta. Ntimushobora kurusimbuka. Muzarimbuka. Ibimenyetso birahari; ni isaha. Umuhengeri uzazamuka mu buryo butunguranye kandi ntimuzashobora kugaruka. Ntimujye kure cyane!"

Kandi uwo mugabo arahindukira kandi aramuseka, avuga ati "Mujye mu gukora imirimo yanyu. Nzi icyo nshobora gukora n'icyo ntashobora gukora." Noneho umuhengeri uramutwara. Murabona?

164 Birashoboka ko igihe gikuze kurusha uko tubitkereza, murebe. Ibyo bizabatwara. Ntimujye kure cyane. ntimuzabikore, nshuti zanjye. Niba igihe cyose mwaranyizeye nk'umugaragu w'Imana, mufate ijambo ryanjye iki gitondo, niba mutarigeze na rimwe mubikora. Wenda hamaze kubaho gukererwa cyane. Ibyanditswe birabyerekana cyane ndetse. Noneho, mwibuke, simvuga ko ari ko bimeze. Simbizi; ariko murebe gusa.

Kandi naburijemo hafi paje icumi natinye kubazanira. Murabona? Murabona? Madamu Wood ni umuhamya wabyo, ndetse na Bwana Wood. Igihe najyaga kubareba iki gitondo, navuze nti "Sinshobora kubibabwira. Sinshobora kujya kure cyane. Nzabereka gusa umubare runaka w'Ibyanditswe nzabashinga, kubera ko bizaba bifashwe amajwi. Ibyo bizajya ku bantu bazanegura ubu Butumwa."

Biri muri gahunda. Bizaba hakurya yo kugaruka kose gushoboka umwe muri iyo minsi. Mukomeze gusa kuba umunyamuryango w'itorero. Mwogoshe imisatsi yanyu ibe migufi; musige mu maso hanyu. Mukomeze gufata "Data, Umwana n'Umwuka Wera", niba mubishaka. Mubihindure imana eshatu kandi mube umupagani. Mukomeze kwihambira ku idini yanyu. Mubikore niba mubishaka.

Muvuge muti "Nabyinnye mu Mwuka. Navuze mu ndimi. Ndamufite. . ."

165 Nabonye amadayimoni akora ikintu kimwe. Nabonye abarozi bavuga mu ndimi kandi bazisobanura, kandi bandika mu ndimi zitazwi kandi bakabisobanura; banywaga amaraso mu gahanga k'umuntu kandi bagahamagara satani. Babyinaga mu mwuka.

Abisiramu babyina mu mwuka gutyo kugeza bafashe amahwa kandi bakayijomba bakoresheje intoki, kandi bagafata icumu kandi bakarinyuza mu maso habo gutyo kandi bakongera bakarigarura nyuma, nta n'ikijojoba kimwe gusa cy'amaraso gitembye. Abahindu, bo, bazagenda bambaye ibirenge gusa mu muriro ufite ubujyakuzimu bw'ibirenge bitatu kandi n'ubugari bw'ibirenge bine - bitatu, cyangwa ahubwo ibirenge bine. Bahuha umuriro kugeza amakara ahindutse umweru, kandi nta na rimwe bashya ku birenge, nyamara, bahakana kubaho kwa Yesu Krisitu.

166 Oya, oya, nshuti zanjye. Ni Ijambo ribivuga. Abantu n'Ijambo bahinduka umwe. Murabona? Yesu n'Ijambo bari ikintu kimwe; Yari Ijambo. Kandi igihe Yesu yabaga mu muntu, ibyo byagize uyu n'Ijambo ikintu kimwe. Oya, ubuzima bwanyu buhishura icyo muri cyo. Noneho, mu gihe dusenga, mwirebere gusa

mu ndororwamo y'Imana kandi muvuge muti "Ndasa n'iki iki gitondo?"

[Mwene Data umwe avuga mu ndimi noneho undi atanga ubusobanuro - Ed.]

Nazerereye kure y'Imana,

Noneho, ngarutse mu Rugo (musenge ku buryo mutigeze musenga na rimwe!)

Rambura cyane amaboko Yawe akomeye y'urukundo,

Mwami, ngarutse mu Rugo.

Ngarutse. . .

167 Mu gihe mukomeje kuririmba, ndashaka kubabaza ikintu runaka. Hari ahantu mu mutima wanyu hasa n'ahijimishijwe n'icyaha? Niba ariko bimeze, ubu ni umwanya wo kubyibohora, uyu mwanya, niba hakiri imbabazi.

Ibi, niringiye ko atari ko bimeze. Niringiye ko tutari aho. Ariko ibyo ntibisa n'ibishoboka?

Mwumve icyo Umwuka Wera yavuze hagati y'abantu nyuma yuko ngera ku musozo "Ni Ijwi ku bwanyu." Kandi niba hari. . . Kandi niba mufite umwijima mu buzima bwanyu, ntimushaka kuza neza aha iruhande rw'igicaniro ubu mu gihe dukomeje kuririmba? Byihuse. Niba hari ibibazo, niba hari ukwandura, ibyo mwekubikerereza cyane. Mu gihe twiringiye kandi dufite ibyiringiro ko atari ko bimeze. . . ariko ibyo bizaba umwe muri iyo minsi, kandi ibyo bishobora kuba uyu munsi.

Noneho, Mwami, ndagarutse. . .

168 Hamwe n'umwuka wo mu myinge y'amazuru yanyu, neza iruhande rwanyu! Niba abumva bande bashoboraga gusa kubona ikiri kubera aha uyu mwanya! Bari gusunikana, barira, bava ahantu hose.

Ese ni iri yerekwa, igihe nari umuhungu ukiri muto? Ese ni isaha? Ese ni igihe aho ibi bisa n'ibiteye ubwoba kandi biteye agahinda. . . ikuzimu haremewe neza aha ku isi?

Igicaniro, muri koridori, ahantu runaka muri aya majana ari aha, muhaguruke gusa niba muvuga muti "Ndashaka guhaguruka no gusenga kugira ngo abantu bamenye. . ." Cyangwa mupfukame, cyangwa mukore icyo mushaka. Yoo! yoo yoo! Noneho, mushobora kubona mu buryo bugoranye umuntu wicaye, abantu barahagaze ahantu hose.

Nshobora kuvuga ibi: Imana ntiyemere. . . Imana ntiyemere ko icyo navuze kiba nonaha. Nshobore kubyumva! Umuntu wese. Imana ntibyemere. Mfite abana batarimo imbere. Mfite abakobwa babiri n'umuhungu umwe. Mfite abavandimwe. Mfite umuryango wanjye utarimo imbere. Imana ntiyemere ko ubu buntu budusiga; reka ibi byose bibe gusa gucyeka. Hasigaye na none ubuntu, Mwami? Emera ko nibeshya aho hejuru, Mwami. Emera ko ibyo biba ikinyoma, uyu mwanya. Ko na - ko bitamera gutyo kandi abantu bashobora kongera gukizwa. Bitange, Mwami. Ndasaba kandi nkuhaye iyi sale yuzuye abantu, ubu, mu Izina rya Yesu Krisitu.

169 Reka bose basenge ubu, neza nka. . . Noneho niba ariko byari bimeze? Ubu, sinzi niba ariko bimeze, ariko bibaye ariko bimeze? Musenge nk'uko mubyumva. Musenge gusa nk'uko mubyumva. Byagenda gute bibaye gusa byari ukuri? Twakora iki, nshuti zanjye? Ni iki twakora? Ni iki kijyiye kuba? Ubu, musenge gusa, mwese. Muterere hejuru gusa; musenge gusa uko mubyumva. Muvuge n'ijwi rirenga uwo mwanya bijya ku Mana, nk'uko mubyumva. O Mana!

Rambura amaboko yawe y'urukundo

Yoo Mwami, Ngarutse imuhira

170 Mwami, nari mfite intego yo kubikora, hashize igihe kirekire. Nategereje igihe kirekire cyane, Mwami? Ese - ese byarangiye? O Mana! rambura amaboko Yawe y'urukundo kandi unyakire. Niba izina ryanjye ryari mu Gitabo cy'Umwana w'intama, mvugisha nonaha, Mwami. Ndeka mbyakire ubu nonaha. Emera neza kubikora, o Mana.

Ngarutse mu Rugo, ngarutse mu Rugo,

Yoo! na rimwe (Sinzongera na rimwe kugenda, Mwami)

kongera kuzerera.

Rambura cyane amaboko Yawe y'urukundo,

O Mwami, ngarutse mu Rugo.

171 Bibiliya ivuga ko igihe bazamenya Yesu, buri umwe azarira nkaho umuhungu we bwite yishwe.

Mwe muri hanze, mwe mu mavatiri muri kumva ku mirongo migufi; mwe muhagaze impande z'inyubako, benshi muri mwe mwegamize gusa umutwe wanyu ku nyubako, muvuga muti “Mwami Mana, ngirira imbabazi.”

Rambura. . . (Mupfe mu buryo bw'umutima umenetse, nshuti zanjye! Mutekereze igihe turimo! Ni he turi?

Mwami, ngarutse mu Rugo.

Ngarutse mu Rugo, Ngarutse mu Rugo,

172 Mwami Yesu, nakoze ibyo nshoboye byose. Nakoze ibyo nashoboraga byose. Emera, Mwami, ko imiryango y'impuhwe yongera gufunguka. Ku bw'aya majana, mu magambo y'umvikana aya majana agushaka uyu mwanya, kuraho ikizinga cyose cy'icyaha, Mwami, kandi ubinjize uyu munsi.

Nda - ndakora ubuvugizi n'umutima wanjye wose, mu gihe tubona, atari umuntu gusa uvuga, ahubwo Ibyanditswe Ubwabyo bituyobora iyi saha. Kandi iri yerekwa, mu gihe nari nkiri umuhungu muto, ubwo nabonye abo bantu muri iyi mimerere; kandi ubu ndatekereza ko ikuzimu ubwaho. . . ko impuhwe zakuwe ku isi kandi ko ubu ikuzimu ubwaho hari hano. Kandi abantu, Mwami, bari muri iyi mimerere iteye ubwoba.

O Mana Ishobora byose, ndagusaba, Mana, gusuka imigisha Yawe kuri iri Torero ryatoranijwe, kugira ngo bashobore kwakira ubukozi bw'ubuhamya nk'uko Loti yabubonye, nk'uko Nowa yabubonye, nk'uko Yesu yabubonye, ku bazimiye by'iminsi yose, bibayeho ko bo ubwabo bashyirwaho ikimenyetso mu Bwami bw'Imana, ariko dutanga ubuhamya bwa Yesu Krisitu nk'uhora uko yari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. Bitange, Mwami. Ushobore kwakira ibyifuzo byacu, mu gihe dukora ubuvugizi mu Izina rya Yesu.

173 Noneho, musenge gusa uko mubyumva. Ntimwihate! Ntimwihate! Noneho mubaye izina rya nyuma ribonetse mu Gitabo?

. . . Ngarutse mu Rugo.

Ngarutse mu Rugo, ngarutse mu Rugo. . .

Mwene Data Neville, mwigire hino kandi mubasengere mu kanya gato. Umushumba ajyiye gusengana namwe, ubu, mu gihe musenga. Ngiye kuririmba.

Rambura cyane amaboko Yawe y'urukundo

Mwami, ngarutse mu Rugo, ngarutse mu Rugo

Ngarutse mu Rugo, Ngarutse mu Rugo

Sinzongera kuzerera (Yego Mwami)

Rambura amaboko Yawe y'urukundo,

Mwami, ndatashye imuhira.

Ntashye imuhira, ntashye imuhira

Sinzongera kuzerera;

Rambura amaboko Yawe y'urukundo,

Mwami, ndatashye imuhira

[Mwene Data Branham n'iteraniro bakomeza kuririmba mugihe Mwene Data Neville asenga. «Mana ishobora byose, Data wo mu Ijuru, turanezerewe kuba waduhaye uyu mwanya wo gutekereza ku mibereho yacu imbere yawe. Mana yanjye, bivuye mu ndiba y'umutima wacu, turagusaba Mwami, bitari ku bwacu gusa, ariko no ku bw'abandi. Uyu mwanya, Mana, uba umwanya muri iki gitondo, ugirire imbabazi abo bose, kugira ngo wa munsi, bazabe bararetse ubwirasi, ibidafite akamaro n'ibindi. Mwami Yesu, uno munsi, turasaba ngo uhe abari ku mavi, yoo, mbunamisha imitwe yabo imbere y'iyi nyubako. Yoo Mana, reka ijwi ryo mu Ijuru rivuge muri iki gitondo. Duhe icyizere Mwami. Reka aba bagabo n'aba bagore barembye, Yesu, bahumurizwe n'uyu muhamya uri bumanuke mu Ijuru muri iki gitondo. Mu Izina rya Yesu Kristo, turasaba, Mwami, niba hakiri imbabazi zo mu maraso Yamije kuri buri wese, uko ari buze. Bibe bityo uno munsi.“]

[Mwene Data Neville akomeza gusenga. «Kandi buri wese, Mwami, ahamirizwa uno munsi, Mwami, ko uri Imana ishobora byose. Niba hari agasigazwa k'imbabazi, bibe bityo kuri buri wese uno munsi.“] Biduhe Mwami. [”Bibe ubu Data. Amahoro y'Imana yagaragaje ubwenge igihe cyose, aza ku mitima itegereje.»] Yego Mwami. [“Bibe ari igihe.”] Yego. [“Twizera ko wumvinse bavuga Ijuru.”] Mana, biduhe.[“Ibidutegereje byose, niba byararangiye, rero Mwami, tuzi neza iherezo.”] Yego, Mwami. [“Ariko bitabaye ibyo, reka

umuhamya aze.”] Yego Mwami. [“Reka abaje, reka bagire amahoro uno munsi.” Biduhe Mwami. [“Ku bwa Yesu Kristo. No mu Izina Rye, turasenze, Amina.”]

174 ... Mwami Yesu ndagusaba gukiza Becky na Sara na Yozefu kandi n'abandi, Mwami. Ntuzatume ibi bigera ku bana banjye, Mwami. Ntuzatume ibyo bigera kuri bene Data banjye, ku nshuti zanjye. Bitange, Mwami.

Ntituzi. Ntituzi, ariko turabona ikintu runaka, Mwami. Ese - ese ni ikimenyetso imbere yacu, ubu ndetse, kugira ngo kitunyeganyeze? Bitange, Mwami. Dukururire, twese, hafi Yawe byihuse, Mwami. Turagukunda kandi turagucyeneye. Emera, Data, ko Umwuka Wera udukomeza nonaha mu mitima yacu.

Turasenga kugira ngo tube abahamya Bawe muri iyi saha, kuko tuzi ko ibi bigomba kuba. Ibyo byahanuwe mu bisekuru, kandi tugomba guhangana na byo, ko turi ku iherezo ry'ibihe, iyo tubonye ibi bimenyetso biboneka.

Tuzi kandi twize kuva mu myaka myinshi ubu ko iki gikorwa kigomba kuba. Ubu, turabibona neza ku rugi rwacu. Umujinya ukomeye kandi w'imbaraga w'Imana urimo kuzenguruka inzira, uzana abadakebye. Ahatari Amaraso ku rugi, marayika w'urupfu arakubita kandi bakomeje kubaho, ariko barapfuye nubwo bariho, nta mpuhwe, nta Mana kandi ntibashobora kwigera bakizwa.

175 Mana! ni kangahe tugushimira ku bw'abakijijwe! Ni kangahe… Mbega umugisha ukomeye uri mu mitima yacu wo kuba ubu imbere munsi y'Amaraso, mu gihe uwo marayika wa nyuma azenguruka igihugu, azana aba. . .

Abatari bari munsi y'amaraso bapfuye nta mbabazi. Kwari Gukururwa kwa nyuma kwa Mose. Ukwa mbere, umusore yabwiye Israel; ukwa kabiri, yajyiye kubabohora; ukwa gatatu, bwari ubutumwa bwa nyuma. Ibitangaza bimaze gusohozwa, Mose yari mu muhanda hamwe n'abacunguwe ku bw'ubutaka bwasezeranijwe. O Mana! gira impuhwe! Ndasaba mu Izina rya Yesu.

176 Noneho, ndashaka kubaza ibi: Mwe musenga; mwe mwizera ko mwabonye imbabazi kandi ko Imana. . . Murumva ko muri mu Bwami bw'Imana; murumva ko mwakomejwe mu buryo bumwe cyangwa ubundi; ko muri Krisitu mufite kwizera kugira ngo mwizere ko muri umukirisitu, ko mwavutse bwa kabiri; kandi muzi ko muri umukirisitu, nta gushidikanya. Ndashaka ko muhaguruka mwese, mwe mwabishakaga, mwe mubyizera, ko izi mbabazi zakomeje kugera kuri mwe ubu, kandi ko muri umukirisitu; kandi namwe - kandi namwe mwizera ko Amaraso yashyizwe mu mutima wanyu kandi ko - kandi ko mwababariwe icyaha cyose.

177 Aho byari ikintu gikomeye cyane kukibazanira, mwe abantu. Ndashimira cyane kubona abantu baturutse ahantu hose. Kandi namwe… 391. Sinzi niba iki kintu ari cyo, ariko umunsi umwe ibyo bigomba kuba gutyo. Murabona? Ibyo bigomba kuba aho, kandi ibyo byashobora kuba nonaha. Murabona? Kandi mu buryo bwose, isi izakomeza inzira yayo. Abantu bazaza igihe cyose ku gicaniro; bazaterera hejuru igihe cyose, ariko ibyo nta kintu kiza na kimwe bizabakorera. Murabona? Bizaba birangiye kuri bo, murabona? Bizaba birangiye. Ntihazongera kubaho imbabazi. Mubyibuke. “Noneho igicaniro cyuzura umwotsi.” “Uwanduye yongere yandure kandi uwera yongere akiranuke, kandi uwera yongere yiyeze.”

Nta mbabazi zigihari, igihe Umwana w'intama afashe Igitabo; ni ibyo, byose byararangiye, kandi twavugaga ko byose byashobora kuba nonaha. Birashoboka ko tugifite umunsi umwe. Birashoboka ko uyu munsi, ari uwo munsi. Birashoboka ko ejo, ari uwa nyuma. . . Birashoboka ko uyu mugoroba, ari umugoroba wa nyuma. Birashoboka ko uyu, ari umwaka wa nyuma. Nsinzi, nshuti zanjye. Icyo nkora ni ukubibabwira gusa. Sinzi. Ibyo nsinzigera mbibwirwa.

178 Ariko igihe Imana ifashe iri zina rya nyuma mu Gitabo cy'Ubugingo kandi ikaricungura, byose biba birangiye. Murabona, ntidushobora kongera kubibona mu buryo bwose. Ntishobora kongera kubihagira mu buryo bwose. Ni byo gusa. Byararangiye. Ni bangahe bazi ko ari Ukuri? [Iteraniro riravuga riti: Amina - Ed.]. Byiza cyane. Ni - ni Ukuri. Ubu turi kumva. . . Kandi ndabona ko iri teraniro nabwirije, kandi naburiye iyi myaka. . . kandi ndabona Ubutumwa nk'ubu, nazanye nkunze. . . Kandi mwibuke gusa, ndabivuga gutyo kugira ngo mubyumve: mu rukundo. Ibintu bimwe byinshi biba byashoboye urebye kubakomeretsa, murebe, ariko nagombye gusa kubikuramo. Numvishije nsunikiwe kubikora; kubera ko ntabizi neza… Kandi niba ntazi neza aho ngenda, nzagenda nitonze, murabona, ariko ndabibabwiye gusa.

179 Mwumve! Ntimufite amahirwe? Hashobora kuba hari ikintu runaka kibabaje cyane mushobora gutekerezaho, mwaba mwarakoze mu buzima bwanyu?

Noneho ubu bibaye byararangiye? Noneho bibaye byararangiye neza? “Yoo! muvuge, Mwene Data Branham, birashoboka…” Yego, ndabizi. Bashobora rwose gukomeza nka mbere. Babikoze buri nshuro. Narabisobanuye kandi nabigaragaje n'Ibyanditswe. Murebe, isi yakomeje nka mbere, ariko byari byarangiye. Murabona? Murabona?

Ubupfu bw'ikibwirizwa bukiza abazimiye. Ni ubupfu ku muntu; ni ubwenge bw'Imana. Murabona?

Imana ni Umwuka. Ikora mu buryo bw'umwuka; murebe, Isohoza ibitangaza mu buryo butangaje. Ariko twe, turi abantu; dufite imbibi. Ntitubizi. Turebe gusa ibyo dushobora kubona, ariko Ikintu runaka muri twe. . .

180 Igihe musohotse aha hantu, aha, niba mutarigeze na rimwe mubibona mu buzima bwanyu, niba mutarigeze mubona umucyo w'umunsi, muzamenya ko mwavuye aho hantu mujya ahandi ahari umucyo w'izuba cyangwa ikindi. Hari hashyushye. Mwashoboraga kubyumva. Niba nta mwumviro n'umwe w'umubiri wanyu ngo ubivuge, muzabimenya ndetse, nubwo mwabura n'amaso kubibona. Niba mutarashoboraga kubona ibiti bihinduka icyatsi, kubona ibidukikije. Niba mutari mufite kubona, niba nta muntu wari ugufite, muzamenya nyamara ko mwari ahantu hari ikintu runaka; muzabyumva. Muzabimenya narageragejе kubasobanurira nti “Ni izuba, iriyoroshya. Ihishura ibintu.” Murebe, muzamenya ko yari ihari kubera ko mwashoboraga kubyumva hamwe n'imyumviro yanyu. Ese ni byo?

181 Ubu, tuzi ko Krisitu ari hano. Murebe, birashoboka ko mutamubona n'amaso yanyu. Murabona? Birashoboka ko atari byo, ariko n'iyerekwa, ndababwira ko Ari hano. Turabyumva. Tuzi ko hari Ikintu runaka aha imyumviro yacu itavuga. Ni Umwuka ubivuga, ko Krisitu ari aha.

Ndumva ko Yaducunguye. Ndumva ko amazina yacu ari mu Gitabo Cye. Nizeye ko twacunguwe n'Amaraso y'Umwana w'Intama. Ndabakunda kandi nzi ko mukundana.

Yoo! hashimwe umugozi uhuza

Imitima yacu mu rukundo rwa gikirisitu;

Gusangira k'ubugingo buva inda imwe

Gusa n'uko Hejeru

Twakagombye buri munsi kwiyumva gutyo umwe k'uw'undi; murebe, turabigomba. Tugomba kwiyumva gutyo umwe k'uw'undi, murabona? Mu by'ukuri, iyo dukundanye, tuba dukunze Imana. Mushobora kwanga mwene So mwabonye noneho mukavuga ko mukunda Imana mutabonye? Tugomba gukundana. Nta muntu n'umwe ufite urukundo rukomeye kurusha Uwatanze ubuzima Bwe ku bw'abanzi Be kugira ngo bashobore guhinduka inshuti Ze.

182 Yoo! Muzi iyi ndirimbo “Hashimwe umugozi uhuza”? Ntibitangaje? Hashimwe umugozi!... Mwakwemera kubyemeranyaho natwe, mushiki wacu, aho? Mureke gusa ibyo bikore umunota umwe. . .

Noneho bibaye byararangiye? Noneho kubaye ari Ugukururwa kwa gatatu kwegereje ubu, ni ukubwiriza abazimiye? Noneho ibigereranyo byose bihamirijwe ubu, kandi tukaba turi imbere - kandi tukaba turi imbere, ibyo ntibyaba bihebuje? Mbega gusangira!

Yoo! hashimwe umugozi uhuza

(Dore ikibikora.)

Imitima yacu mu rukundo rwa gikirisitu;

Gusangira k'ubugingo buva inda imwe

Ni nk'ibyo hejuru.

183 Byari iki? Gusangira k'ubugingo buva inda imwe. “Ubwami Bwawe buze, ubushake Bwawe bukorwe.” Murabona?

Turagerageza guhindura Imana umupfumu (igitanga amahirwe), umuhungu w'amasiganwa cyangwa ikindi, tuvuga tuti “Mana, kora ibi, kora biriya.”

Yesu yaravuze ati “Musenge muti: Ubwami Bwawe buze, ubushake Bwawe bukorwe ku isi nk'uko bukorwa mu Ijuru.”

Noneho Ijuru ryaramanutse ritugeraho kandi natwe, twazamutse mu Ijuru noneho ubu twicaye Ahantu ho mu Ijuru muri Krisitu Yesu. Turizera twese ko ubu Butumwa ari Ukuri, ko Yesu Krisitu, Umwana w'Imana, yaducunguye.

Duhumirize ubu noneho tuzamure ibiganza mu gihe tubiririmba.

Hashimwe umugozi uhuza

Imitima yacu mu rukundo rwa gikirisitu;

Gusangira k'ubugingo buva inda imwe,

Ni nk'ibyo hejuru.

184 Noneho, nta guseka; si umwanya wo guseka. Hamwe n'ukuri kuvuye ku ndiba y'umutima, mugihe bakina iyo ndirimbo, mufate ikiganza umuntu ubegereye, muvuga muti "Imana igihe umugisha, Mukirisitu." Hamwe n'umutima umenetse.

Imana ibahe umugisha, mwene Data Neville. [Mwene Data Neville aravuga ati : Ibahe umugisha, Mwene Data Branham - Ed.] Imyaka mirongo itanu n'icyenda, [Ni byo neza] ni myinshi! Imana ibahe umugisha, mwene Da… Noneho, tuzamure ibiganza kuri We.

Iyo twiringiye

Ibyo bidutera umubabaro imbere;

Ariko igihe cyose tuzaba umwe mu mitima yacu,

Kandi twiringiye kuzongera tugahura.

185 Noneho, twubike imitwe yacu. Maze twese hamwe, tutazi icyo ejo hazaza haduteganyirije, tutazi ibiriho biba ubu. Si mbizi. Sinabivuga. Simbizi. Ariko tugendeye kubyahishuwe mugitondo, turasenga isengesho Umwami yatubwiye. N'ubwo byaba : Ubwami Bwawe buze; Ubushake Bwawe bube. Mureke turivugire hamwe.

"Data wa twese uri mu ijuru,

Izina Ryawe ryubahwe;

Ubwami Bwawe buze;

Ibyo Ushaka bibe mu isi

Nk'uko biba mu ijuru.

Ifunguro ridutunga Uriduhe none.

Utubabarire ibyaha byacu

Nk'uko natwe tubibabarira ababitugiriye

Ntutureke ngo dutsindwe n'amoshya

Ahubwo Udukize ibyaha

Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari Ibyawe

None n'iteka ryose. Amina!"

186 Noneho, n'imitima yacu iciye bugufi— Bibiliya ivuga ko baririmbye indirimbo basohoka Mwibuke ubwo bakoraga ibyo mu Byanditswe, nuko bari babambye umurimo wo guhamagarwa kwa kabiri ku Mwami wacu, kandi ko umurimo wa gatatu wahamagariraga kwitegura. Hashize amasaha make, Yinjira ikuzimu, Abwiriza abari ikuzimu, barira baranze imbabazi

Mumpe ijwi rya "Ukwizera kwanjye kurakureba."

Ukwizera kwanjye kurareba hejuru kuri Wowe,

Wowe, Umwana w'Intama w'i Karuvari,

Umukiza wa kimana!

Noneho, nyumva, mu gihe ndigusenga,

Kuraho ibyaha byanjye byose,

Yoo! ndeka uhereye uyu munsi

Mbe mu buryo bwuzuye kuri Wowe!

Mu gihe ngenda mu nzira y'inzitane yijimye y'ubuzima,

N'umubabaro ukomeye ukaba unzengurutse,

Wowe, ba Umuyobozi wanjye;

Tegeka umwijima uhinduke umucyo,

Hanagura amarira yanjye y'agahinda.

Yoo! ndeka uhereye uyu munsi

Mbe mu buryo bwuzuye kuri Wowe!

187 Umwami abahe umugisha kandi Amurikishe Umwana We n'ubuntu Bwe kuri mwe, kandi Umwami abahe Ubugingo buhoraho kandi abane namwe aha, muri iyi si no mu isi y'igihe kizaza. Kandi no mu Bugingo buhoraho, muzashobore kumukorera mu iteka ryose rizaza.

Niba iki ari igihe kandi tukaba twarahageze, simfite isoni z'ibyo nabwirije. Kandi niba buri mubwirizabutumwa agomba kugaragara hamwe n'iteraniro rye kandi agacirwa urubanza (nk'uko nabibonye mu iyerekwa), ndashimira ku bw'Ubutumwa bwiza nabwirije, kubera ko ari Ubutumwa bumwe Pawulo n'abandi babwirije.

Mfite amahirwe ku bwanyu. Mfite amahirwe ko mwakiriye Krisitu nk'Umukiza wanyu. Mumukunde kandi musenge.

Kandi ndibubabone uyu mugoroba, Umwami nabishaka, saa moya, aha ku rusengero. Imana ibahe umugisha. Ndabasezereye.

MESSAGE hub online

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7

www.messagehub.info